Iyo amategeko agenga imisoro agena igihe igikorwa runaka, iyemeza cyangwa ubutumwa bikorwamo cyangwa bitangwamo, icyo gihe gitangira kubarwa umunsi ukurikira itariki igaragazwa na kimwe muri ibi bikurikira:	Where the tax legislation sets time limit within which a certain act, confirmation or communication has to be made or delivered, the time is calculated from the day following the date shown by one of the following:	Lorsque la législation fiscale fixe le délai dans lequel un acte, une confirmation ou une communication doit être fait ou livré, le délai est calculé à compter du lendemain de la date indiquée par l'un des éléments suivants :
1° kashe y'iposita yashyizwe ku ibaruwa ishinganye;	1 º the postmark put on the registered posted mail;	1 º le cachet postal apposé sur la lettre recommandée à la poste;
2° inyandiko cyangwa ubutumwa butangiwe icyemezo cy'uko bwakiriwe;	2 º a document or communication delivered with acknowledgement of receipt;	2 º un acte écrit ou une communication remis contre accusé de réception;
3° inyandiko y'umuhesha w'inkiko;	3 º an official notification by the court bailiff;	3 º une signification par l'huissier de justice;
4° umunsi ubutumwa koranabuhanga bwagereye mu rusobe rw'ikoranabuhanga rwatanzwe n'ugenewe ubutumwa.	4 º the date on which the electronic message was delivered on the electronic address provided by the receiver.	4 º le jour auquel le message électronique est délivré à l'adresse électronique fournie par le destinataire.
Usora cyangwa Ubuyobozi bw'imisoro byakoresheje iposita mu kohererezanya ubutumwa bifatwa nk'aho byujuje	A taxpayer or the Tax Administration that communicates to each other by post are deemed to have discharged their respective	Un contribuable ou l'Administration fiscale qui communiquent entre eux par voie postale sont réputés avoir rempli leurs obligations

inshingano zabyo ku munsi kashe y'iposita yashyizwe ku ibaruwa ishinganye.	obligations on the date the postmark was put on a registered posted mail.	respectives à compter de la date où le cachet postal est apposé sur la lettre recommandée à la poste.
Iminsi ivugwa muri iri tegeko ni iminsi ikurikirana kuri kalindari, uretse aho itegeko ribiteganya ukundi.	Days provided by this Law are calendar days, unless the law provides otherwise.	Les jours prévus par la présente loi sont les jours calendrier sauf si la loi en dispose autrement.
Iyo umunsi wa nyuma wo kubahiriza ibiteganywa n'amategeko agenga imisoro ubaye ku munsi w'ikiruhuko rusange cyangwa w'impera z'icyumweru, ibiteganywa n'amategeko byubahirizwa ku munsi ukurikira w'akazi.	If the last day to respect provisions of the tax legislation is an official holiday or a day of weekend, provisions of the law are respected on the following working day.	Si le dernier jour pour l'exécution des dispositions de la législation fiscale est un jour férié ou un jour de fin de semaine, l'exécution des dispositions est reportée au jour ouvrable suivant.
Icyakora, iyo umunsi wa nyuma wo kumenyekanisha no kwishyura umusoro mu mpera z'umwaka w'ingengo y'imari ubaye ku munsi w'ikiruhuko rusange cyangwa w'impera z'icyumweru, inshingano zo kumenyekanisha no kwishyura umusoro zubahirizwa ku munsi w'akazi ubanziriza ikiruhuko rusange cyangwa impera z'icyumweru.	However, when the last day for declaration and payment of tax at the end of the budget year falls on a public holiday or a day of weekend the obligation for declaration and payment of tax is executed on the working day prior to the holiday or a day of weekend.	Toutefois, lorsque le dernier jour de déclaration et de paiement de l'impôt à la fin de l'année budgétaire coïncide avec un jour férié ou un jour de fin de semaine, l'obligation de déclaration et de paiement de l'impôt est exécutée le jour ouvrable précédant le jour férié ou le jour de fin de semaine.
Ingingo ya 9: Inyandiko zisobanura amategeko y'imisoro	**Article 9: Tax rulings**	**Article 9 : Décisions fiscales**
Haseguriwe ibiteganywa n'andi mategeko, abisabwe cyangwa abyibwirije, Komiseri Mukuru akora inyandiko isobanurira abasora ingingo z'amategeko agenga imisoro. Iyo nyandiko igenewe rubanda, itangazwa	Subject to the provisions of other laws, on request or by his or her own initiative, the Commissioner General issues an advance tax ruling. In case this ruling is for the public, it is published through a nationwide media.	Sous réserve des dispositions d'autres lois, le Commissaire général émet, sur demande ou par sa propre initiative, une décision anticipée en matière fiscale. Lorsque la décision est pour le public, elle est publiée

hakoreshejwe uburyo bw'itangazamakuru bugera mu Gihugu hose.		par voie de média de diffusion nationale.
Amabwiriza ya Komiseri Mukuru agena uburyo inyandiko isobanurira abasora ingingo z'amategeko agenga imisoro ikorwa.	The directives of the Commissioner General determine modalities for establishment of an advance tax ruling.	Les directives du Commissaire général déterminent les modalités d'établir une décision anticipée en matière fiscale.
<u>Ingingo ya 10</u>: Uhagarariye usora n'inshingano ze	**<u>Article 10</u>: Representative of a taxpayer and his or her obligations**	**<u>Article 10 </u>: Représentant du contribuable et ses obligations**
Usora yemerewe guhagararirwa n'umwe muri aba bakurikira:	A taxpayer is allowed to be represented by one of the following persons:	Le contribuable est autorisé à être représenté par l'une des personnes suivantes :
1° umwishingizi cyangwa undi muntu ushinzwe kureberera umwana cyangwa undi muntu udafite ububasha;	1 º the guardian or any other person responsible for custody of a minor or a person declared incapable;	1 º le tuteur ou toute autre personne qui a la garde d'un mineur ou d'un incapable;
2° umuntu wemerewe n'amategeko cyangwa urukiko gucunga umutungo cyangwa umurage, kimwe n'abazungura b'uwo mutungo;	2 º a legal or judicial administrator of a property or a legacy, and the heirs of such a property;	2 º l'administrateur légal ou judiciaire d'un patrimoine ou d'un legs, ainsi que les héritiers de ce patrimoine;
3° umuntu uhagarariye isosiyete mu buryo bwemewe n'amategeko;	3 º the legal representative of a company;	3 º le représentant légal d'une société;
4° abafatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi;	4 º the partners in a partnership;	4 º les associés d'une société de personnes;
5° umuyobozi, cyangwa undi yahaye ububasha bwo guhagararira usora;	5 º the manager, or any other person with mandate to represent the taxpayer;	5 º le gestionnaire ou toute autre personne mandatée pour représenter le contribuable;

6° uhagarariye isosiyete cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi kiri mu iseswa;	6 º the curator of a company or any other legal person in liquidation;	6 º le curateur d'une société ou de toute autre personne morale en liquidation;
7° undi wese wahabwa ububasha bwo guhagararira usora.	7 º any other person with mandate to represent the taxpayer.	7 º toute autre personne mandatée pour représenter le contribuable.
Umuntu uvugwa mu gace ka 1°, aka 2°, aka 5°, aka 6° n'aka 7° tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo wahawe ububasha bwo guhagararira usora amenyesha Ubuyobozi bw'imisoro ububasha cyangwa imirimo ye mishya mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) ahawe ubwo bubasha cyangwa iyo mirimo.	A person referred to in items 1°, 2º, 5º, 6º and 7º of Paragraph One of this Article having the mandate to represent the taxpayer communicates the new capacity or appointment to the Tax Administration within a period of seven (7) days after obtaining the capacity or the appointment.	La personne visée aux points 1°, 2°, 5°, 6° et 7° de l'alinéa premier du présent article ayant reçu le mandat de représenter le contribuable est tenue de communiquer la nouvelle compétence ou désignation à l'Administration fiscale dans le délai de sept (7) jours qui suit ladite compétence ou désignation.
Umuntu wese wemerewe guhagararira usora abazwa inshingano zijyanye n'imisoro ziri mu bubasha yahawe.	Any person allowed to represent a taxpayer is liable for tax obligations in the limit of his or her mandate.	Toute personne autorisée à représenter un contribuable répond des obligations fiscales dans la limite de son mandat.
UMUTWE WA II: KWIYANDIKISHA K'USORA	**CHAPTER II: TAXPAYER REGISTRATION**	**CHAPITRE II: ENREGISTREMENT DU CONTRIBUABLE**
Ingingo ya 11: Inshingano yo kwiyandikisha	**Article 11: Registration duty**	**Article 11: Devoir d'enregistrement**
Haseguriwe ibiteganywa n'andi mategeko yerekeye iyandikisha ry'ibigo, umuntu utangiye igikorwa cy'ubucuruzi acyandikisha ku Mwanditsi Mukuru.	Subject to the provisions of other Laws related to the registration of legal entities, a person who sets up a business registers the business with the Registrar General.	Sous réserve des dispositions d'autres lois relatives à l'enregistrement des personnes morales, une personne qui entreprend une activité commerciale doit la faire enregistrer auprès du Registraire général.
Icyakora, umuntu ukora ibikorwa bitari iby'ubucuruzi bishobora gukomokaho	However, a person who carries out non-commercial activities which can generate tax,	Cependant, une personne exerçant des activités non commerciales pouvant générer

umusoro afite inshingano yo kwiyandikisha mu buyobozi bw'imisoro.	has the responsibility to register with tax Administration.	l'impôt doit se faire enregistrer auprès de l'Administration fiscale.
Umuntu ukora ibikorwa bisoreshwa birenze amafaranga y'u Rwanda miliyoni makumyabiri (20.000.000 FRW) y'ibyacurujwe mu gihe cy'umwaka w'isoreshwa warangiye cyangwa birenze amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) mu gihembwe kirangiye yiyandikisha ku musoro ku nyongeragaciro mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) ikurikira irangira ry'uwo mwaka cyangwa ry'amezi atatu (3) aheruka uretse igihe ibikorwa akora byose bisonewe umusoro ku nyongeragaciro.	Any person who carries out taxable activities whose turnover in the previous fiscal year exceeds twenty million Rwandan Francs (FRW 20,000,000) or five million Rwandan Francs (FRW 5,000,000) in the preceding quarter registers for Value Added Tax within a period not exceeding seven (7) days from the end of the concerned year, or three previous months unless his or her business is exempted from Value Added Tax.	Une personne exerçant des activités imposables dont le chiffre d'affaires est supérieur à vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW) dans l'année fiscale précédente ou cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) au cours du trimestre précédent est tenue de se faire enregistrer à la taxe sur la valeur ajoutée dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours à compter de la fin dudit exercice ou trois mois précédents sauf si toutes ses activités sont exonérées de la taxe sur la valeur ajoutée.
Umuntu udasabwa kwiyandikisha ku musoro ku nyongeragaciro, hakurikijwe ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, ashobora kwiyandikisha ku bushake ku musoro ku nyongeragaciro.	A person who is not required to register for Value Added Tax in accordance with the provisions of Paragraph 3 of this Article may voluntarily register for Value Added Tax.	Une personne qui n'est pas assujettie à la taxe sur la valeur ajoutée, en application de l'alinéa 3 du présent article, peut s'y faire enregistrer volontairement.
Usora wibwirije kwiyandikisha ku musoro ku nyongeragaciro aho ubucuruzi bwe bwaba bugeze hose yiyandikisha ku Mwanditsi Mukuru. Icyakora, kwandika bikorwa n'Ubuyobozi bw'imisoro iyo usora yujuje umubare w'ibyacurujwe usabwa ngo yiyandikishe, ariko ntabikore. Ubuyobozi bw'imisoro buhita bumenyesha usora ko bwamwanditse.	The taxpayer, who takes the initiative to register for the Value Added Tax at any time of his commercial activity, registers with the Registrar General. However, the registration is done by the Tax Administration if the taxpayer meets the required registration turnover but fails to register. The Tax Administration immediately notifies the taxpayer of such a registration.	Le contribuable qui prend l'initiative de se faire enregistrer à la taxe sur la valeur ajoutée à tout moment du déroulement de son activité commerciale, le fait auprès du Registraire général. Cependant, l'enregistrement est fait par l'Administration fiscale si le contribuable a atteint le chiffre d'affaires requis pour l'enregistrement mais ne se fait pas enregistrer. L'Administration fiscale notifie immédiatement cet enregistrement au contribuable.

Impinduka zose, zaba izerekeranye n'usora cyangwa imirimo ye, zimenyeshwa mu nyandiko Ubuyobozi bw'imisoro mu minsi irindwi (7) uhereye ku munsi impinduka zagaragariye.	Any changes related to the taxpayer or his or her activities are notified in writing to the Tax Administration within seven (7) days from the day the changes were noticed.	Toute modification relative au contribuable ou à ses activités est notifiée par écrit dans un délai de sept (7) jours à l'Administration fiscale, à compter du jour auquel la modification a été constatée.
Umwanditsi Mukuru ashyiraho amabwiriza agena uburyo bwo kwandikisha no kwandukuza ibikorwa by'ubucuruzi, amaze kugisha inama Komiseri Mukuru.	The Registrar General issues directives determining modalities for registration and deregistration of businesses, after consultation with the Commissioner General.	Le Registraire général émet les directives qui déterminent les modalités d'enregistrement et de radiation des activités commerciales, après consultation avec le Commissaire général.
Ingingo ya 12: Nomero iranga usora	**Article 12: Taxpayer identification number**	**Article 12: Numéro d'identification fiscale**
Umwanditsi Mukuru aha usora nomero imuranga akoresha igihe yishyura umusoro.	The Registrar General assigns a taxpayer identification number to a taxpayer to be used for payment of any tax.	Le Registraire général attribue au contribuable un numéro d'identification fiscale à utiliser pour le paiement des impôts.
Usora wese ashyira nomero imuranga ku nyandiko zimenyesha umusoro, ku zindi nyandiko zivugwa muri iri tegeko no ku zindi mpapuro z'ubucuruzi cyangwa ku bindi bimenyetso ashyikiriza Ubuyobozi bw'imisoro.	Every taxpayer puts a taxpayer identification number on tax declaration documents and on other correspondences provided for by this Law and on any other commercial documents or other proofs he or she files with the Tax administration.	Tout contribuable inscrit le numéro d'identification fiscale sur ses déclarations d'impôts, sur toutes les autres correspondances prévues par la présente loi et sur tous les autres documents commerciaux et toutes les preuves adressées à l'Administration fiscale.
UMUTWE WA III: IBARURAMARI N'IMENYEKANISHA RY'UMUSORO	**CHAPTER III: ACCOUNTING AND TAX DECLARATION**	**CHAPITRE III : COMPTABILITÉ ET DECLARATION D'IMPOT**
Icyiciro cya mbere: Ibitabo n'inyandiko by'ibaruramari n'ibindi bisabwa	**Section One: Books of accounts and records and other requirements**	**Section première: Registres et documents comptables et autres exigences**

Ingingo ya 13: Ibitabo n'inyandiko by'ibaruramari	**Article 13: Books of accounts and records**	**Article 13 : Registres et documents comptables**
Umuntu ukorera mu Rwanda ibikorwa bisoreshwa kandi akaba abona amafaranga y'ibyacurujwe mu mwaka ari hejuru ya miliyoni cumi n'ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (12.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni makumyabiri (20.000.000 FRW) z'amafaranga y'u Rwanda yuzuza ibitabo n'inyandiko by'ibaruramari bikubiyemo amakuru akurikira:	A person who carries out taxable activities in Rwanda and has an annual turnover exceeding twelve million Rwandan francs (FRW 12,000,000) but not exceeding twenty million Rwandan francs (FRW 20,000,000 must keep books of accounts and records, including the following information:	Une personne qui exerce des activités taxables au Rwanda et ayant un chiffre d'affaires annuel excédant douze millions de francs rwandais (12.000.000 FRW) mais n'excédant pas vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW) doit tenir des registres et documents comptables contenant les informations suivantes :
1° inyandiko y'ibyacurujwe byose ku munsi igaragaza ibyacurujwe byose byishyuwe n'ibyacurujwe ku mwenda;	1° a record of all daily sales which indicates all daily cash and credit sales;	1° le livre de toutes les ventes journalières qui montre toutes les ventes journalières au comptant et à crédit ;
2° inyandiko y'ibyaguzwe byose ku munsi igaragaza ibicuruzwa cyangwa serivisi byishyuwe n'ibyaguzwe ku mwenda kugira ngo hakorwe ububiko bw'ibicuruzwa cyangwa hishyurwe ibikoreshwa nkenerwa mu kazi;	2° a record of all daily purchases which indicates goods or services acquired by cash and by credit to constitute stock in trade or constitute necessary operating expenditures;	2° le livre de tous les achats journaliers qui montre les biens et services acquis au comptant et à crédit pour constituer un stock de commerce ou payer les dépenses de fonctionnement;
3° inyandiko igaragaza amafaranga yose yinjiye n'ayasohotse mu isanduku;	3° a record of all financial transactions which indicates cash entries and cash expenditures;	3° le livre de toutes les transactions au comptant qui montre les entrées et sorties de caisse ;
4° umusoro asabwa kwishyurwa;	4° tax liability;	4° la dette fiscale;
5° umusoro wafatiriwe;	5° withheld tax;	5° l'impôt retenu à la source ;

6° imenyekanisha ry'umusoro wafatiriwe.	6° a declaration of a tax withheld.	6° une déclaration d'impôt retenu à la source.
Umuntu ukorera mu Rwanda ibikorwa bisoreshwa kandi akaba abona amafaranga y'ibyacurujwe mu mwaka ari hejuru ya miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni cumi n'ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (12.000.000 Frw) yuzuza gusa inyandiko zigaragaza ibyacurujwe.	A person who carries out taxable activities in Rwanda and has an annual turnover exceeding two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) but not exceeding twelve million Rwandan francs (FRW 12,000.000) keeps only records of sales.	Une personne qui exerce des activités taxables au Rwanda et ayant un chiffre d'affaires annuel excédant deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas douze millions de francs rwandais (12.000.000 FRW) tient seulement le journal des ventes.
Ingingo ya 14: Inyandiko z'inyongera	**Article 14: Additional documents**	**Article 14 : Documents additionnels**
Uretse ibitabo n'inyandiko by'ibaruramari biteganywa mu ngingo ya 13 y'iri tegeko, umuntu ucuruza ibintu birengeje agaciro ka miliyoni makumyabiri z'amafaranga y'u Rwanda (20.000.000 FRW) mu mwaka, yuzuza inyandiko zikurikira:	In addition to books of accounts and records provided for by Article 13 of this Law, a person who has an annual turnover exceeding twenty million Rwandan Francs (RWF 20,000,000) keeps the following documents:	En plus des registres et documents comptables prescrits par l'article 13 de la présente loi, une personne qui réalise un chiffre d'affaires supérieur à vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW) par an tient les documents suivants :
1° inyandiko igaragaza umutungo n'imyenda by'ubucuruzi;	1° a record of assets and liabilities;	1° un registre de l'actif et du passif ;
2° inyandiko igaragaza umutungo winjira n'usohoka buri munsi zirebana n'ubucuruzi;	2° a record of daily income and expenses related to the business activity;	2° un registre des recettes et des dépenses journalières liées à l'activité commerciale ;
3° inyandiko igaragaza ibicuruzwa na serivisi byaguzwe n'ibyagurishijwe mu rwego rw'ubucuruzi ;	3° a record of purchases and sales of goods and services related to his or her business;	3° un registre des achats et des ventes journaliers des biens et services liés à ses activités commerciales ;

4° inyandiko igaragaza ibiri mu bubiko nyuma y'igihe cy'ibaruramari; 5° amakuru arebana n'ibikorwa bigenzurwa.	4° a record of stock inventory at the end of the accounting period; 5° information related to controlled transactions.	4° un registre de l'inventaire des stocks à la fin de l'exercice comptable; 5° une information relative aux transactions contrôlées.
<u>Ingingo ya 15</u>: Ibikwa ry'inyandiko n'ibitabo Ibitabo n'inyandiko bivugwa mu ngingo ya 13 n'iya 14 z'iri tegeko bibikwa mu gihe cy'imyaka icumi (10) uhereye ku itariki ya mbere Mutarama y'umwaka ukurikira umwaka w'isoreshwa byakozwemo. Ibitabo n'inyandiko bibikwa mu nyubako z'usora cyangwa ahandi hantu yahisemo mu Rwanda. Ku usora wahawe umwaka wihariye, igihe cy'imyaka icumi (10) kivugwa muri iyi ngingo gitangira kubarwa uhereye ku munsi wa mbere w'ukwezi gukurikira irangira ry'umwaka wihariye yahawe. Ibitabo n'inyandiko by'ibaruramari bitegurwa mu rurimi rumwe mu zemewe mu butegetsi kandi bikaba bishobora kuboneka no guhererekanywa mu buryo bw'ikoranabuhanga, hakurikijwe amabwiriza ya Komiseri Mukuru.	**<u>Article 15</u>: Books of accounts and records keeping** Books of accounts and records referred to in Articles 13 and 14 of this Law are kept for a period of ten (10) years starting from 1st January following the fiscal year to which they relate. Books of accounts and records must be kept in the premises of the taxpayer or in any other place of his or her choice in Rwanda. For a taxpayer who has a special calendar year, the ten (10) year period referred to in this Article starts from the 1st day of the month following the end of granted special calendar year. Books of accounts and records are prepared in one of the official languages and can be electronically accessed and shared in electronic form in accordance with the directives of the Commissioner General.	**<u>Article 15 </u>: Conservation des registres et documents** Les registres et documents mentionnés aux articles 13 et 14 de la présente loi sont conservés pendant un délai de dix (10) ans à compter du 1er janvier de l'année qui suit l'année fiscale auxquels ils se rapportent. Les registres et documents doivent être conservés dans les locaux du contribuable ou en tout autre lieu situé au Rwanda choisi par lui. Pour un contribuable qui bénéficie d'une année civile spéciale, la période de dix (10) ans visée au présent article court à compter du 1er jour du mois suivant la fin de l'année civile spéciale accordée. Les registres et documents comptables doivent être préparés dans l'une des langues officielles et peuvent être électroniquement accessibles et partagés, conformément aux directives du Commissaire général.

<u>Ingingo ya 16</u>: Ibindi bisabwa umenyekanisha umusoro ku nyungu nyakuri	**<u>Article 16</u>: Additional requirements for a person in real regime declaration**	**<u>Article 16</u>: Exigences additionnelles pour une personne au régime réel**
Uretse ibitabo n'inyandiko bivugwa mu ngingo ya 13 iya 14 n'iya 15 z'iri tegeko, umuntu umenyekanisha umusoro ku nyungu nyakuri akurikiza uburyo bwo gukora ibaruramari rigaragaza ibyinjiye n'ibisohoka, hakurikijwe amategeko agenga ibaruramari mu Rwanda.	In addition to the books of accounts and records as provided for in Articles 13, 14 and 15 of this Law, a person who is in real regime declaration complies with the accounting system indicating income and expenditure, in accordance with the accounting procedure in force in Rwanda.	Outre les registres et les documents comptables prévus aux articles 13, 14 et 15 de la présente loi, une personne soumise au régime réel de déclaration est tenue de respecter le système de comptabilité reflétant les entrées et les sorties, conformément à la procédure comptable en vigueur au Rwanda.
Umuntu agaragaza kandi imenyekanisha ry'umusoro ry'umwaka riherekejwe n'inyandiko yerekana ifoto y'umutungo ku munsi w'isozwa ry'igihe cy'isoresha.	The person also presents an annual tax declaration accompanied by complete and detailed financial statements, on the day of closure of the tax period.	La personne présente également une déclaration fiscale annuelle accompagnée des états financiers complets et détaillés, au jour de la clôture de la période imposable.
Ku bikorwa by'abantu bifitanye isano, umuntu yerekana imenyekanisha ry'imisoro ry'umwaka riherekejwe n'inyandiko zerekana ihererekanya ry'ibiciro zateguwe hakurikijwe amategeko abigenga.	For related party transactions, a person presents an annual tax declaration accompanied by the transfer pricing documentation prepared in accordance with relevant legislation.	Pour les transactions avec des parties liées, une personne présente une déclaration fiscale annuelle accompagnée de la documentation des prix de transfert établie conformément à la législation en la matière.
<u>Ingingo ya 17</u>: Inyemezabuguzi ikozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga	**<u>Article 17</u>: Electronic invoice**	**<u>Article 17</u>: Facture électronique**
Umuntu ukora ibikorwa bisoreshwa atanga inyemezabuguzi ikozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga bwemewe n'Ubuyobozi bw'imisoro.	A person who carries out any taxable activity issues an invoice generated by an electronic invoicing system certified by the Tax administration.	Toute personne qui exerce une activité imposable délivre une facture émise par un système de facturation électronique agréé par l'Administration fiscale.
Iteka rya Minisitiri rigena imiterere n'ibisabwa mu gukoresha uburyo	An Order of the Minister determines the modalities and conditions to use electronic	Un arrêté du Ministre détermine les modalités et les conditions d'utilisation du

bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi. Rigena kandi abantu badasabwa gukoresha ubwo buryo.	invoicing system. It also determines persons not required to use such a system.	système de facturation électronique. Il détermine également les personnes qui ne sont pas tenues d'utiliser un tel système.
<u>Ingingo ya 18</u>: Inshingano z'ukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi	**<u>Article 18</u>: Obligations of the user of electronic invoicing system**	**<u>Article 18 :</u> Obligations de l'utilisateur du système de facturation électronique**
Umuntu wese ukoresha uburyo bw'ikoranahuhanga mu gutanga inyemezabuguzi asabwa kubahiriza inshingano zikurikira:	Any user of electronic invoicing system is bound by the following obligations:	Tout utilisateur du système de facturation électronique est tenu aux obligations suivantes :
1° kugira ikoranabuhanga ryabugenewe mu gutanga inyemezabuguzi;	1 °to possess an electronic invoicing system;	1° avoir à sa disposition un système de facturation électronique;
2° gutanga inyemezabuguzi ikoreshejwe ikoranabuhanga ryabugenewe ku muntu wese uguze hatitawe ko ayisabwe;	2 °to issue an electronic invoice to every buyer regardless request thereof;	2° émettre une facture électronique à chaque acheteur, sans considération de sa demande;
3° kugaragaza izina nyaryo ry'igicuruzwa n'igipimo cy'umusoro ku nyemezabuguzi y'ikoranabuhanga ku bantu banditse ku musoro ku nyongeragaciro;	3 °to indicate real name of goods and related tax rates on the electronic invoice for Value Added Tax registered persons;	3° indiquer le nom réel des marchandises et les taux de taxe correspondants sur les factures électroniques pour les personnes enregistrées à la taxe sur la valeur ajoutée ;
4° kugaragaza izina nyaryo ry'igicuruzwa n'igiciro cyacyo ku nyemezabuguzi y'ikoranabuhanga ku bantu batanditse ku musoro ku nyongeragaciro;	4 ° to indicate real name of goods and related prices on the electronic invoice for Value Added Tax unregistered persons;	4° indiquer le nom réel des marchandises et les prix correspondants sur les factures électroniques pour les personnes non enregistrées à la taxe sur la valeur

		ajoutée;
5° kumenyesha Ubuyobozi bw'imisoro ko uburyo bw'ikoranabuhanga budakora mu gihe kitarenze amasaha atandatu (6);	5 °to notify the Tax Administration of failure of electronic invoicing system within a time not exceeding six (6) hours;	5° notifier l'Administration fiscale de la panne du système de facturation électronique dans un délai ne dépassant six (6) heures;
6° kudasiba inyemezabuguzi nta mpamvu zumvikana.	6 °to refrain from deleting invoice except for sound grounds.	6° se garder de supprimer la facture sauf pour des motifs valables.
Icyiciro cya 2: Imenyekanisha ry'umusoro	**Section 2: Tax declaration**	**Section 2: Déclaration d'impôt**
Ingingo ya 19: Kumenyekanisha umusoro	**Article 19: Tax declaration**	**Article 19: Déclaration d'impôt**
Iyo igihe cyo kumenyekanisha umusoro giteganywa n'amategeko kigeze, usora amenyekanisha umusoro ku Buyobozi bw'imisoro.	When the period for declaration of tax arrives as provided for by law, the taxpayer makes a declaration in Tax administration.	Lorsque la période d'imposition arrive à son terme conformément à la loi, le contribuable déclare l'impôt à l'Administration fiscale.
Ingingo ya 20: Gusaba kongererwa igihe cy'imenyekanisha	**Article 20: Request for extension of tax declaration deadline**	**Article 20: Demande de prorogation du délai de déclaration d'impôt**
Usora ashobora gusaba Komiseri Mukuru kongererwa igihe cyo kumenyekanisha umusoro mu gihe atanze impamvu zumvikana zimutera kutamenyekanisha umusoro ku gihe.	A taxpayer may apply to the Commissioner General for an extension of the deadline for tax declaration if he or she provides valid reasons for not declaring tax on time.	Le contribuable peut demander au Commissaire général une prorogation du délai de déclaration d'impôt s'il apporte des raisons valables qui lui empêchent de le faire à temps.
Usora yandikira Komiseri Mukuru nibura mbere y'iminsi cumi n'itanu (15) ibanziriza itariki y'imenyekanisha.	The taxpayer applies in writing to the Commissioner General at least fifteen (15) days before the last filing date of the declaration.	Le contribuable adresse une demande écrite au Commissaire général au moins quinze (15) jours avant l'expiration du délai de la déclaration.

Komiseri Mukuru ashobora kongerera usora igihe cy'imenyekanisha ry'umusoro abinyujije mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) uhereye itariki yakiriye ubwo busabe.	The Commissioner General may, in writing, grant to the taxpayer an extension of tax declaration deadline within ten (10) days from the date the request was received.	Le Commissaire général peut accorder par écrit au contribuable un report de la date prévue pour la déclaration de l'impôt endéans dix (10) jours à partir de la date de la réception de la demande.
Kongererwa igihe cy'imenyekanisha ntibihagarika kwiyongera kw'inyungu z'ubukererwe zibarirwa ku musoro fatizo.	Extension of tax declaration does not suspend the accrual of interest of the principal tax.	Le report de la date de déclaration de l'impôt est sans effet sur le cours des intérêts de retard sur l'impôt principal.
Icyiciro cya 3: Imenyekanisha n'iyishyurwa ry'umusoro ufatirwa	**Section 3: Declaration and payment of withholding tax**	**Section 3: Déclaration et paiement de l'impôt retenu à la source**
Ingingo ya 21: Igihe cy'imenyekanisha n'iyishyurwa ry'umusoro ku bihembo	**Article 21: Time for declaration of Pay As You Earn**	**Article 21 : Délai de déclaration de la taxe professionnelle sur les rémunérations**
Usora winjije amafaranga y'ibyacurujwe ku mwaka angana cyangwa ari munsi ya miliyoni magana abiri z'amafaranga y'u Rwanda (200.000.000 FRW), amenyekanisha kandi akishyura umusoro ku bihembo rimwe mu gihembwe mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira irangira ry'igihembwe kijyanye n'uwo musoro.	A taxpayer whose annual turnover is equal or less than two hundred million Rwandan francs (FRW 200,000,000) declares and pays quarterly the Pay As You Earn within fifteen (15) days after the end of the quarter to which the pay as you earn is related.	Un contribuable dont le chiffre d'affaires annuel est inférieur ou égal à deux cent millions de francs rwandais (200.000.000 FRW) déclare et paie trimestriellement la taxe professionnelle sur les rémunérations dans les quinze (15) jours suivant la fin du trimestre auquel cette taxe se rapporte.
Usora uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ashobora guhitamo kumenyekanisha no kwishyura umusoro ku bihembo buri kwezi kimwe n'usora winjije amafaranga y'ibyacurujwe ku mwaka arenze miliyoni magana abiri z'amafaranga y'u Rwanda (200.000.000 FRW).	The taxpayer referred to in Paragraph One of this Article may opt for the monthly declaration and payment of the PAYE in the same manner as the taxpayer whose turnover is higher than two hundred million Rwandan francs (FRW 200,000,000).	Le contribuable visé à l'alinéa premier du présent article peut opter pour la déclaration et le paiement mensuels de la taxe professionnelle sur les rémunérations de la même manière que le contribuable dont le chiffre d'affaires est supérieur à deux cent millions de francs rwandais (200.000.000 FRW).

Amabwiriza ya Komiseri Mukuru agena uburyo bwo kumenyekanisha no kwishyura umusoro ku bihembo ku gihembwe.	The Commissioner General's directives determine modalities of declaration and payment of pay as you earn on a quarterly basis.	Les directives du Commissaire général déterminent les modalités de déclaration et de paiement trimestriels de la taxe professionnelle sur les rémunérations.
Ingingo ya 22: Inyandiko zibikwa n'uwafatiriye umusoro	**Article 22: Records kept by withholding agent**	**Article 22: Documents à conserver par l'agent qui a retenu l'impôt**
Usora wafatiriye umusoro abika kandi akereka Ubuyobozi bw'imisoro, mu rwego rw'igenzura, inyandiko za buri gihe cy'isoresha zigaragaza ibikurikira:	A taxpayer who withheld tax keeps and makes available to each tax administration, for audit purposes, all tax records corresponding to each period showing the following:	Un contribuable ayant fait la retenue à la source d'un impôt conserve et tient à la disposition de l'administration fiscale, pour vérification, tous les documents de chaque période imposable indiquant ce qui suit :
1° ubwishyu bwakorewe uwishyuwe;	1 º payments made to a payee;	1° les paiements faits à un bénéficiaire;
2° umusoro wafatiriwe kuri ubwo bwishyu.	2 º tax withheld from those payments.	2° l'impôt retenu sur ces paiements.
Usora wafatiriye umusoro yoherereza Komiseri Mukuru kopi y'inyandiko zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, hakurikijwe uburyo n'imiterere bigenwa na Komiseri Mukuru.	The taxpayer who withheld tax sends to the Commissioner General a copy of records provided for in Paragraph One of this Article in a manner and form prescribed by the Commissioner General.	Un contribuable ayant retenu un impôt à la source transmet au Commissaire général une copie des documents visés à l'alinéa premier du présent article, selon les modalités et la forme prescrites par le Commissaire général.
Iyo ubwishyu bureba abantu batuye mu bihugu bifitanye amasezerano y'imisoro n'u Rwanda, ufatira yerekana icyemezo cy'imisoro y'ufatirwa cy'uko atuye muri icyo gihugu. Icyo cyemezo gitangwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha bw'igihugu cyagiranye amasezerano n'u Rwanda.	If payments concern residents of countries having concluded tax treaties with Rwanda, the taxpayer who withholds tax produces a tax residence certificate of the payee issued by the competent authority of the contracting state.	Lorsque les paiements concernent les personnes résidant dans un pays ayant conclu des accords fiscaux avec le Rwanda, celui qui procède à la retenue produit une attestation de résidence fiscale du bénéficiaire délivrée par l'autorité compétente du pays contractant.

Icyemezo cy'imisoro y'ufatirwa cyo gutura kivugwa muri iyi ngingo gitangirwa hamwe n'imenyekanisha ry'imisoro ifatirwa.	The tax residence certificate referred to in this Article is submitted together with related withholding tax declaration.	L'attestation de résidence fiscale visée dans cet article doit être jointe à la déclaration de retenue à la source y afférente.
UMUTWE WA IV: INYANDIKO IGENA UMUSORO N'INYANDIKO IMENYEKANISHA IHAZABU YO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI	**CHAPTER IV: NOTICE OF TAX ASSESSMENT AND NOTIFICATION OF AN ADMINISTRATIVE FINE**	**CHAPITRE IV: NOTE D'IMPOSITION ET DE NOTIFICATION D'AMENDE ADMINISTRATIVE**
Ingingo ya 23: Inyandiko igena umusoro	**Article 23: Notice of tax assessment**	**Article 23: Note d'imposition**
Inyandiko igena umusoro ikorwa iyo:	The notice of tax assessment is established when:	La note d'imposition est établie lorsque:
1° umusoro wamenyekanishijwe ku gihe utishyuwe;	1 º the tax declared on time has not been paid;	1 º l'impôt déclaré dans le délai imparti n'a pas été payé;
2° igenzura rikozwe n'Ubuyobozi bw'imisoro rigaragaje umusoro w'inyongera usabwa kwishyurwa;	2 º the audit by the Tax Administration indicates an additional tax to be paid;	2 º l'audit de l'Administration fiscale indique un impôt supplémentaire à payer;
3° hari ibimenyetso simusiga bigaragaza ko usora afite umugambi wo kunyereza umusoro.	3 º there are serious indications that the taxpayer has the intention to evade tax.	3 º il existe des indices sérieux que le contribuable a l'intention de faire la fraude fiscale.
Ingingo ya 24: Ibikubiye mu nyandiko igena umusoro	**Article 24: Contents of the notice of tax assessment**	**Article 24: Contenu de la note d'imposition**
Inyandiko igena umusoro igaragaza amakuru akurikira:	The notice of tax assessment indicates the following information:	La note d'imposition mentionne les informations suivantes:
1° amazina y'usora, nomero imuranga	1 º names, identification number and address	1 º les noms, le numéro d'identification

n'aho abarizwa;	of a taxpayer;	fiscale et l'adresse du contribuable;
2° uburyo umusoro wabazwe n'umusoro ugomba kwishyurwa;	2 º calculation of the tax and the amount of the tax to be paid;	2 º le calcul de l'impôt et le montant de l'impôt à payer;
3° imenyekanisha ry'umusoro cyangwa raporo isoza igenzura inyandiko igena umusoro ishingiyeho;	3 º the tax declaration or the audit closure report on which the notice of tax assessment is based;	3 º la déclaration d'impôt ou le rapport de clôture d'audit sur lesquels se fonde la note d'imposition;
4° itariki inyandiko igena umusoro yakoreweho;	4 º the date of establishment of the tax assessment notice;	4 º la date d'établissement de la note d'imposition;
5° uburenganzira bw'usora bwo kujuririra Komiseri Mukuru;	5 º the taxpayer's right to lodge an appeal with the Commissioner General;	5 º le droit du contribuable d'introduire un recours auprès du Commissaire général;
6° ibisabwa kugira ngo ubujurire bukorwe;	6 º the conditions for lodging an appeal;	6 º les conditions d'introduction d'un recours;
7° igihe ntarengwa cyo kwishyura umusoro.	7 º time limit for payment of the tax.	7 º le délai pour le paiement de l'impôt.
Ingingo ya 25: Inyandiko imenyekanisha ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi	**Article 25: Written notification of administrative fine**	**Article 25 : Notification écrite d'amende administrative**
Inyandiko imenyekanisha ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ikorwa iyo usora yakoze ikosa iri tegeko riteganyiriza iyo hazabu kandi hadakenewe igenzura kugira ngo iryo kosa rigaragare.	A written notification of administrative fine is established when the taxpayer has committed a fault for which this Law provides for such fine and without the need of an audit to show that fault.	La notification écrite d'amende administrative est établie lorsque le contribuable a commis une violation passible d'une amende administrative prévue par la présente loi et sans qu'il y ait besoin d'audit pour montrer cette violation.

Ingingo ya 26: Ibikubiye mu nyandiko imenyekanisha ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi	**Article 26: Content of a written notification of administrative fine**	**Article 26 : Contenu de la notification écrite d'amende administrative**
Inyandiko imenyekanisha ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi igaragaza amakuru akurikira:	A written notification of administrative fine mentions the following information:	La notification écrite d'amende administrative mentionne les informations suivantes :
1° amazina y'usora, nomero imuranga n'aho abarizwa;	1 º names, identification number and address of taxpayer;	1 º les noms, le numéro d'identification fiscale et l'adresse du contribuable;
2° ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi isabwa kwishyurwa;	2 º the administrative fine to be paid;	2 º l'amende administrative à payer;
3° inyandikomvugo yerekana ikosa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ishingiyeho;	3 º the statement relating to a fault on which the administrative fine notification is based;	3 º le procès-verbal de la faute sur laquelle se fonde la notification d'amende administrative ;
4° itariki inyandiko imenyekanisha ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yakoreweho;	4 º the date of establishment of the administrative fine written notification;	4 º la date d'établissement de la notification écrite d'amende administrative;
5° uburenganzira bw'usora bwo kujuririra Komiseri Mukuru;	5 º the taxpayer's right to lodge an appeal with the Commissioner General;	5 º le droit du contribuable d'introduire un recours auprès du Commissaire général;
6° ibisabwa kugira ngo ubujurire bukorwe;	6 º the conditions for lodging an appeal;	6 º les conditions d'introduction d'un recours;
7° igihe ntarengwa cyo kwishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi.	7 º time limit for payment of the administrative fine.	7 º le délai pour le paiement de l'amende administrative.

Ingingo ya 27: Itangwa ry'inyandiko igena umusoro n'inyandiko imenyekanisha ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi	**Article 27: Issuance of the notice of tax assessment and written notification of an administrative fine**	**Article 27: Délivrance de la note d'imposition et de la notification écrite d'amende administrative**
Ubuyobozi bw'imisoro bwohereza usora inyandiko igena umusoro cyangwa inyandiko imenyekanisha ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi.	The Tax Administration sends a notice of tax assessment or a written notification of an administrative fine to the taxpayer.	L'Administration fiscale adresse une note d'imposition ou de la notification écrite d'amende administrative au contribuable.
Usora yishyura umusoro cyangwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi inyandiko zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo zimugereyeho.	The taxpayer pays the tax due or an administrative fine within seven (7) days from the day of receipt of the notice and written notification referred to in Paragraph One of this Article.	Le contribuable paie l'impôt dû ou l'amende administrative endéans sept (7) jours à compter du jour de réception de la note et de la notification écrite visées dans l'alinéa premier du présent article.
Izi nyandiko zombi ni inyandikompesha zishingirwaho mu kwishyuza umusoro, amahoro, inyungu z'ubukererwe, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi n'amafaranga atangwa mu kwishyuza.	Both notice of tax assessment and written notification of administrative fine constitute enforcement orders to recover tax, fees, interests for late payment, administrative fines and enforcement costs.	La note d'imposition et la notification écrite d'amende constituent des titres exécutoires pour le recouvrement de l'impôt, des taxes, des intérêts de retard, des amendes administratives et des frais de recouvrement.
UMUTWE WA V: IGENZURA N'IPERERERZA	**CHAPTER V: AUDIT AND INVESTIGATION**	**CHAPITRE V: AUDIT ET ENQUÊTE**
Icyiciro cya mbere: Igenzura	**Section One: Audit**	**Section première : Audit**
Akiciro ka mbere: Ingingo rusange zerekeye igenzura	**Subsection One: General provisions related to audit**	**Sous-section première : Dispositions générales relatives à l'audit**
Ingingo ya 28: Imenyesha ry'igenzura	**Article 28: Audit notice**	**Article 28 : Notification d'audit**
Ubuyobozi bw'imisoro bumenyesha usora mu nyandiko nibura mu minsi irindwi (7)	The Tax Administration informs the taxpayer in writing, at least seven (7)	L'Administration fiscale informe le contribuable par écrit, au moins sept (7) jours

y'akazi mbere y'igenzura ibi bikurikira: 1° ubwoko bw'igenzura rizakorwa; 2° aho igenzura rizakorerwa n'igihe rishobora kumara; 3° inyandiko yose ikenewe kugenzurwa cyangwa amakuru bikenewe; 4° igihe cy'umusoro kizagenzurwa. Iyo usora atiteguye igenzura, yandikira Ubuyobozi bw'imisoro asaba ko ryimurwa kandi agatanga n'impamvu ashingiraho. Icyakora, iryo yimurwa ntirishobora kurenza iminsi mirongo itatu (30) kandi rikorwa rimwe gusa. Akimara kwakira inyandiko imenyesha igenzura, usora ntiyemerewe guhindura imenyekanisha ryose ryakozwe n'amakuru ari mu bitabo bye by'ibaruramari bijyanye n'iryo genzura, keretse iyo abiherewe uburenganzira n'Ubuyobozi bw'imisoro. **<u>Ingingo ya 29</u>: Inshingano z'usora mu gihe cy'igenzura** Mu gihe cy'igenzura, usora:	working days before conducting an audit, about the following: 1° the type of audit to be conducted; 2° the place of audit and the possible duration of the audit; 3° any document required to be audited or any information required; 4° the tax period to be audited. If the taxpayer is not ready for the audit, he or she writes to the Tax Administration requesting for postponement with reasons of his or her request. However, the postponement cannot exceed thirty (30) days and it is allowed only once. Upon receipt of audit notice, a taxpayer is not allowed to change the declarations and information contained in his or her accounting records concerned with the audit, unless authorized by the Tax Administration. **<u>Article 29</u>: Obligations of the taxpayer during audit** During audit, the taxpayer must:	ouvrables avant l'audit, de ce qui suit : 1° le type d'audit à effectuer; 2° le lieu d'audit et sa durée estimative; 3° tout document devant être audité ou toute information requise ; 4° la période imposable à auditer. Lorsque le contribuable n'est pas prêt pour l'audit, il demande par écrit à l'Administration fiscale un ajournement de l'audit avec les motifs de sa demande. Toutefois, cet ajournement ne peut pas dépasser trente (30) jours et n'est accordé qu'une seule fois. Dès la réception de l'avis d'audit, le contribuable n'est pas autorisé à modifier les déclarations et informations contenues dans ses registres comptables concernés par cet audit, sauf autorisation de l'Administration fiscale. **<u>Article 29</u>: Obligations du contribuable pendant l'audit** Pendant l'audit, le contribuable doit :

1° aha abagenzuzi b'imisoro aho bakorera hakwiriye;	1 º provide tax auditors with appropriate working environment;	1 º mettre à la disposition des auditeurs d'impôts un lieu convenable de travail;
2° ashyikiriza abagenzuzi b'imisoro ibitabo n'inyandiko biteganywa n'iri tegeko n'izindi nyandiko zifitanye isano na byo kandi akabagenera kopi zabyo.	2 º provide tax auditors with books and records prescribed by this Law and other related documents and provide them with their copies.	2 º mettre à la disposition des auditeurs d'impôts les registres et documents prévus par la présente loi et d'autres documents connexes, et leur en procurer des copies.
<u>Ingingo ya 30</u>: Ihame ry'igenzura rimwe	**<u>Article 30</u>: Unique audit principle**	**<u>Article 30 </u>: Principe de l'unicité d'audit**
Ubuyobozi bw'imisoro bukorera usora igenzura inshuro imwe gusa ku bwoko bw'umusoro bumwe mu gihe cy'isoresha kimwe.	The Tax Administration audits a taxpayer only once on a specific type of tax and in a same tax period.	L'Administration fiscale audite un contribuable une seule fois pour un même type d'impôt et pour une même période imposable.
Icyakora, Ubuyobozi bw'imisoro bushobora gukora irindi genzura rimwe gusa iyo habonetse imwe mu mpamvu zikurikira:	However, the Tax Administration may conduct another audit once in case of any of the following circumstances:	Toutefois, l'Administration fiscale peut procéder à un nouvel audit une fois seulement dans l'une ou l'autre des circonstances suivantes :
1° habaye ubufatanye bw'usora n'umugenzuzi w'imisoro mu kunyereza umusoro cyangwa mu kindi gikorwa cyose kigamije kutishyura umusoro ukwiye;	1° complicity of the taxpayer and the tax auditor to evade taxes or to commit any other act intending not to pay the required tax;	1° complicité entre le contribuable et l'auditeur d'impôt pour commettre la fraude fiscale ou tout autre acte tendant au non-paiement d'impôt requis;
2° mu gihe igenzura rya mbere ryashingiye ku nyandiko mpimbano;	2° if the first audit was based on forged documents;	2° si le premier audit a été basé sur de faux documents;
3° mu gihe igenzura rya mbere ryakozwe ku kibazo cyihariye, Ubuyobozi bw'imisoro bukaba	3° if the first audit was issue-oriented and the Tax Administration wants to conduct a comprehensive audit;	3° si le premier audit n'a porté que sur un cas particulier et que l'Administration fiscale veut

bushaka gukora igenzura risesuye;		procéder à un audit complet;
4° iyo Komiseri Mukuru asheshe igenzura rya mbere ashingiye ku bujurire;	4° when the Commissioner General cancels the first audit based on appeal;	4° si le Commissaire général annule le premier audit sur base d'un recours;
5° iyo igenzura rya mbere ryari ryakorewe mu biro ariko ubuyobozi bw'imisoro bukaba bushaka gukora igenzura risesuye;	5° if the first audit was a desk audit while the Tax Administration wants to conduct a comprehensive audit;	5° si le premier audit était un audit au bureau alors que l'administration fiscal veut mener un audit complet;
6° iyo igenzura rya mbere ryari igenzura rigamije gusubiza umusoro ariko ubuyobozi bw'imisoro bukaba bushaka gukora igenzura risesuye;	6° if the first audit was a refund audit and the Tax Administration wants to conduct a comprehensive audit;	6° si le premier audit était un audit de restitution alors que l'Administration fiscale veut mener un audit complet ;
7° iyo igenzura rya mbere ryari igenzura rirebana n'ihererekanya ry'ibiciro ariko ubuyobozi bw'imisoro bukaba bushaka gukora igenzura risesuye.	7° if the first audit was transfer pricing audit and the Tax Administration wants to conduct a comprehensive audit.	7° si le premier audit était l'audit des prix de transfert et que l'Administration fiscale veut procéder à un audit complet.
<u>Ingingo ya 31</u>: Amakuru y'inyongera	**<u>Article 31</u>: Additional information**	**<u>Article 31 </u>: Information complémentaire**
Uretse ibitabo n'inyandiko biteganywa n'iri tegeko, Ubuyobozi bw'imisoro bushobora gusaba usora mu nyandiko amakuru cyangwa ibisobanuro by'inyongera. Usora atanga ayo makuru cyangwa ibisobanuro mu nyandiko mu minsi itarenze irindwi (7) y'akazi guhera igihe yakiriye inyandiko ibimusaba, keretse iyo agaragaje impamvu itunguranye kandi ntarengwa yatumye atubahiriza icyo gihe.	In addition to books of accounts and records provided for by this Law, the Tax Administration may request in writing additional information or explanations from the taxpayer. The taxpayer provides the requested information or explanations in writing within seven (7) working days, from the time of receipt of the request except in case of force majeure.	En dehors des registres et documents prévus par la présente loi, l'Administration fiscale peut demander par écrit au contribuable les informations ou explications complémentaires. Le contribuable doit, par écrit, fournir les informations ou explications requises endéans sept (7) jours ouvrables à compter de la réception de la demande, sauf cas de force majeure.

Ubuyobozi bw'imisoro bushobora kwifashisha amakuru yabonetse mbere y'igenzura n'iperereza aho yaba akomotse hose.	The Tax Administration may use any information found from any source before audit and investigation.	L'Administration fiscale peut se servir de toute information obtenue auprès de toute source avant l'audit et l'enquête.
Ingingo ya 32: Ahandi haturuka amakuru	**Article 32: Other sources of information**	**Article 32 : Autres sources d'information**
Mu gihe cy'igenzura cyangwa iperereza, bisabwe mu nyandiko n'Ubuyobozi bw'imisoro, aba bakurikira batanga amakuru akenewe ku byerekeye usora:	During audit or investigation and upon request in writing by the Tax administration, the following provide the required information in relation to the taxpayer:	Lors de l'audit ou de l'enquête et sur demande écrite de l'Administration fiscale, les personnes suivantes fournissent les informations requises en rapport avec le contribuable :
1° inzego zose za Leta cyangwa iz'abikorera;	1° all public or private institutions;	1° toutes les institutions publiques ou privées;
2° abandi bantu mu gihe Ubuyobozi bw'imisoro bukeneye kumenya imiterere n'imikoreshereze by'umutungo w'usora.	2° other persons in case the Tax Administration needs to know the nature and use of taxpayer's property.	2° d'autres personnes au cas où l'Administration fiscale a besoin de savoir la nature et l'utilisation des biens du contribuable.
Urwego cyangwa umuntu bisabwe gutanga amakuru biyatanga mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva byakiriye ubusabe.	An institution or a person requested to provide the information does so within fifteen (15) days from receipt of the request.	Une institution ou une personne requise de fournir des informations le fait endéans quinze (15) jours à compter de la réception de la demande.
Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byubahirizwa no ku muntu cyangwa ikigo gifite inshingano yo kugira ibanga.	The provisions of Paragraph One of this Article also apply to a person or an institution bound by secrecy.	Les dispositions de l'alinéa premier du présent article s'appliquent également à une personne ou une institution tenue au secret.

Ingingo ya 33: Kwifashisha amakuru n'ibimenyetso bibonetse	**Article 33: Use of available information and evidence**	**Article 33: Recours aux informations et preuves disponibles**
Ubuyobozi bw'imisoro bwifashisha amakuru n'ibimenyetso byose bushobora kubona, iyo:	The Tax Administration uses all available information and evidence, when:	L'Administration fiscale se sert de toutes les informations et preuves disponibles lorsque:
1° nta menyekanisha ry'umusoro ryakozwe;	1 º no tax declaration was carried out;	1 º aucune déclaration d'impôt n'a eu lieu;
2° imenyekanisha ry'umusoro ritemejwe n'ubifitiye ububasha;	2 º the tax declaration was not certified by a competent person;	2 º la déclaration d'impôt n'a pas été certifiée par la personne compétente;
3° imenyekanisha ry'umusoro ritaherekejwe n'inyandiko zose za ngombwa;	3 º the tax declaration was not accompanied by all necessary documents;	3 º tous les documents nécessaires n'ont pas été joints à la déclaration;
4° usora atorohereje abashinzwe igenzura ry'imisoro cyangwa ngo atange ibisobanuro yasabwe;	4 º the taxpayer was unwilling to cooperate with a tax audit officers or did not provide the explanations requested;	4 º le contribuable a refusé de coopérer avec les auditeurs d'impôts ou n'a pas produit les explications demandées.
5° ibitabo n'inyandiko bitakozwe nk'uko bisabwa n'amategeko;	5 º books and records were not filled as prescribed by law;	5 º les registres et documents n'ont pas été remplis conformément à la loi;
6° hari impamvu zikomeye zigaragaza inyerezwa ry'umusoro kandi zidashidikanywaho;	6 º there are serious indications of tax fraud beyond reasonable doubt;	6 º il existe des indices sérieux de fraude fiscale au-delà du doute raisonnable;
7° iyo usora atatanze amakuru ahagije ku bikorwa bigenzurwa.	7 º the taxpayer did not provide sufficient information on controlled transactions.	7 º le contribuable n'a pas fourni d'information suffisante sur les transactions contrôlées.

Ingingo ya 34: Kwifashisha impuguke	**Article 34: Use of experts**	**Article 34: Recours aux experts**
Ubuyobozi bw'imisoro bushobora kwifashisha impuguke zigenga mu mirimo yose ijyanye n'igenzura ry'imisoro iyo busanze ari ngombwa.	The Tax administration, when considered necessary, can seek the assistance of external experts in all tax audit - related activities.	L'Administration fiscale peut, en cas de besoin, se faire aider par les experts externes dans toutes les activités relatives à l'audit d'impôts.
Ingingo ya 35: Ubusaze bw'ububasha bwo kugenzura	**Article 35: Time limit of the power to audit**	**Article 35 : Prescription de temps du pouvoir d'audit**
Ububasha bwo kugenzura busaza nyuma y'imyaka itanu (5) ibarwa uhereye ku itariki ya mbere Mutarama ikurikira igihe cy'isoresha kirebwa n'igenzura.	The power to audit lapses after five (5) years starting from 1st January following the concerned tax period.	Le pouvoir d'audit se prescrit après cinq (5) ans à compter du 1er janvier de l'année qui suit la période imposable concernée.
Icyakora, ububasha bwo kugenzura burangira nyuma y'imyaka icumi (10) iyo bigaragaye ko usora yahishe amakuru agamije kunyereza imisoro.	However, the power to audit lapses after ten (10) years if it is established that the taxpayer has concealed information with intent to evade tax.	Toutefois, le pouvoir d'audit se prescrit après dix (10) ans s'il est établi que le contribuable a dissimulé des informations dans l'intention d'évader l'impôt.
Igihe cy'ubusaze bw'uburenganzira bwo gukora igenzura kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo kinareba ubusaze bw'uburenganzira bw'usora bwo gukosora inyandiko z'imenyekanisha ry'umusoro, uretse iyo iryo kosora ryongera umusoro usabwa kwishyurwa cyangwa ryabyaye igihombo cy'usora.	The statutory period for conducting an audit referred to in Paragraph One of this Article also applies to the taxpayer's right of rectification of a tax declaration, unless such a rectification increases the tax to be paid or leads to the taxpayer's loss.	Le délai de prescription pour l'audit prévu à l'alinéa premier du présent article s'applique aussi à la prescription du droit du contribuable de faire une rectification de sa déclaration d'impôt, à moins qu'une telle rectification n'augmente l'impôt à payer ou n'entraîne une perte pour le contribuable.
Akiciro ka 2: Uburyo bwo gukora igenzura	**Subsection 2: Audit procedures**	**Sous-section 2 : Procédures d'audit**

Ingingo ya 36: Uburyo bwo gukora igenzura	**Article 36: Audit procedures**	**Article 36: Procédures d'audit**
Igenzura ry'imisoro rikorwa muri bumwe mu buryo bukurikira: 1° uburyo bwemera ivuguruzanya; 2° uburyo bw'igenzura butavuguruzanya.	Tax audit is conducted through one of the following procedures: 1° contradictory procedure; 2° non-contradictory procedure.	L'audit fiscal s'effectue dans l'une des procédures suivantes : 1° la procédure contradictoire ; 2° la procédure non contradictoire.
Ingingo ya 37: Uburyo bwemera ivuguruzanya	**Article 37: Contradictory procedure**	**Article 37 : Procédure contradictoire**
Iyo Ubuyobozi bw'imisoro busanze hari umusoro wabazwe nabi, utarabazwe, watubijwe, imenyekanisha ryakozwe nabi cyangwa irindi kosa mu nyandiko y'imenyekanisha ry'umusoro cyangwa mu ibarwa ryawo, bwohereza usora umushinga w'inyandiko ikosora ukubiyemo ibyashingiweho byose bukosora kugira ngo agire icyo abivugaho. Umushinga w'inyandiko uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ugaragaramo kandi ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iyo habayeho kutubahiriza amategeko agenga imisoro.	Where the Tax Administration discovers a miscalculation, an omission, an understatement, a misrepresentation of a tax or any other error in the tax declaration or assessment, the Tax Administration sends a draft note for rectification to the taxpayer containing all the elements taken into account for rectification to provide his or her opinion. The draft note for rectification referred to in Paragraph One of this Article also contains an administrative fine in case of non-compliance with the tax laws.	Lorsque l'Administration fiscale découvre une erreur de calcul, une omission, une sous-estimation, une déclaration inexacte d'impôt ou toute autre erreur dans la déclaration ou le calcul d'impôt, l'Administration fiscale transmet un projet d'avis de rectification au contribuable comprenant tous les éléments ayant servi de base de rectification pour donner son avis. Le projet d'avis de rectification visé à l'alinéa premier du présent article contient également une amende administrative en cas de non-respect des lois fiscales.

Ingingo ya 38: Uburenganzira bwo kwisobanura ku mushinga w'inyandiko ikosora	**Article 38: Right to be heard on a draft rectification note**	**Article 38: Droit d'être entendu sur un projet de note de rectification**
Iyo hakorwa igenzura risesuye n'igenzura rirebana n'ihererekanya ry'ibiciro cyangwa rimwe muri ayo magenzura, usora afite uburenganzira bwo kugaragaza mu nyandiko igitekerezo cye ku birebana n'umushinga w'inyandiko ikosora mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) akimara kuwushyikirizwa.	In the case of a comprehensive audit and transfer pricing audit or in the case of one of these audits, the taxpayer has the right to give his or her written opinion on the draft rectification note within thirty (30) days of the day of receipt of the note.	Dans le cas d'un audit complet et d'un audit des prix de transfert ou dans le cas de l'un de ces audits, le contribuable a le droit de donner son opinion écrite sur le projet de note de rectification dans les trente (30) jours suivant le jour de réception de la note.
Iyo hakorwa igenzura ry'ikibazo cyihariye cyangwa igenzura rigamije gusubiza umusoro, usora afite uburenganzira bwo kugaragaza mu nyandiko igitekerezo cye ku birebana n'umushinga w'inyandiko ikosora mu gihe cy'iminsi itanu (5) akimara kuwushyikirizwa.	In the case of an issue-oriented audit or refund audit, the taxpayer has the right to give his or her written opinion on the draft rectification note within five (5) days of the day of receipt of the note.	Dans le cas d'un audit spécifiquement orienté ou d'un audit de restitution, le contribuable a le droit de donner son opinion écrite sur le projet de note de rectification dans les cinq (5) jours suivant le jour de réception de la note.
Usora ashobora kandi gushyikiriza Ubuyobozi bw'imisoro ibindi bimenyetso cyangwa ibisobanuro bigaragaza ko ikosora ritakozwe neza. Mu gusubiza ku mushinga w'inyandiko ikosora, usora ashobora gusaba gutanga ibisobanuro by'inyongera mu magambo.	The taxpayer may also submit to the Tax Administration additional evidence or explanations to indicate that the rectification is incorrect. In response to the draft rectification note, the taxpayer may request to provide additional explanations orally.	Le contribuable peut également soumettre à l'Administration fiscale des preuves ou des explications supplémentaires pour indiquer que la rectification est incorrecte. Dans sa réponse au projet de note de rectification, le contribuable peut demander de donner oralement des explications additionnelles.
Iyo mu bisobanuro bitanzwe n'usora hagaragayemo amakuru mashya atuma umusoro wabazwe wiyongera cyangwa agaragaza umusoro utari warabazwe, Ubuyobozi bw'imisoro bukora undi	When explanations provided by the taxpayer reveal new information that leads to an increase of the tax assessed or to a new tax previously not assessed, the Tax Administration issues a new draft	Lorsque les explications fournies par le contribuable révèlent de nouvelles informations qui conduisent à une augmentation de la taxe imposée ou à une nouvelle taxe précédemment non évaluée,

mushinga w'inyandiko ikosora. Muri icyo gihe, usora ahabwa ikindi gihe cyo gutanga ibisobanuro nk'icyo agenewe mu gika cya mbere cyangwa icya 2 by'iyi ngingo bitewe n'ubwoko bw'igenzura bireba.	rectification note. In such a case, the taxpayer is given an additional period of time equal to the period of time given to him or her under Paragraphs One or 2 of this Article depending on the type of audit concerned.	l'Administration fiscale émet un nouveau projet de note de rectification. Dans ce cas, le contribuable se voit accorder un délai supplémentaire égal à celui qui lui est accordé à l'alinéa premier ou 2 du présent article en fonction du type d'audit concerné.
Ibivugwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo bikoreshwa kandi iyo Ubuyobozi bw'imisoro bubonye amakuru mashya yatuma umusoro wiyongera.	The provisions of Paragraph 4 of this Article also apply when the Tax Administration discovers a new information which may lead to tax increment.	Les dispositions de l'alinéa 4 du présent article s'appliquent également lorsque l'Administration fiscale découvre une nouvelle information susceptible d'accroitre l'impôt.
Iyo hakorwa igenzura rikorewe mu biro, nta mushinga w'inyandiko ikosora utangwa. Ubuyobozi bw'imisoro butumira usora gutanga ibisobanuro mu magambo ku byavuye mu igenzura rikorewe mu biro, mu minsi itanu (5) y'akazi.	In the case of a desk audit, no draft rectification note is provided. The Tax Administration invites the taxpayer to appear for a hearing on the results of the desk audit within five (5) working days.	Dans le cas d'un audit au bureau, aucun projet de note de rectification n'est prévu. L'Administration fiscale invite le contribuable à se présenter pour être entendu sur les résultats de l'audit au bureau dans un délai de cinq (5) jours ouvrables.
Ingingo ya 39: Ikosora ry'amakosa yakozwe mu buryo bw'igenzura	**Article 39: Correction of audit procedural errors**	**Article 39 : Correction des erreurs de procédure d'audit**
Iyo habaye ikosa mu gihe cy'igenzura ry'umusoro, Ubuyobozi bw'imisoro bwemerewe gukosora iryo kosa inshuro imwe gusa, mu buryo bukurikira:	In case of error related to tax audit procedure, the Tax Administration is allowed to correct the error only once, as follows:	En cas d'erreur relative à la procédure d'audit d'impôt, il est permis à l'Administration fiscale de corriger l'erreur une seule fois, de la façon suivante :
1 º gusubiramo igenzura ryose iyo iryo kosa rifite ingaruka rusange;	1 º resumption of the entire audit if the error has a general impact;	1 º reprise de l'audit entier si l'erreur a un impact général;
2 º gukosora ikosa ku rwego ryakozweho iyo rifite ingaruka gusa ku rwego rumwe	2 º correction of the error at the corresponding step if the error only	2 º correction de l'erreur à l'étape correspondante si l'erreur n'a d'impact

rw'igenzura.	affects one step of the audit.	que sur une étape de l'audit.
<u>Ingingo ya 40</u>: Inyandiko ndakuka y'ikosora	**<u>Article 40</u>: Final rectification note**	**<u>Article 40</u>: Avis définitif de rectification**
Ubuyobozi bw'imisoro buha usora inyandiko ndakuka y'ikosora iyo:	The Tax Administration issues to the taxpayer the final rectification note if:	L'Administration fiscale adresse au contribuable l'avis définitif de rectification si :
1° nyuma y'iminsi mirongo itatu (30), ntacyo usora avuze ku mushinga w'inyandiko y'ikosora, iyo hakozwe igenzura risesuye cyangwa igenzura rirebana n'ihererekanya ry'ibiciro;	1° after a period of thirty (30) days, the taxpayer does not indicate any reaction on the draft note for rectification, in case of comprehensive audit or transfer pricing audit;	1° après une période de trente (30) jours, le contribuable ne réagit pas sur le projet d'avis de rectification, en cas d'un audit exhaustif ou d'un audit de transfert des prix;
2° nyuma y'iminsi itanu (5) y'akazi ntacyo usora avuze ku mushinga w'inyandiko y'ikosora, iyo habaye igenzura risuzuma ikibazo cyihariye;	2° after a period of five (5) working days, the taxpayer does not indicate any reaction on the draft note for rectification, in case of issue-oriented audit;	2° après une période de cinq (5) jours ouvrables, le contribuable ne réagit pas sur le projet d'avis de rectification, en cas d'audit spécifiquement orienté;
3° bumaze gusuzuma ibisobanuro byatanzwe n'usora ku mushinga w'inyandiko y'ikosora bukabyemera cyangwa ntibubyemere ;	3° it has, after review, accepted or not the explanations of the taxpayer on the draft rectification note.	3° après examen, elle a accepté ou non les explications fournies par le contribuable sur le projet d'avis de rectification.
Inyandiko ndakuka y'ikosora igaragaza impamvu ibisobanuro byatanzwe n'usora bitemewe cyangwa byemewe, ikanagaragaza usabwa kwishyurwa.	The final rectification note provides reasons for rejection or admission of explanations provided by the taxpayer and indicates the person who has to pay.	L'avis définitif de rectification indique la motivation du rejet des explications données par le contribuable et indique la personne qui devait payer.

<u>Ingingo ya 41</u>: Uburyo bw'igenzura butavuguruzanya	**<u>Article 41</u>: Non-contradictory procedure**	**<u>Article 41</u>: Procédure non contradictoire**
Iyo Ubuyobozi bw'imisoro bukora igenzura nta nteguza, bushobora gukoresha uburyo bw'igenzura butavuguruzanya iyo:	The Tax Administration may apply the non-contradictory procedure while conducting an audit without notice, in case of:	Lorsqu'elle procède à l'audit d'office, l'Administration fiscale peut appliquer la procédure non contradictoire, en cas :
1° hari ibikorwa by'inyerezwa ry'umusoro;	1° acts of tax evasion;	1° d'actes de fraude fiscale ;
2° usora atorohereza abashinzwe igenzura ry'imisoro cyangwa adatanze ibisobanuro yasabwe.	2° the taxpayer does not cooperate with tax audit officers or fails to provide the explanations requested.	2° d'un contribuable qui ne coopère pas avec les auditeurs d'impôts ou qui ne répond pas à une demande d'explications.
Iyo hakoreshwa uburyo bw'igenzura butavuguruzanya, ibikubiye mu ngingo ya 28, iya 37 n'iya 44 z'iri tegeko ntibikurikizwa.	During the non-contradictory procedure, the provisions of Articles 28, 37 and 44 of this Law do not apply.	Au cours de la procédure non contradictoire, les dispositions des articles 28, 37 et 44 de la présente loi ne s'appliquent pas.
<u>Akiciro ka 3</u>: Ubwoko bw'igenzura	**<u>Subsection 3:</u> Audit types**	**<u>Sous-section 3</u> : Types d'audit**
<u>Ingingo ya 42</u>: Ubwoko bw'igenzura	**<u>Article 42</u>: Audit types**	**<u>Article 42</u> : Types d'audit**
Ubwoko bw'igenzura ni ubu bukurikira:	Audit types are as follows:	Les types d'audit sont les suivants :
1° igenzura risesuye;	1° comprehensive audit;	1° audit complet;
2° igenzura ry'ikibazo cyihariye;	2° issue-oriented audit;	2° audit spécifiquement orienté;
3° igenzura rikorewe mu biro;	3° desk audit;	3° audit au bureau;
4° igenzura rirebana n'ihererekanya	4° transfer pricing audit;	4° audit des prix de transfert ;

ry'ibiciro; 5° igenzura rigamije gusubiza umusoro.	5° refund audit.	5° audit de restitution.
<u>Ingingo ya 43:</u> Igenzura risesuye	**<u>Article 43</u> : Comprehensive audit**	**<u>Article 43 :</u> Audit complet**
Igenzura risesuye rikorwa n'Ubuyobozi bw'imisoro iyo:	The Tax Administration conducts a comprehensive audit when:	L'Administration fiscale procède à un audit complet lorsque :
1° bwifashishije imikorere nsuzumangaruka bukabona usora atubahiriza imitegurire y'ibitabo, imenyekanisha n'iyishyura ry'umusoro nk'uko amategeko abiteganya kandi iyo myitwarire ikaba ireba imisoro itandukanye;	1° based on a risk assessment, it finds that the taxpayer is not complying with the statutory record-keeping, reporting and tax payment requirements and that this behaviour relates to various taxes;	1° elle constate, sur la base d'une évaluation des risques, que le contribuable ne se conforme pas aux exigences prévues par la loi en matière de tenue de livres, de déclaration et de paiement d'impôt et que ce comportement est lié à différents impôts ;
2° usora yakorewe ubundi bwoko bw'igenzura bikagaragara ko amakosa yakozwe afite ingaruka ku yindi misoro itarebwa n'iryo genzura;	2° the taxpayer has been subject to another type of audit that revealed that the misconduct affects other taxes that are not covered by this audit;	2° le contribuable a fait l'objet d'un autre type d'audit qui a révélé que les fautes commises affecte d'autres impôts qui ne sont pas couverts par cet audit ;
3° usora yisabiye gukorerwa igenzura risesuye ubuyobozi bw'imisoro bugasanga ari ngombwa kurikora;	3° the taxpayer himself or herself requests a comprehensive audit which, in the tax administration's opinion, is necessary;	3° le contribuable demande lui-même à faire l'objet d'un audit complet qui, de l'avis de l'Administration fiscale, s'avère nécessaire ;
4° hari indi mpamvu iteganywa n'iri tegeko.	4° by another reason provided for under this Law.	4° par un autre motif prévu par la présente loi.
Iyo Ubuyobozi bw'imisoro bukora igenzura risesuye busuzuma mu buryo bwimbitse imisoro yose cyangwa imwe muri yo kugira	When the Tax Administration conducts a comprehensive audit, it conducts a thorough verification of all or part of the taxes to	Lorsque l'Administration fiscale procède à un audit complet, elle effectue une vérification approfondie de tout ou partie des

ngo harebwe niba nta musoro wabazwe nabi, uwirengagijwe, uwatubijwe, wahinduranyijwe cyangwa irindi kosa ryose ryabaye mu kumenyekanisha cyangwa kubara umusoro, bigakosorwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.	ensure that there has been no case of miscalculation, omission, understatement, misclassification of tax or any other possible fault that may have occurred in the tax return or calculation and, where applicable, a rectification is carried out in accordance with the legal provisions.	impôts pour s'assurer qu'il n'y a eu aucun cas d'erreur de calcul, d'omission, de sous-estimation, de classification d'impôt ou de toute autre faute éventuelle survenue dans la déclaration ou le calcul d'impôt et il est procédé, le cas échéant, à une rectification conformément aux dispositions légales.
Ingingo ya 44: Igenzura ry'ikibazo cyihariye	**Article 44: Issue-oriented audit**	**Article 44: Audit spécifiquement orienté**
Ubuyobozi bw'imisoro bushobora gukora igenzura risuzuma ikibazo cyihariye iyo atari ngombwa gukora igenzura risesuye.	The Tax Administration may proceed to an issue-oriented audit when a comprehensive audit is not necessary.	L'Administration fiscale peut procéder à un audit spécifiquement orienté si l'audit complet n'est pas nécessaire.
Hatitawe ku gihe cy'imenyesha ry'igenzura giteganywa mu ngingo ya 28 y'iri tegeko, iyo hakorwa igenzura rigamije gusuzuma ikibazo cyihariye, Ubuyobozi bw'imisoro bumenyesha usora mu nyandiko, nibura iminsi itatu (3) y'akazi mbere y'uko igenzura rikorwa.	Disregarding the audit notice period referred to in Article 28 of this Law, in case of an issue-oriented audit, the Tax Administration must inform the taxpayer in writing, at least three (3) working days before the audit is conducted.	Sans tenir compte de la période de notification d'audit visée à l'article 28 de la présente loi, en cas d'audit spécifiquement orienté, l'Administration fiscale doit en informer le contribuable par écrit au moins trois (3) jours ouvrables avant que l'audit ait lieu.
Mu gihe cy'igenzura rigamije gusuzuma ikibazo cyihariye, iyimurwa ry'igenzura rivugwa mu ngingo ya 28 y'iri tegeko ntirishobora kurenza iminsi irindwi (7) y'akazi.	In case of an issue-oriented audit, the postponement of audit referred to in Article 28 of this Law cannot exceed seven (7) working days.	En cas d'audit spécifiquement orienté, l'ajournement d'audit visé à l'article 28 de la présente loi ne peut dépasser sept (7) jours ouvrables.
Ingingo ya 45: Igenzura rikorewe mu biro	**Article 45: Desk audit**	**Article 45: Audit au bureau**
Igenzura rikorewe mu biro rikorwa n'umugenzuzi mu biro bye kubera imwe mu	Desk audit is conducted by an auditor in his or her office on any of the following grounds:	L'audit au bureau est effectué par un auditeur dans son bureau pour l'un des motifs

mpamvu zikurikira:		suivants:
1° iyo ibyacurujwe by'umusoro ku nyongeragaciro bitangana n'ibyacurujwe by'umusoro ku nyungu nta mpamvu;	1 º if the turnover for Value Added Tax is not corresponding to the turnover for income tax without justification;	1° si le chiffre d'affaires relatif à la taxe sur la valeur ajoutée à taxer ne correspond pas au chiffre d'affaires relatif à l'impôt sur le revenu sans motif ;
2° iyo imenyekanisha ry'umusoro ridahura n'umusoro wishyuwe;	2 º if the tax declarations are not corresponding to paid taxes;	2° si la déclaration d'impôt ne correspond pas à l'impôt payé;
3° iyo usora yavanye mu musaruro usoreshwa ibyasohotse bitemewe kuvanwamo;	3 º if the taxpayer deducted from taxable income non-deductible expenses;	3° si le contribuable a déduit du revenu Imposable des dépenses non déductibles ;
4° iyo inyemezabuguzi imwe cyangwa nyinshi zitamenyekanishijwe;	4 º if one or more invoices were not declared;	4° si une ou plusieurs factures n'ont pas été déclarées;
5° ikindi gihe cyose Ubuyobozi bw'imisoro bwasanga bufite inyandiko zihagije zatuma hacibwa umusoro.	5 º in any other situation where the Tax Administration has sufficient documents that can be used to assess taxes.	5° dans tout autre cas où l'Administration fiscale dispose des documents suffisants lui permettant d'établir les impôts.
Mu igenzura rikorewe mu biro, si ngombwa kumenyesha usora mu nyandiko ko azagenzurwa. Icyakora, usora arahamagarwa kugira ngo atange ibisobanuro mbere y'uko ahabwa inyandiko imuca umusoro.	In case of the desk audit, it is not necessary to inform in writing the taxpayer that he or she is audited. However, the taxpayer is invited for explanations before the tax notice is issued to him or her.	En cas d'audit au bureau, il n'est pas nécessaire d'informer par écrit le contribuable qu'il fait l'objet d'un audit. Toutefois, le contribuable est invité à fournir des explications avant de lui remettre la note d'imposition.

Ingingo ya 46: Igenzura rirebana n'ihererekanya ry'ibiciro	**Article 46: Transfer pricing audit**	**Article 46 : Audit des prix de transfert**
Igenzura rirebana n'ihererekanya ry'ibiciro rikorwa n'Ubuyobozi bw'imisoro ku gikorwa kigenzurwa cyakozwe hagati y'abantu bafitanye isano bugamije kumenya niba ihame ry'ihiganwa risesuye ryarubahirijwe.	The transfer pricing audit is performed by the Tax Administration on a controlled transaction between related parties to ensure compliance with the arm's length principle.	L'audit des prix de transfert est effectué par l'Administration fiscale sur une transaction contrôlée réalisée entre personnes liées pour s'assurer qu'il y a eu respect du principe de pleine concurrence.
Ingingo ya 47 Igenzura rigamije gusubiza umusoro	**Article 47: Refund audit**	**Article 47 : Audit de restitution**
Igenzura rigamije gusubiza umusoro rikorwa iyo umusoro ku nyongeragaciro wishyuye ku kiranguzo uruta umusoro wakiriwe. Muri icyo gihe, Ubuyobozi bw'imisoro bukora igenzura rigamije kumenya niba umusoro usora yasabye gusubizwa yarawishyuye kandi akwiye kuwusubizwa.	The refund audit is carried out when the input Value Added Tax paid exceeds the output tax. In this case, the Tax Administration conducts an audit to determine whether the tax for which the taxpayer is claiming a refund has been paid and that the taxpayer is entitled to the refund.	L'audit de restitution est effectué lorsque la taxe sur la valeur ajoutée acquittée en amont est supérieure à la taxe en aval. Dans ce cas, l'Administration fiscale procède à un audit pour déterminer si la taxe dont le contribuable réclame la restitution a été acquittée et que le contribuable est en droit de bénéficier de cette restitution.
Ingingo ya 48: Igenzura nta nteguza	**Article 48: Audit without notice**	**Article 48 : Audit d'office**
Igenzura nta nteguza rikorwa n'Ubuyobozi bw'imisoro usora atamenyeshejwe ko rizakorwa, hashingiwe ku bimenyetso bufite by'amakosa avugwa mu ngingo ya 41 y'iri tegeko yakozwe n'usora. Igenzura nta nteguza rishobora gukorwa kandi iyo Ubuyobozi bw'imisoro bubonye amakosa mu gihe cy'igenzura risesuye.	An audit without notice is carried out by the Tax Administration without prior notice to the taxpayer, based on the evidence in its possession indicating the faults made by the taxpayer that are referred to in Article 41 of this Law. An audit without notice may also be carried out in the event that the Tax Administration discovers errors during the audit.	Un audit d'office est effectué par l'Administration fiscale sans préavis au contribuable, sur la base des preuves, en sa possession, indiquant les fautes commises par le contribuable visé à l'article 41 de la présente loi. Un audit d'office peut également être effectué en cas de découverte, par l'Administration fiscale, des erreurs lors de l'audit.

Icyiciro cya 2: Iperereza	**Section 2: Investigation**	**Section 2 : Enquête**
Ingingo ya 49: Kwinjira mu kigo cyangwa mu nyubako mu rwego rw'iperereza	**Article 49: Access to premises for search and seizure**	**Article 49 : Accès aux locaux pour perquisition et saisie**
Umukozi wemewe ashobora gusura cyangwa kwinjira mu kigo cyangwa mu nyubako bikorerwamo by'usora cyangwa iby'undi muntu nta nteguza atanze iyo akora iperereza ku makuru arebana n'imisoro y'usora. Iyo asanze ari ngombwa ashobora gusaka no gufatira ibintu cyangwa ibitabo by'usora bifitanye isano n'ibikorwa by'ubucuruzi.	The authorized officer may, without notice, visit or enter business premises of the taxpayer or any other person in search of tax information about the taxpayer. If he or she considers it necessary, the authorized officer may search and seize objects or documents related to the business activities of the taxpayer.	L'agent autorisé peut, sans aviser, visiter ou entrer dans les lieux ou locaux de travail du contribuable ou de toute autre personne en quête des informations fiscales du contribuable. S'il le juge nécessaire, l'agent autorisé peut perquisitionner et saisir des objets ou des documents liés aux activités commerciales du contribuable.
Umukozi wemewe, ufite uruhushya rwo gusaka rwatanzwe n'Umushinjacyaha, ashobora kandi kwinjira mu nyubako zituwemo, gusaka no gufatira ibintu cyangwa ibitabo by'usora bifitanye isano n'ibikorwa by'ubucuruzi, hagati ya saa kumi n'ebyiri za mu gitondo na saa kumi n'ebyiri za nimugoroba.	The authorized officer, having a search warrant delivered by the Prosecutor, may also enter the residential premises, search and seize objects or documents related to the business activities of the taxpayer, between six 6:00 am and 6:00 pm.	L'agent autorisé, muni d'un mandat de perquisition délivré par l'Officier de poursuite judiciaire, peut aussi accéder à des lieux ou à des locaux d'habitation, perquisitionner et saisir des objets ou des documents liés aux activités commerciales du contribuable, entre six heures (6h00) du matin et six heures (6h00) du soir.
Mbere y'isaka, umuntu usakwa ashyikirizwa kopi y'uruhushya rwo gusaka.	Before the search, the concerned person is given a copy of the search warrant.	Avant la perquisition, la personne concernée reçoit une copie du mandat de perquisition.
Umukozi wemewe ufite uruhushya rwo gusaka ruvugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ashobora kwiyambaza Polisi y'u Rwanda cyangwa abahagarariye inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage z'aho isaka	An authorized officer who has a search warrant referred to in Paragraph 2 of this Article may seek the assistance of the Rwanda National Police or the representatives of decentralised	Un agent autorisé qui détient le mandat de perquisition tel que prévu à l'alinéa 2 du présent article peut requérir l'assistance de la Police Nationale du Rwanda ou des représentants des entités administratives décentralisées du lieu de la perquisition.

ribera.	administrative entities of the place of search.	
<u>Ingingo ya 50</u>: Ibisabwa mu gihe cyo gusaba uruhushya rwo gusaka	**<u>Article 50</u>: Requirements for application for search warrant**	**<u>Article 50</u>: Conditions de demande du mandat de perquisition**
Mu gihe cyo gusaba uruhushya rwo gusaka, Ubuyobozi bw'imisoro bushyikiriza Umushinjacyaha ibi bikurikira:	When applying for a search warrant, the Tax Administration provides to the Prosecutor the following:	Lors de la demande du mandat de perquisition, l'Administration fiscale fournit à l'officier de poursuite judiciaire ce qui suit :
1° amazina y'umuntu uzasakwa, aho abarizwa n'icyo akora;	1 º names, residence and profession of a person to be searched;	1 º les noms, la résidence et la profession de la personne qui doit être perquisitionnée;
2° aho inyubako zituwemo Ubuyobozi bw'imisoro bushaka gusaka ziri;	2 º location of the residence the Tax Administration wants to search;	2 º l'adresse de la résidence que l'Administration fiscale souhaite perquisitionner;
3° impamvu Ubuyobozi bw'imisoro bushingiraho busaba uruhushya rwo gusaka.	3 º reasons on which the Tax Administration bases its request for the search warrant.	3 º les raisons sur lesquelles l'Administration fiscale fonde sa demande de mandat de perquisition.
<u>UMUTWE WA VI</u>: GUKEMURA IMPAKA	**<u>CHAPTER VI</u>: DISPUTE SETTLEMENT**	**<u>CHAPITRE VI</u>: RÈGLEMENT DES LITIGES**
<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ubujurire bwo mu rwego rw'ubutegetsi	**<u>Section One</u>: Administrative appeal**	**<u>Section première</u>: Recours administratif**
<u>Ingingo ya 51</u>: Kujuririra Komiseri Mukuru	**<u>Article 51</u>: Appeal to the Commissioner General**	**<u>Article 51</u>: Recours auprès du Commissaire général**
Usora utanyuzwe n'ibikubiye mu nyandiko igena umusoro cyangwa mu nyandiko imenyekanisha ihazabu yo mu rwego	A taxpayer who is dissatisfied with the contents of the tax assessment notice or notification of administrative fine appeals to	Un contribuable qui conteste le contenu de la note d'imposition ou de la notification d'amende administrative introduit son

rw'ubutegetsi ajuririra Komiseri Mukuru ku musoro atemera mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi ashyikirijwe iyo nyandiko.	the Commissioner General against the disputed amount within a period not exceeding thirty (30) days from the day of receipt of the notice or notification.	recours auprès du Commissaire général contre la somme contestée dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter du jour de la réception de la note ou de la notification.
Icyakora, iyo usora yishyuye umusoro yemera, Komiseri Mukuru ahagarika by'agateganyo kwishyuza umusoro wajuririwe.	However, when the taxpayer has paid the undisputed portion of the tax, the Commissioner General suspends the collection of the tax that is the subject of appeal.	Toutefois, lorsque le contribuable a acquitté la partie non contestée de l'impôt, le Commissaire général suspend le recouvrement de l'impôt faisant l'objet du recours.
Ingingo ya 52: Ibisabwa kugira ngo ubujurire bwakirwe	**Article 52: Conditions for admissibility of appeal**	**Article 52 : Conditions de recevabilité du recours**
Kugira ngo idosiye y'ubujurire yakirwe, iba:	To be admissible, the file of appeal must:	Pour être recevable, le dossier de recours doit :
1° iri mu nyandiko;	1° be in writing;	1° être introduit par écrit;
2° igaragaza ibiranga usora;	2° identify the taxpayer;	2° indiquer le contribuable;
3° iriho inomero iranga usora;	3° bear the taxpayer identification number;	3° porter le numéro d'identification du contribuable ;
4° igaragaza igihe cy'umusoro kirebwa n'ubujurire;	4° identify the concerned tax period;	4° mentionner la période imposable concernée;
5° igaragaza umusoro waciwe cyangwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yaciwe, ikijuririrwa n'impamvu y'ubujurire;	5° specify the tax assessed or administrative fine imposed, the object and the grounds for the appeal;	5° spécifier l'impôt dû ou l'amende administrative imposée, l'objet et les motifs du recours ;

6° yashyizweho umukono n'usora cyangwa umuhagarariye wemewe n'amategeko cyangwa uwo yabihereye uburenganzira ufite icyemezo cyo kumuhagararira;	6° be signed by the taxpayer, his or her legal representative or a representative with powers of attorney;	6° être signé par le contribuable, son représentant légal ou son mandataire;
7° igaragaza ibimenyetso n'ingingo z'amategeko bigaragaza ko isoresha ritakozwe neza;	7° contain proofs and legal arguments indicating that the tax assessment was not correctly done;	7° contenir les preuves et bases juridiques indiquant que l'imposition n'a pas été correctement faite;
8° itanzwe mu buryo bw'ikoranabuhanga bw'imenyekanishamusoro bushyirwaho n'Ubuyobozi bw'imisoro cyangwa mu buryo bw'itumanaho buvugwa mu ngingo ya 6 y'iri tegeko, mu gihe ikoranabuhanga ridakora.	8° be submitted via electronic tax filing system's module set by the Tax Administration or by means of communication referred to in Article 6 of this Law, if the system is not in use.	8° être soumis par voie de module de déclaration en ligne mis sur pied par l'Administration fiscale ou par d'autres moyens de communication visés à l'article 6 de la présente loi, si le système est hors service;
Icyakora, impaka zavutse zishingiye ku nyandiko igena umusoro yakozwe na sisitemu y'imisoro hagendewe ku imenyekanisha ryatanzwe n'usora ubwe zishobora gukemurwa mu nzira z'ubuyobozi bitanyuze mu nzira z'ubujurire ziteganywa n'iyi ngingo.	However, disputes related to a notice of assessment generated by electronic tax system based on declaration made by a taxpayer may be administratively resolved without recourse to appeal procedure provided for in this Article.	Toutefois, les litiges relatifs à une note d'imposition générée par le système électronique d'imposition sur la base d'une déclaration faite par le contribuable lui-même peuvent être administrativement résolus sans faire recours à la procédure d'appel prévue par le présent article.
<u>Ingingo ya 53</u>: Gufata icyemezo ku bujurire	**<u>Article 53</u>: Decision on appeal**	**<u>Article 53 :</u> Décision sur le recours**
Komiseri Mukuru afata icyemezo ku bujurire mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi ubwo bujurire bwakiriwe	The Commissioner General decides on the appeal in a period not exceeding thirty (30) days from the day of receipt of the appeal and	Le Commissaire général statue sur le recours dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter du jour de réception du

akakimenyesha usora mu nyandiko.	communicates it to the taxpayer in writing.	recours et communique sa décision au contribuable par écrit.
Komiseri Mukuru cyangwa undi mukozi w'Ubuyobozi bw'imisoro ubifitiye ububasha washyizweho na Komiseri Mukuru ashobora kongera indi minsi mirongo itatu (30) ku gihe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo akabimenyesha usora.	The Commissioner General or a competent staff of the Tax Administration designated by the Commissioner General may extend the period referred to in Paragraph One of this Article by another thirty (30) days and informs the taxpayer.	Le Commissaire général ou l'agent compétent de l'Administration fiscale qu'il a désigné peut prolonger de trente (30) jours le délai visé à l'alinéa premier du présent article et en informer le contribuable.
Iyo Komiseri Mukuru nta cyemezo afashe muri iyo minsi ivugwa mu gika cya mbere n'icya kabiri by'iyi ngingo, ubujurire bufatwa nk'aho bufite ishingiro.	After the time limit referred to in Paragraphs One and 2 of this Article has elapsed without the Commissioner General having decided on the appeal, the appeal is deemed to be well-founded.	Passé le délai visé aux alinéas premier et 2 du présent article sans que le Commissaire général ne se prononce, ce recours est réputé fondé.
Iyo ubujurire bwemewe bwose cyangwa igice cyabwo, Komiseri Mukuru akuriraho usora umusoro, inyungu z'ubukererwe n'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi bijyanye n'ubujurire bwemewe.	In case the appeal is fully or partially accepted, the Commissioner General discharges the taxpayer from the respective tax liability, interests for late payment and administrative fine with regard to the accepted appeal.	Lorsque le recours est accepté en totalité ou en partie, le Commissaire général dispense le contribuable de l'obligation de payer l'impôt différent, les intérêts de retard et les amendes administratives relatifs au recours accepté.
Ingingo ya 54: Igenzura rishya rishingiye ku bujurire	**Article 54: New audit based on appeal**	**Article 54 : Nouvel audit fondé sur le recours**
Nyuma yo gusuzuma ubujurire, Komiseri Mukuru ashobora gusesa igenzura ryakozwe akemeza ko hakorwa irindi genzura, iyo hari amakosa yakozwe n'usora ataragaragajwe n'igenzura yatumye umusoro ugabanuka.	After consideration of the appeal, the Commissioner General may cancel the audit conducted and decide that a new audit be conducted, if there are faults committed by the taxpayer which were not disclosed by the audit and which resulted in reduction of the tax.	Le Commissaire général peut, après examen de l'appel, annuler l'audit fait et décider qu'un autre audit soit fait, lorsqu'il y a des fautes commises par le contribuable qui n'ont pas été découvertes par l'audit et qui ont conduit à la réduction de l'impôt.

Igenzura rishya rikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.	The new audit is conducted in accordance with the provisions of this Law.	Un nouvel audit est fait conformément aux dispositions de la présente loi.
<u>Icyiciro cya 2</u>: Gukemura ikibazo mu bwumvikane no kuregera urukiko	**<u>Section 2</u>: Amicable settlement and filing a case with a court**	**<u>Section 2 :</u> Règlement à l'amiable et saisine de la juridiction**
<u>Ingingo ya 55</u>: Uburenganzira bwo gusaba ubwumvikane	**<u>Article 55</u>: Right to request for amicable settlement**	**<u>Article 55</u>: Droit de requérir le règlement à l'amiable**
Usora utishimiye icyemezo cya Komiseri Mukuru ashobora gusaba ko ikibazo cye gikemurwa mu bwumvikane.	A taxpayer who is dissatisfied with the decision of the Commissioner General, may request for an amicable settlement.	Un contribuable qui n'est pas satisfait de la décision du Commissaire général peut demander le règlement à l'amiable.
Amabwiriza ya Komiseri Mukuru agena uburyo bwo gukemura mu bwumvikane impaka zishingiye ku misoro.	Directives of the Commissioner General determine the modalities for amicable settlement of tax related disputes.	Les directives du Commissaire général déterminent les modalités du règlement à l'amiable des différends liés aux impôts.
<u>Ingingo ya 56</u>: Kuregera urukiko	**<u>Article 56</u>: Filing a case with the court**	**<u>Article 56</u>: Saisine de juridiction**
Iyo impande zombi zitabashije gukemura ikibazo mu bwumvikane, usora ashobora kuregera urukiko mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku itariki ubwumvikane bwananiraniye.	If the two parties cannot resolve the dispute amicably, the taxpayer may file a case with the court within a period not exceeding thirty (30) days from the date of failure to reach amicable settlement.	Si les deux parties ne parviennent pas à régler le différend à l'amiable, le contribuable peut saisir la juridiction dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la date à laquelle le règlement à l'amiable a échoué.
Usora ashobora kandi kuregera urukiko rubifitiye ububasha iyo atanyuzwe n'icyemezo cya Komiseri Mukuru mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi yagerejweho icyemezo cya Komiseri Mukuru.	A taxpayer who is dissatisfied with the decision of the Commissioner General may also file a case with the competent court within thirty (30) days from the day of receipt of the decision of the Commissioner General.	Le contribuable peut aussi saisir la juridiction compétente lorsqu'il n'est pas satisfait de la décision du Commissaire général dans les trente (30) jours à compter du jour de réception de la décision du Commissaire général.

Mu gihe usora aregeye urukiko inshingano yo kwishyura umusoro igumaho. Igihe nta cyemezo ndakuka kirafatwa ku busabe, Ubuyobozi bw'imisoro bushobora kwishyuza umusoro wabazwe, ibihano n'inyungu z'ubukererwe bijyanye na wo.	During the period in which the claim is filed with the court, the obligation to pay tax remains. Prior to the final decision on the case, the Tax Administration may recover the tax assessed, the penalties and interests for late payment.	Lors de la saisine, l'obligation de payer l'impôt persiste. Avant la décision sur la demande, l'Administration fiscale peut recouvrer l'impôt calculé, les pénalités et les intérêts de retard y relatifs.
Icyakora, Komiseri Mukuru, abisabwe n'usora, ashobora guhagarika by'agateganyo iyishyuzwa ry'umusoro wajuririwe.	However, the Commissioner General may, upon request by the taxpayer, suspend the tax recovery.	Toutefois, le Commissaire général peut, sur demande du contribuable, suspendre le recouvrement de l'impôt.
Ingingo ya 57: Ukutakirwa kw'inyandiko	**Article 57: Inadmissibility of documents**	**Article 57 : Irrecevabilité des documents**
Usora ntiyemererwa gutanga, ku rwego urwo ari rwo rwose rw'ubujurire, indi nyandiko atagaragaje mu gihe cy'igenzura, uretse igihe agaragaje ko atatanze iyo nyandiko kubera impamvu yumvikana.	A taxpayer is not allowed to provide at any stage of appeal, any additional document that was not produced during the audit, unless he or she proves that the document was not produced due to a valid reason.	Le contribuable n'est pas autorisé à produire, à tous les niveaux de recours un document additionnel qu'il n'avait pas fourni pendant l'audit, à moins qu'il ne prouve que tel document n'a pas pu être fourni pour une raison valable.
Ingingo ya 58: Inyungu zishyurwa n'Ubuyobozi bw'imisoro	**Article 58: Interest paid by Tax administration**	**Article 58 : Intérêts payés par l'Administration fiscale**
Iyo usora akuriweho umusoro, inyungu z'ubukererwe cyangwa ibihano n'icyemezo cy'ubutegetsi cyangwa icy'urukiko, cyangwa iyo adashubijwe mu gihe giteganywa n'iri tegeko umusoro w'ikirenga yishyuye, Ubuyobozi bw'imisoro bwishyura inyungu ku mafaranga usora agomba gusubizwa.	If the taxpayer is discharged from tax, interests for late payment or penalties by an administrative or judicial decision, or if no refund of excess taxes paid is done in the time limit prescribed by this Law, the Tax Administration pays interest on the due refund.	Si le contribuable est dispensé de l'impôt, des intérêts ou des amendes par une décision administrative ou judiciaire ou si l'excédent ne lui est pas restitué dans le délai prescrit par la présente loi, l'Administration fiscale paye des intérêts sur le remboursement dû.
Inyungu zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo zibarwa hakurikijwe igipimo	The interest rate provided for in Paragraph One of this Article is calculated in	Le taux d'intérêt prévu à l'alinéa premier du présent article est fixé au taux interbancaire

cy'inyungu y'amabanki gishyirwaho na Banki Nkuru y'u Rwanda kandi zishyirwaho ku itariki ya mbere Mutarama y'umwaka w'isoreshwa muri uwo mwaka. Inyungu zibarwa umunsi ku wundi nta gukomatanya, uhereye ku munsi usora yishyuriye kugeza ku munsi wo gusubizwa amafaranga na wo ubariwemo.	accordance with the inter-bank offered rate of the National Bank of Rwanda and is set on 1st January of the fiscal year for the current calendar year. Interest is calculated on a daily basis, non-compounding, counting from the day of payment until the day of refund inclusive.	vendeur de la Banque Nationale du Rwanda établi le 1er janvier de l'année fiscale pour l'année civile en cours. L'intérêt est calculé au jour le jour, non composé, à compter de la date du paiement jusqu'au jour du remboursement y compris.
UMUTWE WA VII: IBIMENYETSO	**CHAPTER VII: EVIDENCE**	**CHAPITRE VII: PREUVES**
Ingingo ya 59: Igihe Ubuyobozi bw'imisoro bugaragariza ibimenyetso	**Article 59: Burden of proof imposed on the Tax administration**	**Article 59: Charge de la preuve incombant à l'Administration fiscale**
Ubuyobozi bw'imisoro bugaragaza ibimenyetso iyo:	The Tax Administration provides evidence if :	La charge de la preuve incombe à l'Administration fiscale lorsque :
1° bukosora imenyekanisha ry'umusoro;	1° it rectifies tax declaration;	1° elle procède à un redressement d'une déclaration fiscale;
2° bugaragaza ko umutungo wiyongereye n'uburyo ubwo bwiyongere bwapimwe;	2° it demonstrates indicators of prosperity and the valuation method of property;	2° elle démontre les indices de prospérité et la méthode utilisée pour l'évaluation du patrimoine;
3° busaba umushinjacyaha uruhushya rwo gusaka mu nyubako zituwemo;	3° it applies to the Prosecutor for search warrant in residential buildings;	3° elle demande à l'officier de poursuite judiciaire un mandat de perquisition dans les locaux habités ;
4° bukoze igenzura nta nteguza.	4° it conducts an audit without notice.	4° elle procède à un audit d'office.

Ingingo ya 60: Igihe usora agaragariza ibimenyetso	**Article 60: Burden of proof imposed on the taxpayer**	**Article 60: Charge de la preuve incombant au contribuable**
Usora agaragaza ibimenyetso iyo:	The taxpayer has provides evidence if :	La charge de la preuve incombe au contribuable lorsque :
1° akoze imenyekanisha rikosora;	1° he or she proceeds with the rectification of the declaration;	1° il procède à la rectification de la déclaration;
2° ashaka kuvuguruza ibikubiye mu nyandikomvugo yakozwe n'ubuyobozi bw'imisoro;	2° he or she contests the content of a statement made by the Tax Administration;	2° il conteste le contenu d'un procès-verbal établi par l'Administration fiscale;
3° Ubuyobozi bw'imisoro bukora igenzura ku ihererekanya ry'ibiciro.	3° the Tax Administration conducts a transfer pricing audit.	3° L'Administration fiscale fait un audit des prix de transfert.
Ingingo ya 61: Inyandikomvugo	**Article 61: Statement**	**Article 61 : Procès-verbal**
Iyo umukozi wemewe akoze igenzura cyangwa iperereza mu birebana n'imisoro akora inyandikomvugo ku ikosa cyangwa icyaha byakozwe mu rwego rw'akazi ashinzwe.	When an authorized officer carries out audit or investigation related to taxes, he or she makes a statement on a fault or an offence committed in relation to his or her duties.	Lorsqu'un agent autorisé mène l'audit ou l'enquête en matières fiscales, il établit un procès-verbal sur une faute ou une infraction commise dans le cadre de ses fonctions.
Iyo nyandikomvugo iba ikubiyemo ibi bikurikira:	The statement contains the following facts:	Le procès-verbal contient les faits suivants :
1° ibimenyetso n'ubuhamya umukozi wemewe yiboneye ubwe;	1 º evidence the authorized officer personally witnessed;	1 º les preuves que l'agent a constatées personnellement;
2° amazina y'umukozi wemewe ;	2 º the names of the authorized officer;	2 º les noms de l'agent autorisé;
3° amazina y'usora;	3 º the names of the taxpayer;	3 º les noms du contribuable;

4° aho usora abarizwa n'icyo akora;	4 º address and activity of the taxpayer;	4 º l'adresse et l'activité du contribuable;
5° itariki ikoreweho.	5 º the date on which the statement was made.	5 º la date d'établissement du procès-verbal.
Iyo nyandikomvugo ishyirwaho umukono n'umukozi wemewe wakoze igenzura cyangwa iperereza ndetse n'usora ukekwaho ikosa cyangwa icyaha, usora agahabwa kopi yayo.	The statement is signed by both the authorized officer having carried out audit or investigation and the taxpayer with a copy given to the taxpayer.	Le procès-verbal est signé par l'agent autorisé ayant mené l'audit ou l'enquête et le contribuable avec une copie donnée au contribuable.
Iyo usora yanze gushyira umukono ku nyandikomvugo, umukozi wemewe wakoze igenzura cyangwa iperereza abyandika mu nyandikomvugo.	If the taxpayer refuses to sign the statement, his or her refusal is recorded in the statement by the authorized officer having carried out audit or investigation.	Si le contribuable refuse de signer le procès-verbal, ce détail est signalé dans le procès-verbal par l'agent autorisé ayant mené l'audit ou l'enquête.
Inyandikomvugo igira agaciro k'ikimenyetso gihagije cy'ibyo umukozi wemewe yabonye. Ishobora gukoreshwa n'Ubuyobozi bw'imisoro mu isoresha nta nteguza.	The statement constitutes sufficient proof of the facts that the authorized officer found. It may be used by the Tax Administration for a tax assessment without notice.	Le procès-verbal constitue la preuve suffisante des faits constatés par l'agent autorisé. Il peut être utilisé par l'Administration fiscale pour procéder à une imposition d'office.
Ibikubiye mu nyandikomvugo ntibyitabwaho iyo bigaragaye ko umukozi wemewe wakoze igenzura cyangwa iperereza yakoze uburiganya cyangwa iyo yakoze ikosa rikomeye.	The content of the statement is disregarded if it is proved that the authorized officer having carried out audit or investigation committed fraud or made a serious mistake.	Le contenu du procès-verbal ne fait pas foi s'il est démontré que l'agent autorisé ayant mené l'audit ou l'enquête a commis une fraude ou une erreur grave.
<u>Ingingo ya 62</u>: Ibimenyetso by'ukwiyongera k'umutungo	**<u>Article 62</u>: Indications of prosperity**	**<u>Article 62 :</u> Indices de prospérité**
Iyo Ubuyobozi bw'imisoro bubonye	When the Tax Administration has indications	Lorsque l'Administration fiscale a des

ibimenyetso bigaragaza ko umutungo w'usora wiyongereye mu mwaka, usora ntashobore gusobanura impamvu y'ubwo bwiyongere, Ubuyobozi bw'imisoro bushobora kongera agaciro k'umutungo w'inyongera ku musaruro usoreshwa no kukifashisha nk'ikimenyetso cy'umusoro wabazwe.	that the taxpayer's assets have increased during a fiscal year and that the taxpayer cannot explain this increase, it may add to the taxable income the value of the increase in assets and use it as proof of the assessed tax.	indices indiquant que le patrimoine du contribuable a augmenté au cours d'une année fiscale et que le contribuable ne peut pas expliquer cette augmentation, elle peut ajouter au revenu imposable la valeur de l'augmentation du patrimoine et s'en servir comme preuve de l'impôt calculé.
Ubuyobozi bw'imisoro bumenyesha usora ibimenyetso byose bwashingiyeho bugaragaza ko umutungo wiyongereye n'uburyo bwakoreshejwe mu kuwuha agaciro.	The Tax Administration communicates to the taxpayer all the indices used to prove the increase in prosperity as well as the valuation method of the property.	L'Administration fiscale communique au contribuable tous les indices utilisés pour prouver l'augmentation de prospérité ainsi que la méthode d'évaluation du patrimoine.
Ubwoko bwose bw'ibimenyetso buteganywa n'amategeko burakoreshwa uretse indahiro.	Save an oath, all types of evidence provided for by law are used.	Sauf le serment, tous les modes de preuve prévus par la loi sont admis.
UMUTWE WA VIII: KWISHYUZA UMUSORO	**CHAPTER VIII: TAX RECOVERY**	**CHAPITRE VIII : RECOUVREMENT D'IMPÔT**
Icyiciro cya mbere: Uburenganzira bw'ubugwate ku mutungo w'usora	**Section One: Lien upon the taxpayer's property**	**Section première : Privilège sur les biens du contribuable**
Ingingo ya 63: Uburenganzira bw'ubugwate ku mutungo wimukanwa	**Article 63: Lien upon movable property**	**Article 63 : Privilège sur les biens meubles**
Ubuyobozi bw'imisoro bufite uburenganzira bw'ubugwate ku musaruro n'umutungo wimukanwa by'usora aho byaba biri hose, kugira ngo bubashe kwishyuza umusoro, inyungu z'ubukererwe, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi n'amafaranga yakoreshejwe	The Tax Administration holds a lien on income and movable property of the taxpayer, wherever it may be located, for recovery of tax, interests for late payment, administrative fine and the cost of recovery.	L'Administration fiscale a un privilège légal sur les revenus et les biens meubles du contribuable, quel que soit le lieu où ils se trouvent, pour le recouvrement de l'impôt, des intérêts, d'amendes administratives et des frais de recouvrement.

mu kwishyuza.		
Ubwo burenganzira bw'ubugwate bureba kandi umusaruro n'umutungo wimukanwa by'uhagarariye usora uvugwa mu ngingo ya 10 y'iri tegeko, iyo urukiko rwemeje ko basangiye uburyozwe.	The lien also concerns income and movable property of representatives of the taxpayer referred to in Article 10 of this Law if the court decided their joint liability.	Le privilège concerne également les revenus et les biens meubles des représentants du contribuable visés à l'article 10 de la présente loi lorsque la juridiction a décidé leur responsabilité solidaire.
<u>Ingingo ya 64</u>: Uburenganzira bw'ubugwate ku mutungo utimukanwa	**<u>Article 64</u>: Mortgage upon immovable property**	**<u>Article 64</u>: Hypothèque sur les biens immeubles**
Ubuyobozi bw'imisoro bufite uburenganzira bw'ubugwate ku mutungo utimukanwa w'usora aho waba uri hose, kugira ngo bubashe kwishyuza umusoro, inyungu z'ubukererwe, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi n'amafaranga yakoreshejwe mu kwishyuza.	The Tax Administration has a mortgage right on immovable property of the taxpayer wherever it may be located for recovery of tax, interests for late payment, administrative fine and the cost of enforcement.	L'Administration fiscale a un droit d'hypothèque sur les biens immeubles du contribuable, partout où ils se trouvent, pour le recouvrement de l'impôt, des intérêts, d'amende administrative et des frais de recouvrement.
Uburenganzira bw'ubugwate bureba umutungo utimukanwa w'uhagarariye usora uvugwa mu ngingo ya 10 y'iri tegeko, iyo urukiko rwemeje ko basangiye uburyozwe.	The mortgage applies to immovable property of representative of the taxpayer mentioned in Article 10 of this Law if the court decided their joint liability.	L'hypothèque concerne les biens immeubles du représentant du contribuable visé à l'article 10 de la présente loi lorsque la juridiction a décidé leur responsabilité solidaire.
<u>Ingingo ya 65</u>: Iyandikwa ry'ubugwate ku mutungo	**<u>Article 65</u>: Registration of security or mortgage on property**	**<u>Article 65</u>: Enregistrement d'un privilège ou d'une hypothèque sur le patrimoine**
Ubugwate ku mutungo wimukanwa n'utimukanwa bwandikishwa ku Mwanditsi Mukuru bukamara igihe cy'imyaka ibiri (2) uhereye ku itariki ubugwate bwandikiweho. Iyo habayeho kujuririra ubutegetsi cyangwa	Security on movable property and mortgage is registered with the Registrar General for a period of two (2) years starting from the date the security or mortgage was registered. In case of administrative or legal recourse, the	Le privilège légal sur les biens meubles et l'hypothèque est inscrit auprès du Registraire général pour une période de deux (2) ans à compter de la date d'inscription du privilège ou de l'hypothèque. En cas de recours

urukiko, uburenganzira ku bugwate bwongererwa ikindi gihe cy'imyaka ibiri (2) nyuma y'umunsi icyemezo ndakuka gitegeka usora kwishyura cyafatiweho.	security and the mortgage are extended for another period of two (2) years after the date of the final decision ordering the taxpayer to pay.	administratif ou judiciaire, le privilège et l'hypothèque sont prorogés pour une autre période de deux (2) ans à compter de la date de la décision finale ordonnant au contribuable de payer.
Komiseri Mukuru ni we usaba ko ubugwate bwandikwa akaba ari na we usaba ko bwandukuzwa.	The Commissioner General requests for registration of the security and mortgage. He or she also requests for its cancellation.	Le Commissaire général ²demande l'inscription d'un privilège et d'une hypothèque. Il est également habilité à en demander la mainlevée.
Icyiciro cya 2: Kwihanangiriza no gufatira umutungo w'usora	**Section 2: Warning and seizure of the property of a taxpayer**	**Section 2: Avertissement et saisie des biens du contribuable**
Ingingo ya 66: Kwihanangiriza	**Article 66: Warning**	**Article 66 : Avertissement**
Iyo umusoro, inyungu z'ubukererwe, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi n'amafaranga atangwa mu kwishyuza bitishyuwe mu gihe giteganywa n'iri tegeko, Ubuyobozi bw'imisoro bwohererezа usora inyandiko imwihanangiriza. Iyo nyandiko igaragaza ingano y'umusoro, inyungu z'ubukererwe n'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi bisabwa kwishyurwa n'icyo amategeko ateganya niba bitishyuwe mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi inyandiko yo kwihanangiriza yagerejwe ku usora.	If tax, interests for late payment, administrative fine and enforcement costs are not paid within the period provided for by this Law, the Tax Administration sends a warning letter to the taxpayer. The warning letter indicates the amount of tax, interests for late payment and administrative fine to be paid and the requirements of the law if they are not paid within fifteen (15) days from the receipt of the warning letter by the taxpayer.	Lorsque l'impôt, les intérêts, l'amende administrative et les frais de recouvrement ne sont pas payés dans le délai prévu par la présente loi, l'Administration fiscale adresse au contribuable une lettre d'avertissement. La lettre d'avertissement indique le montant de l'impôt, les intérêts et l'amende à payer ainsi que les exigences légales au cas où ils ne seraient pas payés dans un délai de quinze (15) jours à compter de la réception de la lettre d'avertissement par le contribuable.
Igihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, gishobora kudakurikizwa iyo bigaragaye ko usora	The period of fifteen (15) days referred to in Paragraph One of this Article may be disregarded if it is established that the	Le délai de quinze (15) jours prévu à l'alinéa premier du présent article peut ne pas être considéré lorsqu'il est évident que le

abangamiye inzira zo kwishyuza umusoro.	taxpayer impedes the tax recovery.	contribuable entrave le recouvrement de l'impôt.
<u>Ingingo ya 67</u>: Gufatira umutungo w'usora	**<u>Article 67</u>: Seizure of the property of a taxpayer**	**<u>Article 67</u>: Saisie des biens du contribuable**
Iyo usora atishyuye mu gihe kivugwa mu ngingo ya 66 y'iri tegeko, Ubuyobozi bw'imisoro bushobora gufatira umutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa w'usora, uri mu maboko ye cyangwa y'undi muntu.	If the taxpayer does not pay within the period referred to in Article 66 of this Law, the Tax Administration may seize any movable or immovable property of the taxpayer, held by the taxpayer or a third person.	Lorsque le contribuable ne paie pas dans le délai prévu par l'article 66 de la présente loi, l'Administration fiscale peut procéder à la saisie de tout bien meuble ou immeuble, appartenant au contribuable, détenu par le contribuable ou par un tiers.
Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 64 y'iri tegeko, iyo habaye gufatira umutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa, ubugwate bugumaho kugeza igihe umutungo wafatiriwe ugurishirijwe cyangwa uvaniweho ubwishyu.	Subject to provisions of Articles 64 of this Law, in case of seizure of moveable or immovable property, the security or mortgage preserves until the seized property is sold or accorded a waiver of payment.	Sous réserve des dispositions de l'article 64 de la présente loi, en cas de saisie d'un bien meuble ou immobilier, le privilège ou l'hypothèque est maintenu jusqu'à la vente du bien saisi ou à la renonciation au paiement.
Icyakora, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ibarwa uhereye ku munsi umutungo wafatiriwe, usora ashobora gusaba ubuyobozi bw'imisoro kwigurishiriza umutungo wafatiriwe kugira ngo yishyure umusoro.	However, within a period not exceeding fifteen (15) days running from the day of seizure of the property, the taxpayer may apply to the Tax Administration for authorization to sell the seized property by himself or herself in order to clear tax due.	Toutefois, dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours à compter du jour de la saisie du bien, le contribuable peut demander à l'Administration fiscale l'autorisation de vendre par lui-même le bien saisi en vue de s'acquitter de l'impôt dû.
Usora ahabwa iminsi mirongo icyenda (90) ibarwa uhereye ku munsi yasubirijwe kugira ngo abe yamaze kugurisha umutungo wafatiriwe no kwishyura umusoro.	The taxpayer is granted ninety (90) days running from the day of the feedback on his or her application, to sell the property and clear the tax due.	Le contribuable dispose de quatre-vingt-dix (90) jours à compter du jour de la réponse à sa demande, pour vendre le bien et s'acquitter de l'impôt dû.

Icyiciro cya 3: Guteza cyamunara umutungo w'usora	**Section 3: Auctioning of property of a taxpayer**	**Section 3 : Vente aux enchères des biens du contribuable**
Ingingo ya 68: Itangazwa rya cyamunara	**Article 68: Publication of auction**	**Article 68 : Publication de la vente aux enchères**
Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 27 n'iya 67 z'iri tegeko, Ubuyobozi bw'imisoro bushobora gutangira inzira zo guteza cyamunara ibyafatiriwe hadashingiwe ku cyemezo cy'urukiko.	Subject to provisions of Articles 27 and 67 of this Law, the Tax Administration can start the public auction procedure on seized property, without recourse to the court order.	Sous réserve des dispositions des articles 27 et 67 de la présente loi, l'Administration fiscale peut commencer la procédure de vente aux enchères publiques des biens saisis, sans faire recours à la décision de la juridiction.
Icyakora umutungo wanditswe n'Umwanditsi Mukuru hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 65 y'iri tegeko ntushobora gutezwa cyamunara n'Ubuyobozi bw'imisoro Umwanditsi Mukuru atabitangiye uburenganzira.	However, the property registered by the Registrar General in accordance with provisions of Article 65 of this Law cannot be auctioned by the Tax Administration without authorization by the Registrar General.	Toutefois, un bien enregistré par le Registraire général conformément aux dispositions de l'article 65 de la présente loi ne peut être vendu aux enchères par l'Administration fiscale sans l'autorisation du Registraire général.
Cyamunara ikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.	The auction is conducted in accordance with relevant laws.	La vente aux enchères se déroule conformément à la législation en la matière.
Ingingo ya 69: Uburenganzira bw'usora mu gihe cy'itangazwa rya cyamunara	**Article 69: Rights of a taxpayer during the publication of public auction**	**Article 69: Droits du contribuable lors de la publication de la vente aux enchères publiques**
Usora utishimiye imigendekere y'itangazwa rya cyamunara ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha.	A taxpayer who is not satisfied with the procedure of publication of public auction can object before the court with relevant jurisdiction.	Le contribuable qui n'est pas satisfait de la procédure de publication de la vente aux enchères publiques, peut saisir la juridiction compétente en la matière.
Gutanga ikirego mu rukiko bihagarika cyamunara kugeza igihe icyemezo	The filing of the claim before the court suspends the procedure of auction until the	La saisine de la juridiction suspend la procédure de vente aux enchères

cy'urukiko kibereye ndakuka.	court decision becomes definitive.	publiques jusqu'à ce que la décision de la juridiction soit définitive.
Icyiciro cya 4: Kwishyuza abandi bantu	**Section 4: Recovery from third parties**	**Section 4 : Recouvrement auprès des tiers**
Ingingo ya 70: Ufitiye usora umwenda n'umubikiye amafaranga	**Article 70: Debtors of the taxpayer and possessors of the taxpayer's funds**	**Article 70 : Débiteurs du contribuable et détenteurs de ses fonds**
Iyo umusoro utishyuwe mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) kivugwa mu ngingo ya 67 y'iri tegeko, Ubuyobozi bw'imisoro bushobora gusaba umuntu ufitiye usora umwenda, banki cyangwa undi muntu ubikiye usora amafaranga kwishyura Ubuyobozi bw'imisoro amafaranga yishyuzwa kugira ngo arangize umwenda w'umusoro.	In case the tax is not paid within the fifteen (15) days period referred to in Article 67 of this Law, the Tax Administration may require any debtor, bank or any other party in possession of the taxpayer's funds to pay to the Tax Administration the amount due to the taxpayer against the tax liability.	Lorsque l'impôt n'est pas payé dans un délai de quinze (15) jours visé à l'article 67 de la présente loi, l'Administration fiscale peut exiger de tout débiteur, banque ou tout autre personne détenant les fonds du contribuable à verser à l'Administration fiscale le montant dont le contribuable est redevable afin de régler la dette fiscale.
Mu kwishyuza umuntu ufitiye usora umwenda cyangwa umubikiye amafaranga, Ubuyobozi bw'imisoro bukurikiza uburyo bukurikira:	The following procedures are used when the Tax Administration is recovering tax from a debtor or other person possessing the taxpayer's funds:	Pour recouvrer un impôt auprès d'un débiteur ou d'une autre personne possédant les fonds du contribuable, l'Administration fiscale procède de la manière suivante :
1° kwandikira uwo muntu;	1 º to send a notification to that person;	1 º adresser une notification à cette personne;
2° gusaba uwo muntu gusobanura ibirebana n'umwenda afitiye usora cyangwa amafaranga amubikiye;	2 º to request that person to give explanations of the amount due to the taxpayer or the amount which he or she keeps on behalf of the taxpayer;	2 º demander à cette personne de donner des explications de sa dette envers le contribuable ou du montant des fonds du contribuable qu'elle détient;
3° kumenyesha uwo muntu ko asabwa kwishyura Ubuyobozi bw'imisoro, hakurikijwe amasezerano afitanye	3 º to inform that person that he or she is required to pay to the Tax Administration in accordance with the conditions of	3 º informer cette personne qu'elle est tenue d'effectuer le paiement à l'Administration fiscale, aux conditions

n'usora cyangwa inshingano amugomba;	contract with the taxpayer or his or her obligations towards the taxpayer;	du contrat qui le lie au contribuable ou conformément à ses obligations envers le contribuable;
4° kohererereza usora kopi z'amabaruwa Ubuyobozi bw'imisoro bwohererereje uwo muntu umurimo umwenda cyangwa umubikiye amafaranga.	4 º to send to the taxpayer copies of letters sent to the debtor or other person possessing taxpayer's funds.	4 º envoyer au contribuable des copies de lettres adressées au débiteur ou au détenteur des fonds du contribuable.
Ufitiye usora umwenda cyangwa umubikiye amafaranga, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi yaboneye inyandiko y'Ubuyobozi bw'imisoro, akora ibi bikurikira:	The debtor or the person in possession of a taxpayer's funds, in a period of fifteen (15) days from the day of receipt of the note from the Tax administration, does the following:	Dans quinze (15) jours à compter du jour de la réception la note de l'Administration fiscale, le débiteur ou le détenteur des fonds du contribuable est tenu de faire ce qui suit :
1° guha Ubuyobozi bw'imisoro ibisobanuro mu nyandiko ku mwenda afitiye usora cyangwa amafaranga amubikiye;	1 º give written explanations to the Tax Administration of the amount due to the taxpayer or possessed for the taxpayer;	1 º donner à l'Administration fiscale des explications du montant dû au contribuable ou détenu pour lui;
2° kumenyesha mu nyandiko Ubuyobozi bw'imisoro niba nta mwenda afitiye usora cyangwa amafaranga amubikiye;	2 º notify the Tax Administration in writing that he or she has no debt to the taxpayer or he or she is not in possession of taxpayer's funds;	2 º informer l'Administration fiscale par écrit qu'il n'a pas de dette envers le contribuable ou qu'il n'est pas en possession des fonds du contribuable;
3° kwishyura amafaranga angana n'umusoro hakurikijwe amasezerano afitanye n'usora cyangwa ibyo amugomba.	3 º pay the amount equivalent to the tax in accordance with the contract with the taxpayer or with respect to obligations to the taxpayer.	3 º payer le montant qui est équivalent à la taxe conformément au contrat avec le contribuable ou à l'égard des obligations envers le contribuable.
Iyo ufitiye usora umwenda cyangwa umubikiye amafaranga atubahirije ibisabwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, afatwa	If the debtor or the person in possession of a taxpayer's funds does not comply with the requirements referred to in Paragraph 3 of	Si le débiteur ou le détenteur des fonds du contribuable ne se conforment pas aux conditions énoncées à l'alinéa 3 du présent

nk'ufitiye Ubuyobozi bw'imisoro umwenda udashobora kurenga uwo usora yishyuzwa. Iyo abyubahirije, akurirwaho umwenda yari afitiye usora ungana n'amafaranga yishyuye Ubuyobozi bw'imisoro.	this Article, he or she is liable to the Tax Administration for the amount not exceeding the tax liability of the taxpayer. If he or she complies, he or she is discharged of the debt liability to the taxpayer for the amount paid to the Tax administration.	article, il est considéré comme redevable à l'Administration fiscale du montant ne dépassant pas l'obligation fiscale du contribuable. S'il sy conforme, il est libéré de sa dette à concurrence du montant payé à l'Administration fiscale.
Ingingo ya 71 : Kwishyuza abayobozi n'abanyamigabane b'isosiyete	**Article 71 : Recovery from directors and shareholders of a company**	**Article 71: Recouvrement auprès des administrateurs et actionnaires d'une société**
Abayobozi bafite uruhare mu buryo butaziguye mu igenzura no mu micungire y'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, baryozwa bose hamwe imisoro iyo sosiyete yishyuzwa, iyo bigaragaye ko batumye isosiyete iryozwa iyo misoro ku bushake cyangwa ku burangare bwabo.	Directors who are directly involved in the control and management of a private company are jointly liable for any tax liabilities incurred by the company if it is evident that they intentionally or negligently caused the company to incur the tax liabilities.	Les administrateurs qui sont directement impliqués dans le contrôle et la gestion d'une société privée sont solidairement responsables de la dette fiscale encourue par la société s'il est évident qu'ils ont intentionnellement ou par négligence causé à la société les obligations fiscales.
Abanyamigabane na bo baryozwa imisoro y'isosiyete iyo bafite uruhare mu micungire y'isosiyete cyangwa mu mikoreshereze mibi y'umutungo wayo, bakaba ku bwende cyangwa ku bw'uburangare, baratumye isosiyete idashobora kuzuza inshingano zayo zijyanye n'imisoro.	Shareholders who are involved in the management of the company or misuse company's funds are also liable for any tax liability if wilfully or by negligence, they caused the company's inability to meet its tax obligations.	Les actionnaires impliqués dans la gestion de la société ou dans la mauvaise gestion des fonds de la société sont également responsables de la dette fiscale lorsqu'ils ont, volontairement ou par négligence, causé à la société l'incapacité d'honorer ses obligations fiscales.
Iyo umutungo w'isosiyete utavanguwe n'uw'umunyamigabane, uw'umuyobozi b'isosiyete cyangwa uw'undi muntu, abo bantu bafatanya n'iyo sosiyete kuryozwa umusoro wose ibazwa.	In case the property of a company is not separated from that of a shareholder, of the company's manager or of other person, the company is jointly liable with those persons for any tax liability it incurs.	Dans le cas où les biens d'une société ne sont pas séparés de ceux d'un actionnaire, d'un dirigeant de la société ou d'une autre personne, la société est solidairement responsable avec ces personnes de toute

		obligation fiscale qu'elle encourt.
Uburyozwe bw'abantu bavugwa muri iyi ngingo bwemezwa n'urukiko rubifitiye ububasha.	The competent court determines the liability of the persons referred to in this Article.	La juridiction compétente détermine la responsabilité des personnes visées au présent article.
<u>Icyiciro cya 5</u>: Abantu bakorera abadatuye mu Gihugu n'abakorera abandi	**<u>Section 5</u>: Representatives of non-residents and subcontractors**	**<u>Section 5</u> : Agents agissant au nom de non-résidents et sous-traitants**
<u>Ingingo ya 72</u>: Uburyozwe ku uhagarariye umuntu udatuye mu Rwanda ariko ahafite icyicaro gihoraho	**<u>Article 72</u>: Liability of a representative of non-resident with a permanent establishment**	**<u>Article 72</u>: Responsabilité d'un représentant d'un non-résident ayant un établissement stable**
Uhagarariye umuntu udatuye mu Rwanda ariko ahafite icyicaro gihoraho, afatanya n'uwo ahagarariye uburyozwe buteganywa n'iri tegeko.	A representative acting on behalf of a non-resident but with permanent establishment in Rwanda, shares liability with the non-resident for the obligations provided for by this Law.	Un représentant agissant au nom d'un non-résident mais ayant un établissement stable au Rwanda, partage la responsabilité avec le non-résident pour les obligations prévues par la présente loi.
Ufatwa nk'uhagarariye umuntu udatuye mu Rwanda ariko ahafite icyicaro gihoraho uvugwa muri iyi ngingo ni umwe muri aba bakurikira:	The person considered as a representative of a non-resident with a permanent establishment in Rwanda referred to in this Article is one of the following:	La personne considérée comme représentant d'un non-résident ayant un établissement stable au Rwanda visée au présent article est l'une des personnes suivantes :
1° intumwa y'umuntu udatuye mu Rwanda ariko ahafite icyicaro gihoraho;	1° an agent of a non-resident with a permanent establishment;	1 º agent d'un non-résident ayant un établissement stable ;
2° abakozi, iyo ntawe ubakuriye washyizweho;	2° employees, if no manager was appointed;	2 º employés, si aucun responsable n'a été désigné ;
3° usimbura umuntu udatuye mu	3° a substitute of a non-resident with a	3 º suppléant d'un non-résident ayant un

Rwanda ariko ahafite icyicaro gihoraho;	permanent establishment;	établissement stable ;
4° ucunga iby'abandi w'umwuga.	4° a trustee.	4 º fiduciaire.
Ingingo ya 73: Uburyozwe ku bakorera abandi	**Article 73: Liability for subcontractors**	**Article 73 : Responsabilité pour les sous-traitants**
Usora washyizeho undi muntu uzubahiriza amasezerano usora yari yarakoze ubwe abimenyesha Komiseri Mukuru mu nyandiko mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) atangiye kumukoresha. Iryo menyesha riherekezwa n'amasezerano bagiranye. Iyo usora atabikoze aryozwa imisoro yose igomba kwishyurwa n'uwo akoresha n'inshingano ziteganywa n'iri tegeko.	A taxpayer, who subcontracts another person informs the Commissioner General in writing within fifteen (15) days from the date of commencement of the subcontract. Such information is accompanied with a copy of the subcontract made between the two parties. If the taxpayer fails to do so, he or she is liable to pay all taxes due from the subcontractor and to observe all the obligations provided for by this Law.	Le contribuable qui engage un sous-traitant informe le Commissaire général par écrit endéans quinze (15) jours à compter de la date d'engagement. Cette information est accompagnée du contrat dûment signé par les deux parties. Le non-respect de cette exigence rend le contribuable responsable de tout impôt dû par le sous-traitant et de toutes les obligations prévues par la présente loi.
Ingingo ya 74: Kudafatira umusoro ufatirwa	**Article 74: Failure to withhold tax**	**Article 74 : Non-retenue de l'impôt à la source**
Mu gihe ushinzwe gufatira umusoro atabikoze kubera ko itegeko ritabimutegeka, umukozi cyangwa uwishyurwa asabwa gukora inyandiko y'imenyekanisha ry'umusoro mu buryo bwagenwe na Komiseri Mukuru no kwishyura umusoro utarafatiriwe kuri konti y'Ubuyobozi bw'imisoro mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira ukwezi ubwishyu bwakozwemo.	In case a withholding agent has not withheld tax because the law does not oblige him or her to do so, the employee or recipient of the payment is obliged to file a tax declaration in accordance with the modalities prescribed by the Commissioner General and to pay the tax not withheld on the account of the Tax Administration within fifteen (15) days following the end of the month in which the payment was made.	Lorsqu'un agent chargé de retenir l'impôt à la source n'a pas retenu cet impôt parce que la loi ne l'oblige pas à le faire, le salarié ou le bénéficiaire du paiement est tenu de soumettre une déclaration d'impôt selon les modalités prescrites par le Commissaire général et de verser l'impôt non retenu au compte de l'Administration fiscale dans un délai de quinze (15) jours à compter de la fin du mois au cours duquel le paiement a été effectué.

Icyiciro cya 6: Ingingo rusange ku iyishyuza ry'umusoro	**Section 6: Common provisions to tax recovery**	**Section 6 : Dispositions communes au recouvrement de l'impôt**
Ingingo ya 75: Kwishyura umusoro mu byiciro	**Article 75: Payment of tax in instalments**	**Article 75 : Paiement d'impôt échelonné**
Usora ashobora gusaba Komiseri Mukuru kwishyura mu byiciro mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12). Icyakora, Komiseri Mukuru ashobora kongera icyo gihe ho ikindi kidashobora kurenga amezi makumyabiri n'ane (24) iyo usora agaragaje impamvu zifite ishingiro.	The taxpayer may apply to the Commissioner General for paying in instalments within a period not exceeding twelve (12) months. However, the Commissioner General may extend this period by another period not exceeding twenty-four (24) months if the taxpayer has justified reasons.	Le contribuable peut demander au Commissaire général de payer par versements échelonnés dans un délai ne dépassant pas douze (12) mois. Toutefois, le Commissaire général peut prolonger ce délai d'une période ne pouvant pas dépasser vingt-quatre (24) mois lorsque le contribuable a des motifs dûment justifiés.
Amabwiriza ya Komiseri Mukuru agena uburyo n'ibyangombwa bisabwa abasaba kwishyura mu byiciro.	Directives of the Commissioner General determine modalities and conditions for application for payment in instalments.	Les directives du Commissaire général déterminent les modalités et les conditions d'introduction de la demande de paiement échelonné.
Iyo ubusabe bw'usora bwemewe, Ubuyobozi bw'imisoro bugirana na we amasezerano agaragaza uburyo umusoro uzishyurwa.	In case the application of the taxpayer is approved, the Tax Administration and the taxpayer conclude a contract establishing the terms and conditions of payment by the taxpayer.	Au cas où la demande du contribuable est approuvée, l'Administration fiscale et le contribuable concluent un contrat déterminant les modalités de paiement par le contribuable.
Iyo usora atishyuye nk'uko yabyiyemeje mu masezerano, ategekwa guhita yishyurira rimwe amafaranga yose yari asigaye.	In case the taxpayer fails to pay as agreed under the conditions, he or she is immediately obliged to pay all the remaining amount due.	Le non-respect par le contribuable des conditions du plan d'apurement échelonné entraîne l'obligation immédiate du paiement du solde restant dû.

Ingingo ya 76: Kuvanirwaho umusoro	**Article 76: Waiver of tax**	**Article 76 : Dispense de paiement d'impôt**
Minisitiri afite ububasha bwo gukuraho inyungu z'ubukererwe n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi.	The Minister has the power to waive interests for late payment and administrative penalties.	Le Ministre a le pouvoir de dispenser le paiement des intérêts de retard et les pénalités administratives.
Usora ashobora kwandikira Komiseri Mukuru amusaba gukurirwaho umusoro, inyungu z'ubukererwe n'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iyo afite ibibazo bikomeye bigaragaza ko nta bushobozi afite bwo kwishyura umusoro asabwa.	A taxpayer may apply in writing to the Commissioner General for a waiver of tax, interests for late payment and administrative penalties in case of considerable financial difficulties showing that he or she is unable to pay the taxes due.	Un contribuable peut demander au Commissaire général par écrit d'être dispensé du paiement de l'impôt, des intérêts de retard et des pénalités administratives en cas de graves difficultés financières indiquant qu'il est incapable de payer l'impôt dont il est redevable.
Iyo Komiseri Mukuru asanze icyifuzo cy'usora gifite ishingiro, ashyikiriza Minisitiri raporo kugira ngo afate icyemezo ku bihano byo mu rwego rw'ubutegetsi n'inyungu z'ubukererwe, amaze kugisha inama Komite ishinzwe politike y'imisoro. Iyo ari ugukuraho umusoro fatizo byasabwe, Minisitiri ashyikiriza raporo Inama y'Abaminisitiri ikabifataho icyemezo.	If the Commissioner General finds that the request of the taxpayer is justified, he or she sends a report to the Minister in order to decide on administrative penalties and interests for late payment, after consultation with the Tax Policy Committee. If the application is concerned with the waiver of the principal tax, the Minister submits the report to the Cabinet for decision.	Si le Commissaire général constate que la demande du contribuable est justifiée, il envoie un rapport au Ministre pour décision sur les pénalités administratives et intérêts de retard, après consultation du Comité de la politique de l'impôt. Lorsque la demande porte sur la dispense de l'impôt principal, le Ministre transmet le rapport au Conseil des Ministres pour décision.
Kuvanirwaho umusoro bivugwa muri iyi ngingo ntibihabwa abantu bagaragayeho kunyereza umusoro.	The waiver referred to in this Article is not granted to persons who were identified to have evaded tax.	La dispense visée au présent article n'est pas accordée aux personnes identifiées pour avoir commis la fraude fiscale.
Iteka rya Minisitiri riteganya uburyo n'ibisabwa mu gusaba kuvanirwaho umusoro biteganywa muri iyi ngingo.	An Order of the Minister determines the modalities and conditions for applying for the waiver provided for in this Article.	Un arrêté du Ministre détermine les modalités et les conditions de demande de la dispense visée par le présent article.

Ingingo ya 77: Ububasha bw'ubuhesha bw'inkiko	**Article 77: Power of court bailiffs**	**Article 77 : Pouvoir d'huissiers de justice**
Abakozi bo mu Buyobozi bw'imisoro bashinzwe kwishyuza, bafite ububasha bw'abahesha b'inkiko mu bijyanye no kwishyuza imisoro, amahoro, inyungu z'ubukererwe, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi n'andi mafaranga yinjira mu isanduku ya Leta ari mu bubasha bw'Ubuyobozi bw'imisoro.	Staff of the Tax Administration responsible for tax recovery have powers of court bailiff regarding the collection of taxes, fees, interests for late payment, administrative fine and other funds falling within the power of the Tax Administration, for the public treasury.	Les agents de l'Administration fiscale ayant le recouvrement dans leurs attributions ont la qualité d'huissier de justice en ce qui concerne le recouvrement des impôts, des taxes, des intérêts, d'amende administrative et d'autres fonds rentant dans le pouvoir de l'Administration fiscale destinés au trésor public.
Ubuyobozi bw'imisoro bushobora kwifashisha umuhesha w'inkiko w'umwuga mu kwishyuza imisoro, inyungu z'ubukererwe, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi n'andi mafaranga yinjira mu isanduku ya Leta ari mu bubasha bw'Ubuyobozi bw'imisoro.	The Tax Administration may seek assistance of a professional court bailiff in recovery of taxes, interests for late payment, administrative fine and other funds falling within the power of the Tax Administration for the public treasury.	L'Administration fiscale peut se faire assistée d'un huissier de justice professionnel pour recouvrer des impôts et des taxes, des intérêts et d'amende administrative ainsi que d'autres fonds relevant de compétences de l'Administration fiscale destinés au trésor public.
Ingingo ya 78: Ubusaze bw'ububasha bwo kwishyuza umusoro	**Article 78: Limitation period for tax recovery power**	**Article 78 : Prescription du pouvoir de recouvrement de l'impôt**
Umusoro utarishyujwe mu myaka icumi (10) ibarwa uhereye ku munsi usora yaherewe inyandiko igena umusoro cyangwa ku munsi w'isomwa ry'icyemezo ndakuka cy'urukiko rubifitiye ububasha, ntuba ugikurikiranwe.	Taxes that were not recovered in a period of ten (10) years from the date the taxpayer received the notice of tax assessment or from the date of pronouncement of the relevant court's final decision cannot be recoverable.	Il y a prescription pour le recouvrement des impôts après dix (10) ans à compter du jour de réception de la note d'imposition ou du jour du prononcé de la décision judiciaire définitive.
Ubusaze buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo buhagarikwa n'igikorwa cyo kwishyuza gikozwe n'Ubuyobozi bw'imisoro.	The limitation period referred to in Paragraph One of this Article is interrupted by an act of recovery made by the Tax administration.	La prescription visée à l'alinéa premier du présent article est interrompue par un acte de recouvrement fait par l'Administration fiscale.

Iyo igihe cy'ubusaze bwo kwishyuza umusoro gihagaritswe, igihe cy'ubusaze gitangira kongera kubarwa bundi bushya kandi na cyo gishobora guhagarikwa mu buryo bumwe n'icya mbere.	If the limitation period for recovery of tax is interrupted, the limitation period starts to run afresh and may also be interrupted in the same manner as the first one.	Si le délai de prescription pour le recouvrement de l'impôt est interrompu, le délai de prescription recommence à courir et peut également être interrompu de la même manière que le premier.
Ingingo ya 79: Guhanagura burundu ibirarane by'imisoro	**Article 79: Writing off tax arrears**	**Article 79 : Radiation de la dette fiscale**
Komiseri Mukuru ashobora guhanagura burundu mu bitabo by'ibaruramari ibirarane by'imisoro byemejwe n'Inama y'Ubuyobozi y'Ubuyobozi bw'imisoro iyo:	The Commissioner General may write off from books of accounts tax arrears, upon approval by the Board of Directors of the Tax Administration, in the following circumstances:	Le Commissaire général peut radier les arriérés d'impôts dans les livres comptables sur approbation du Conseil d'administration de l'Administration fiscale, dans les cas suivants :
1° urukiko rubifitiye ububasha rwemeje ko usora yahombye, akaba adashobora kubona ubundi buryo bwo kwishyura ibirarane bisigaye nyuma yo guteza cyamunara no kugurisha imitungo ye;	1 º if a competent court establishes that the taxpayer is insolvent, and has no other means to pay the remaining arrears after liquidation and the auction of his or her property;	1 º lorsque la juridiction compétente déclare le contribuable insolvable, et qu'il n'a pas d'autre moyen de payer les arriérés restants après liquidation et vente aux enchères de ses biens;
2° Ubuyobozi bw'imisoro bwakoze inzira zose zemewe n'amategeko, kwishyuza bikananirana.	2 º if the Tax Administration has exhausted all legal means and the recovery remains impossible.	2 º lorsque l'Administration fiscale a épuisé toutes les voies légales mais le recouvrement s'avère impossible.
UMUTWE WA IX: INYUNGU Z'UBUKERERWE , AMAKOSA YO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI, IBYAHA N'IBIHANO	**CHAPTER IX: INTERESTS FOR LATE PAYMENT, ADMINISTRATIVE FAULTS, OFFENCES, FINE AND PENALTIES**	**CHAPITRE IX : INTÉRÊTS DE RETARD, FAUTES ADMINISTRATIVES, INFRACTIONS, AMENDE ET PEINES**
Icyiciro cya mbere: Inyungu	**Section One: Interests for late payment**	**Section première : Intérêts de retard**

z'ubukererwe		
<u>Ingingo ya 80</u>: Inyungu z'ubukererwe	**<u>Article 80</u>: Interests for late payment**	**<u>Article 80</u>: Intérêts de retard**
Usora utishyuye umusoro mu gihe giteganywa n'amategeko, yishyura hiyongereyeho inyungu z'ubukererwe zibarirwa ku musoro fatizo.	A taxpayer who fails to pay tax within the period provided for by the Law pays late payment interests on the amount of principal tax.	Si le contribuable ne paie pas l'impôt dans le délai fixé par la loi, il paye des intérêts de retard sur le montant de l'impôt principal.
Igipimo cy'inyungu z'ubukererwe kigenwe mu buryo bukurikira :	The rate of interests for late payment is fixed as follows:	Le taux d'intérêt de retard est fixé comme suit :
1 º zeru n'ibice bitanu ku ijana (0.5%) iyo usora yarengeje igihe kitarenze amezi atandatu (6) ku gihe ntarengwa cyo kwishyura umusoro ;	1 º zero point five per cent (0.5), if the taxpayer has recorded a delay not exceeding six (6) months with respect to the time limit for payment;	1 º zéro virgule cinq pour cent (0,5), si le contribuable a enregistré un retard n'excédant pas six (6) mois par rapport au délai de paiement ;
2 º rimwe ku ijana (1%) iyo usora yarengeje amezi atandatu (6) atishyuye umusoro ariko ntarenze amezi cumi n'abiri (12) ;	2 º one per cent (1%), if the taxpayer has recorded a delay of six (6) months in tax payment but not more than twelve (12) months;	2 º un pour cent (1 %), si le contribuable a enregistré un retard de six (6) mois de paiement de l'impôt mais ne dépassant pas douze (12) mois ;
3 º rimwe n'igice ku ijana (1.5%) iyo usora yarengeje amezi cumi n'abiri (12) atishyuye umusoro.	3 º one point five percent (1.5%), if the taxpayer has recorded a delay of more than twelve (12) months.	3 º un point cinq pour cent (1,5%), si le contribuable a enregistré un retard de plus de douze (12) mois.
Inyungu z'ubukererwe zibarwa nta gukomatanya kandi ku kwezi uhereye ku munsi ukurikira uwo musoro wagombaga kwishyurirwaho kugeza ku munsi w'ubwishyu na wo ubariwemo. Buri kwezi gutangiye gufatwa nk'ukwezi kuzuye.	Interests for late payment are non-compounding and calculated on a monthly basis counting from the first day following the day on which the tax would have been paid until the day of payment inclusive. Every month that begins is considered as a complete month.	Les intérêts de retard sont non-composés et calculés mensuellement à compter du premier jour qui suit la date à laquelle l'impôt est exigible jusqu'au jour auquel le paiement est effectué, également inclus. Chaque mois qui commence est considéré comme un mois complet.

Ubwiyongere bw'inyungu z'ubukererwe ntiburenga ijana ku ijana (100%) by'umusoro.	Interests for late payment cannot exceed one hundred percent (100%) of the amount of tax.	Les intérêts de retard ne peuvent pas dépasser cent pour cent (100%) du montant de l'impôt.
Inyungu z'ubukererwe zishyurwa igihe cyose, kabone n'iyo usora yaba yarajuririye isoresha mu buyobozi cyangwa mu rukiko.	Interests for late payment are always payable, even when the taxpayer has lodged an administrative or judicial appeal against the assessment.	Les intérêts de retard sont toujours payés même dans le cas où le contribuable a introduit un recours contre l'imposition auprès de l'administration ou devant les juridictions.
Iyo usora yishyuye, ubwo bwishyu bukoreshwa mu kwishyura umwenda w'umusoro mu buryo bukurikira: 1° umusoro fatizo; 2° ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi; 3° inyungu z'ubukererwe.	When the taxpayer pays, that payment offsets the tax liability in the following order: 1° principal tax; 2° administrative fine; 3° interests for late payment.	Lorsque le contribuable effectue un paiement, celui-ci est affecté au recouvrement de la dette dans l'ordre suivant : 1° impôt principal; 2° amende administrative; 3° intérêts de retard.
<u>Icyiciro cya 2</u>: Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi	**<u>Section 2</u>: Administrative fine**	**<u>Section 2</u>: Amende administrative**
<u>Akiciro ka mbere</u>: Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi idahinduka ya rusange	**<u>Sub-section One</u>: General fixed administrative fine**	**<u>Sous-section première</u>: Amende administrative générale fixe**
<u>Ingingo ya 81</u>: Amakosa ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi idahinduka	**<u>Article 81</u>: Wrongful acts punished with fixed administrative fine**	**<u>Article 81</u>: Fautes punissables par amende administrative fixe**
Usora cyangwa undi muntu wese acibwa	A taxpayer or any other person is subject to	Un contribuable ou toute autre personne est

ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iyo akoze kimwe muri ibi bikurikira:	an administrative fine if he or she commits one of the following faults:	passible d'une amende administrative s'il commet l'une des fautes suivantes :
1° kutamenyekanisha umusoro ku gihe, uretse ku bakora ibikorwa by'ubucuruzi bito bafite ibyacurujwe ku mwaka biri munsi ya miliyoni ebyiri z'amafanga y'u Rwanda (2.000.000 FRW);	1° failure to submit a tax declaration on time, except micro-enterprises having an annual turnover below two million of Rwandan francs (FRW 2,000,000);	1° ne pas transmettre la déclaration d'impôt dans le délai imparti, sauf le cas des microentreprises dont le chiffre d'affaires est inférieur à deux millions de franc rwandais (2.000.000 FRW);
2° kutamenyekanisha ku gihe umusoro ufatirwa;	2° failure to submit a withholding tax declaration on time;	2° ne pas transmettre la déclaration d'impôt retenu à la source dans le délai imparti;
3° kudafatira umusoro ufatirwa;	3° failure to withhold tax;	3° ne pas retenir l'impôt à la source;
4° kudatanga ibimenyetso asabwa n'Ubuyobozi bw'imisoro;	4° failure to provide proofs required by the Tax administration;	4° ne pas donner des preuves requises par l'Administration fiscale;
5° kutorohereza ibikorwa by'igenzura ry'umusoro cyangwa kudatanga amakuru mu gihe cy'igenzura;	5° failure to cooperate or not to provide information during a tax audit;	5° ne pas coopérer avec l'audit fiscal ou ne pas fournir d'information y relative;
6° kutamenyesha ku gihe ububasha cyangwa umwanya yahawe hashingiwe ku bivugwa mu gace ka 2° k'igika cya mbere cy'ingingo ya 10 y'iri tegeko;	6° failure to communicate on time powers or appointment entrusted to him or her in accordance with Item 2° of Paragraph One of Article 10 of this Law;	6° ne pas communiquer dans les délais, la compétence ou désignation conférées conformément au point 2° de l'alinéa premier de l'article 10 de la présente loi;
7° kutubahiriza inshingano yo kwiyandikisha;	7° not to comply with the obligation to register;	7° ne pas remplir l'obligation de se faire enregistrer;
8° kutubahiriza ibiteganywa n'ingingo	8° failure to comply with provisions of	8° ne pas se conformer aux dispositions

ya 13, iya 14, iya 15 n'iya 16 z'iri tegeko;	Articles 13, 14, 15 and 16 of this Law;	des articles 13, 14, 15 et 16 de la présente loi;
9° kutuzuza ibitabo n'inyandiko by'ibikorwa bigenzurwa;	9° failure to keep books and records of controlled transactions;	9° ne pas tenir les livres et les documents des transactions contrôlées;
10° kubangamira cyangwa kugerageza kubangamira imirimo n'inshingano by'Ubuyobozi bw'imisoro;	10° to obstruct or attempt to obstruct the activities or duties of the Tax administration;	10° entraver ou tenter d'entraver les activités ou les tâches de l'Administration fiscale;
11° kudatanga ibaruramari ku muntu wese ufite inshingano yo gutanga ibaruramari rye ku mpamvu z'isoresha;	11° failure to submit financial statements by a person with obligation to submit its financial statements for taxation purpose;	11° ne pas soumettre les états financiers pour toute personne soumise à l'obligation de soumettre ses états financiers à des fins d'imposition;
12° kutubahiriza ibisabwa n'amategeko yihariye agenga imisoro, iyo nta ngingo y'ayo mategeko iteganya ibihano;	12° failure to comply with any requirements provided for in specific laws governing taxes if no provision of such laws provides for a sanction;	12° ne pas satisfaire à une quelconque des obligations prescrites par les lois spéciales qui régissent les impôts si aucune disposition de ces lois ne prévoit de sanction;
13° kudatanga amakuru ku gihe cyagenwe, kudatanga amakuru cyangwa gutanga amakuru atuzuye, atari ay'ukuri cyangwa ayobya nyuma yo kuyasabwa n'Ubuyobozi bw'imisoro.	13° failure to provide on due time, fail to provide information or provide incomplete, incorrect or misleading information following a request of the Tax administration.	13° ne pas fournir d'information dans les délais prescrits, ne pas fournir d'information ou fournir des informations incomplètes, incorrectes ou trompeuses suite à une demande de l'Administration fiscale.
Uretse amakosa avugwa mu gace ka 9º n'aka 10° tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ijyanye no kutubahiriza ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo iteye ku buryo bukurikira:	With the exception of faults referred to in Items 9° and 10° of Paragraph One of this Article, administrative fine related to violations of the provisions of Paragraph One of this Article is established as follows:	À l'exception des fautes visées aux points 9° et 10° de l'alinéa premier du présent article, l'amende administrative qui se rapporte aux violations visées à l'alinéa premier du présent article est fixée comme suit :

1° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW) ku muntu ku giti cye udakora imirimo y'ubucuruzi cyangwa usora ufite ibyacurujwe mu mwaka biri hejuru ya miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (2.000.000 FRW) ariko bitarengeje amafaranga y'u Rwanda miliyoni makumyabiri (20.000.000 FRW);	1° fifty thousand Rwandan francs (FRW 50,000) for a natural person not engaged in any commercial activity or a taxpayer whose annual turnover is more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) but not exceeding twenty million Rwandan francs (FRW 20,000,000);	1° cinquante mille francs rwandais (50.000 FRW) pour toute personne physique qui n'exerce pas une activité commerciale ou le contribuable dont le chiffre d'affaires annuel est supérieur à deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais ne dépassant pas vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW);
2° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atatu (300.000 Frw) iyo usora ari ikigo cya Leta cyangwa ikigo kidaharanira inyungu cyangwa iyo usora afite ibyacurujwe birengeje agaciro k'amafaranga y'u Rwanda miliyoni makumyabiri (20.000.000 FRW) mu mwaka;	2° three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000) if the taxpayer is a public institution or a non-profit making organization and if the taxpayer's annual turnover exceeds twenty million Rwandan francs (FRW 20,000,000);	2° trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW) si le contribuable est une institution publique ou une organisation sans but lucratif ou si le chiffre d'affaires annuel du contribuable dépasse vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW);
3° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) iyo usora yamenyeshejwe n'Ubuyobozi bw'imisoro ko ari mu rwego rw'abasora banini;	3° five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) if the taxpayer was informed by the Tax Administration that he or she is in the category of large taxpayers;	3° cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) si le contribuable a été informé par l'Administration fiscale qu'il est enregistré en tant que grand contribuable;
4° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) iyo usora atatanze ibaruramari ryemejwe kandi abisabwa n'amategeko; ayatanga buri kwezi kugeza igihe atangiye ibaruramari ryemejwe;	4° five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) if the taxpayer fails to submit his or her certified annual financial statements as required by law; the fine is paid every month until he or she submits them;	4° cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) si le contribuable n'a pas transmis les états financiers certifiés tel que prévu par la loi; l'amende est versée chaque mois jusqu'à ce qu'à ce qu'il les

		transmettent ;
5° umuntu wese udatanga amakuru ku gihe cyagenwe, udatanga amakuru cyangwa utanga amakuru atuzuye, atari ay'ukuri cyangwa ayobya, nyuma yo kuyasabwa n'Ubuyobozi bw'imisoro ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi igenwe mu buryo bukurikira:	5° any person who fails to provide information on time, one who does not provide information or who provides incomplete, incorrect or misleading information following a request of the Tax Administration is liable to a penalty fixed as follows:	5° toute personne qui ne fournit pas d'information dans les délais prescrits, ne fournit pas d'information ou fournit des informations incomplètes, incorrectes ou trompeuses à une demande faite par l'Administration fiscale est passible d'une amende administrative fixée comme suit:
a) amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ku muntu ufite ibyacurujwe mu mwaka biri munsi cyangwa bingana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni makumyabiri (20.000.000 FRW);	a. five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) for a person who has an annual turnover equal to or less than twenty million Rwandan francs (FRW 20,000,000);	a. cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) pour une personne qui a un chiffre d'affaires annuel inférieur ou égal à vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW);
b) amafaranga y'u Rwanda miliyoni ebyiri (2.000.000 Frw), ku muntu ufite ibyacurujwe mu mwaka birengeje agaciro k'amafaranga y'u Rwanda miliyoni makumyabiri (20.000.000 FRW) ariko bitageze kuri miliyoni magana abiri z'amafaranga y'u Rwanda (200.000.000 FRW);	b. two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) for a person who has an annual turnover exceeding twenty million Rwandan francs (FRW 20,000,000) but less than two hundred million Rwandan francs (FRW 200,000,000);	b. deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) pour une personne dont le chiffre d'affaires annuel dépasse vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW) mais inférieur à deux cent millions de francs rwandais (200.000.000 FRW) ;

c) amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ku muntu ufite ibyacurujwe mu mwaka bingana cyangwa birengeje agaciro k'amafaranga y'u Rwanda miliyoni magana abiri (200.000.000 FRW) ariko bitageze kuri kuri miliyoni magana atandatu z'amafaranga y'u Rwanda (600.000.000 FRW) ;	c. three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) for a person who has an annual turnover equal to or more than two hundred million Rwandan francs (FRW 200,000,000) but less than six hundred million Rwandan francs (FRW 600,000,000);	c. trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) pour une personne dont le chiffre d'affaires annuel est égal ou inférieur à deux cent millions de francs rwandais (200.000.000 FRW) mais inférieur à six cent millions de francs rwandais (600.000.000 FRW) ;
d) amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ku muntu ufite ibyacurujwe mu mwaka bingana cyangwa birengeje agaciro k'amafaranga y'u Rwanda miliyoni magana atandatu z'amafaranga y'u Rwanda (600.000.000 FRW).	d. five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) for the person with an annual turnover equal to or more than six hundred million Rwandan francs (FRW 600,000,000).	d. cinq million de francs rwandais (5.000.000 FRW) pour une personne qui a un chiffre d'affaires annuel supérieur ou égal à six cent millions de francs rwandais (600.000.000 FRW).
Iyo, mu gihe cy'imyaka ibiri (2) ibarwa uhereye ku munsi yakiriyeho inyandiko imuca ihazabu bwa mbere, umuntu yongeye gukora ikosa risa n'iryo yakoze, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi isanzwe yikuba kabiri (2). Iyo iryo kosa rikozwe bwa gatatu muri icyo gihe, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi isanzwe yikuba kane (4).	If a person commits the same fault for the second time in two (2) years counted from the day of receipt of notification of fine for the first fault, the basic fine is doubled. In case the fault is committed for the third time in that period, the fine is four (4) times the basic administrative fine.	Si, dans une période de deux (2) ans à compter du jour auquel il a reçu la première notification d'amende, une personne récidive une même faute, l'amende administrative de base est portée au double. En cas de commission de cette faute pour la troisième fois dans cette période, l'amende est de quatre (4) fois l'amende administrative de base.

Iyo habayeho kutuzuza ibitabo n'inyandiko bijyanye n'ibikorwa bigenzurwa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 13, iya 14 n'iya 15 z'iri tegeko, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ivugwa muri iyi ngingo yikuba kabiri (2).	In case of failure to keep books and records of controlled transactions as provided for in Articles 13, 14 and 15 of this Law, the applicable administrative fine referred to in this Article is doubled.	En cas de non tenue des livres et documents relatifs aux transactions contrôlées tels que prévus par les articles 13, 14 et 15 de la présente loi, l'amende administrative applicable visée au présent article est portée au double.
Umuntu wunganira usora wemejwe n'Ubuyobozi bw'imisoro ubangamira imirimo y'Ubuyobozi bw'imisoro ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 Frw) y'u Rwanda. Umuntu wunganira usora wemejwe n'Ubuyobozi bw'imisoro ashobora kandi no guhagarikwa na Komiseri Mukuru mu gihe cy'imyaka ibiri (2) mu mirimo yo kunganira usora.	A qualified professional approved by the Tax Administration who obstructs the activities of the Tax Administration is liable to an administrative fine of two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000). The qualified professional approved by the Tax Administration may also be suspended from his or her duties by the Commissioner General for a period of two (2) years.	Un professionnel qualifié agréé par l'Administration fiscale qui entrave les activités de l'Administration fiscale est passible d'une amende administrative de deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW). Un professionnel qualifié agréé par l'Administration fiscale peut en outre être suspendu de ses fonctions par le Commissaire général pour un délai de deux (2) ans.
Bitabangamiye igihano giteganywa n'iri tegeko ku cyaha cyo kunyereza umusoro, umuntu wese wanyereje umusoro wose cyangwa igice cyawo, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'umusoro yanyereje.	Without prejudice to the penalty provided for by this Law with regard to tax evasion, any person who evades whole or part of taxes is liable to an administrative fine equivalent to the evaded tax.	Sans préjudice de la peine prévue par la présente loi en ce qui concerne la fraude fiscale, toute personne qui se soustrait au paiement de tout ou partie de l'impôt est passible d'une amende administrative égale à l'impôt éludé.
<u>Akiciro ka 2</u>: Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ihinduka	**<u>Subsection 2</u>: Non-fixed administrative fine**	**<u>Sous-section 2</u> : Amende administrative non-fixe**

Ingingo ya 82: Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yo kutamenyekanisha umusoro no kutishyura umusoro ku gihe	**Article 82: Administrative fine for non-declaration and non-payment of tax on time**	**Article 82 : Amende administrative pour la non déclaration et le non-paiement de l'impôt à temps**
Usora utamenyekanisha kandi ntiyishyure umusoro mu gihe giteganywa n'amategeko, yishyura uwo musoro kandi agacibwa n'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ku buryo bukurikira:	A taxpayer who fails to declare and pay tax within the time limit provided by law pays such a tax and is liable to an administrative fine as follows:	Un contribuable qui ne déclare ni ne paie pas l'impôt dans les délais prévus par la loi paye cet impôt et est passible d'une amende administrative comme suit :
1° makumyabiri ku ijana (20%) y'umusoro wagombaga kwishyurwa, iyo igihe ntarengwa cyo kwishyura kirenzeho iminsi itari hejuru ya mirongo itatu (30);	1° twenty percent (20%) of due tax, if the time limit for payment extends for a period of time not exceeding thirty (30) days;	1° vingt pour cent (20%) de l'impôt dû, lorsque le délai de paiement est dépassé pour une période n'excédant pas trente (30) jours ;
2° mirongo ine ku ijana (40%) y'umusoro wagombaga kwishyurwa, iyo yishyuye mu gihe gitangira ku munsi wa mirongo itatu n'umwe (31) kikageza ku wa mirongo itandatu (60) uhereye ku munsi ntarengwa wo kwishyura;	2° forty percent (40%) of due tax, if the taxpayer paid within a period ranging from the thirty-first day (31st) to sixtieth (60th) day from the final date of payment;	2° quarante pour cent (40%) de l'impôt dû, lorsqu'il paie dans une période allant du trente-unième (31ième) jour au soixantième (60ième) jour de la date limite de paiement;
3° mirongo itandatu ku ijana (60%) y'umusoro wagombaga kwishyurwa, iyo arengeje ku gihe ntarengwa cyo kwishyura iminsi irenga mirongo itandatu (60).	3° sixty percent (60%) of due tax, if the taxpayer exceeds the time limit for payment by more than sixty (60) days.	3° soixante pour cent (60%) de l'impôt dû, lorsqu'il dépasse le délai de paiement pour plus de soixante (60) jours.
Usora umenyekanishije umusoro mu gihe giteganywa n'amategeko ariko ntawishyure mu gihe gisabwa yishyura umusoro fatizo	A taxpayer who declares tax due within the time limit provided by law but who does not pay that tax in the prescribed time limit, pays	Un contribuable qui, ayant déclaré un impôt dû dans les délais prévus par la loi, ne le paie pas dans les délais prescrits, paie l'impôt

n'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ku buryo bukurikira:	the principal tax and an administrative fine as follows:	principal et une amende administrative comme suit:
1° atanu ku ijana (5%) y'umusoro fatizo wagombaga kwishyurwa, iyo yishyuye mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi ntarengwa wo kwishyura;	1° five percent (5%) of due principal tax, when the taxpayer exceeds the time limit for payment for a period not exceeding thirty (30) days from the final date of payment;	1° cinq pour cent (5%) de l'impôt principal dû, lorsqu'il dépasse le délai de paiement pour une période ne dépassant pas trente (30) jours à partir de la date limite de paiement;
2° icumi ku ijana (10%) y'umusoro fatizo wagombaga kwishyurwa, iyo yishyuye mu gihe gitangira ku munsi wa mirongo itatu n'umwe (31) kikageza ku wa mirongo itandatu (60) uhereye ku munsi ntarengwa wo kwishyura;	2° twenty percent (10%) of the principal tax due, if the taxpayer paid within a period ranging from the thirty-first (31st) day to sixtieth (60th) day from the final date of payment;	2° dix pour cent (10%) de l'impôt principal dû, lorsqu'il paie dans une période allant du trente-unième (31ième) jour au soixantième (60ième) jour de la date limite de paiement;
3° mirongo itatu ku ijana (30%) y'umusoro fatizo wagombaga kwishyurwa, iyo yishyuye mu gihe kirenze iminsi mirongo itandatu (60) uhereye ku munsi ntarengwa wo kwishyura.	3° thirty percent (30%) of principal tax due, if the taxpayer exceeds the time limit for payment by more than sixty (60) days from the final date of payment.	3° trente pour cent (30%) de l'impôt principal dû, lorsqu'il dépasse le délai de paiement de plus de soixante (60) jours à partir de la date de paiement.
Usora Komiseri Mukuru yongereye igihe cyo kumenyekanisha umusoro ntacibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ivugwa muri iyi ngingo, keretse mu gihe yaba atubahirije igihe yongerewe.	A taxpayer to whom the Commissioner General granted extension for submitting tax declaration is not subject to administrative fine referred to in this Article unless the taxpayer failed to respect the extension period.	Un contribuable auquel le Commissaire général a accordé une prorogation du délai de souscription de la déclaration d'impôt n'est pas passible de l'amende visée au présent article sauf si le contribuable ne respecte pas le délai lui accordé.

Ingingo ya 83: Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yo gutubya umusoro	**Article 83: Administrative fine for understatement of tax**	**Article 83 : Amende administrative pour sous-estimation de l'impôt**
Iyo igenzura cyangwa ipereereza rigaragaje ko umusoro ugaragara ku imenyekanisha ry'umusoro watubijwe ku gipimo kitari munsi y'icumi ku ijana (10%) ariko kitarenze makumyabiri ku ijana (20%) by'umusoro fatizo, usora yishyura umusoro utarishyuwe akanacibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'icumi ku ijana (10%) by'umusoro yatubije.	If an audit or investigation shows that there is an understatement of the amount on a tax declaration of at least ten percent (10%) but which does not exceed twenty percent (20%) of the tax liability, the taxpayer pays the unpaid tax and also be subject to an administrative fine of ten percent (10%) of the amount of the understatement.	Lorsque l'audit ou l'enquête montre qu'il y a eu la sous-estimation du montant de l'impôt déclaré d'au moins dix pour cent (10%) mais n'excédant pas vingt pour cent (20%) de l'impôt principal, le contribuable paye l'impôt éludé et est aussi passible d'une amende administrative de dix pour cent (10%) du montant de la sous-estimation.
Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo yikuba kabiri (2) iyo igipimo cyo gutubya umusoro kirenze makumyabiri ku ijana (20%) by'umusoro fatizo wagombaga kwishyurwa.	The administrative fine referred to in Paragraph One of this Article doubles if the understatement rate exceeds twenty percent (20%) of the principal tax liability the taxpayer ought to have paid.	L'amende administrative visée à l'alinéa premier du présent article est portée au double si le taux de la sous-estimation est de plus de vingt pour cent (20%) de l'impôt principal dû.
Icyakora, iyo bigaragaye ko usora yakosoye imenyekanisha rye akanishyura umusoro ujyanye na ryo mbere y'uko amenyeshwa ko azagenzurwa kuri uwo musoro, ntacibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yo gutubya umusoro ivugwa muri iyi ngingo, ariko acibwa ihazabu yo kutishyura umusoro ku gihe ivugwa mu ngingo ya 82 y'iri tegeko.	However, a taxpayer who rectifies his or her tax declaration and pays relevant tax before he or she is notified of imminent audit of his or her tax is not subject to the administrative fine for understatement referred to in this Article but he or she is liable to late payment fines referred to under Article 82 of this Law.	Toutefois, un contribuable qui rectifie sa déclaration et paie les impôts s'y rapportant avant que ne lui soit notifiée l'imminence d'un audit de l'impôt ne se voit pas appliquer l'amande administrative pour sous-estimation d'impôts visée au présent article, mais est passible d'une amende pour retard de paiement visée à l'Article 82 de la présente loi.

<u>Ingingo ya 84</u>: Kutubahiriza ibisabwa mu gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi	**<u>Article 84</u>: Failure to comply with modalities and conditions for the use of electronic invoicing system**	**<u>Article 84</u> : Non-respect des modalités et conditions d'usage du système de facturation électronique**
Uretse abasora banditse ku musoro ku nyongeragaciro, umuntu utegetswe gutanga inyemezabuguzi ikozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga bwemewe n'Ubuyobozi bw'imisoro ntayikoreshe acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro ebyiri (2) z'agaciro k'ibyagurishijwe.	Except for taxpayers registered for the Value Added Tax, any person who is required to issue an invoice generated by an electronic invoicing system recognized by the Tax Administration who fails to do so is liable to an administrative fine of two (2) times the value of the transaction.	Sauf le cas des contribuables enregistrés à la taxe sur la valeur ajoutée, toute personne tenue de délivrer une facture issue d'un système de facturation électronique agréé par l'Administration fiscale mais qui ne s'y conforme pas est passible d'une amende administrative de deux (2) fois la valeur de la transaction.
Umuntu utanditse ku musoro ku nyongeragaciro ukora igikorwa gisoreshwa akagabanya igiciro cyangwa umubare w'ibintu cyangwa serivisi byacurujwe akoresheje inyemezabuguzi y'ikoranabuhanga acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro ebyiri (2) z'agaciro k'ibyagurishijwe kagabanyijwe.	Any Value Added Tax unregistered person who carries out a taxable transaction and delivers an electronic invoice with under-valued price or quantity of goods or services is liable to an administrative fine of two (2) times the value of the under-valued transaction.	Une personne non enregistrée à la taxe sur la valeur ajoutée qui effectue une transaction imposable et délivre une facture électronique avec sous-estimation du prix ou de la quantité des biens ou services vendus est passible d'une amende administrative de deux (2) fois la valeur de la transaction sous-estimée.
Abantu bavugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo bahabwa ibihano byikubye inshuro ebyiri (2) ku gihano buri wese agenewe iyo bongeye gukora iryo kosa mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2).	The persons referred to in Paragraphs One and 2 two of this Article are liable to two (2) times the respective fine in case they repeat the fault in a period not exceeding two (2) years.	Les personnes visées aux alinéas premier et 2 du présent article sont passibles de deux (2) fois de leur amende respective, en cas de récidive de la faute dans une période n'excédant pas deux (2) ans.
<u>Ingingo ya 85</u>: Gufasha, gushishikariza no kugambana n'usora	**<u>Article 85</u>: Aiding, abetting and conspiracy with a taxpayer**	**<u>Article 85</u> : Complicité, incitation et conspiration avec un contribuable**
Bitabangamiye ibiteganywa n'andi	Without prejudice to the provisions of other	Sans préjudice des dispositions des autres

mategeko, umuntu wese wunganira usora wemejwe n'Ubuyobozi bw'imisoro ufasha, ushishikariza cyangwa ugambana n'usora kugira ngo bakore ibinyuranyije n'amategeko y'imisoro aba akoze ikosa rihanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'iyaciwe usora.	laws, any qualified professional authorized by the Tax Administration who aids, abets or conspires with the taxpayer in order to contravene fiscal laws commits a fault punishable by an administrative fine equal to that imposed to the taxpayer.	lois, tout professionnel agréé par l'Administration fiscale qui se rend coupable de complicité, d'incitation ou de conspiration avec un contribuable dans le but de contrevenir aux lois fiscales commet une faute punissable d'une amende administrative équivalente à celle imposée au contribuable.
Ingingo ya 86: Kudatanga amakuru arebana n'ibikorwa bigenzurwa	**Article 86: Failure to provide information related to controlled transactions**	**Article 86 : Ne pas fournir d'information en rapport avec les transactions contrôlées**
Bitabangamiye ibihano biteganywa n'andi mategeko, usora udatanze amakuru, cyangwa agatanga amakuru atuzuye, atari ay'ukuri cyangwa ayobya, ku bijyanye n'ibikorwa bigenzurwa, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na gatanu ku ijana (5%) by'igikorwa kigenzurwa bireba.	Without prejudice to the sanctions provided for under other laws, a taxpayer who fails to provide information, who provides incomplete, incorrect or misleading information, in relation to controlled transactions, is subject to an administrative fine equivalent to five percent (5%) of the value of the concerned controlled transaction.	Sans préjudice des sanctions prévues par d'autres lois, un contribuable qui ne fournit pas d'information ou qui fournit l'information incomplète, incorrecte ou déroutante, en rapport avec les transactions contrôlées, est passible d'une amende administrative de cinq pour cent (5%) de la valeur de la transaction contrôlée concernée.
Akiciro ka 3: Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yihariye ijyanye n'umusoro ku nyongeragaciro	**Subsection 3: Special administrative fine related to the Value Added Tax**	**Sous-section 3 : Amende administrative particulière relative à la taxe sur la valeur ajoutée**
Ingingo ya 87: Kutubahiriza ibirebana n'umusoro ku nyongeragaciro	**Article 87: Value Added Tax violations**	**Article 87 : Manquements à la taxe sur la valeur ajoutée**
Umuntu utubahiriza amategeko arebana n'umusoro ku nyongeragaciro acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ku buryo bukurikira:	A person who does not comply with legal provisions on Value Added Tax is subject to an administrative fine as follows:	Une personne qui ne se conforme pas aux dispositions légales relatives à la taxe sur la valeur ajoutée est passible d'une peine d'amende administrative comme suit :

1° iyo umuntu yakoze ubucuruzi atiyandikishije ku musoro ku nyongeragaciro kandi yarabisabwaga, acibwa ihazabu ingana na mirongo itanu ku ijana (50%) by'umusoro ku nyongeragaciro yagombaga kwishyura mu gihe cyose yakoze ubwo bucuruzi;	1° if a person carried out business activities without being registered on Value Added Tax where it was so required, he or she is liable to an administrative fine of fifty percent (50%) of the amount of Value Added Tax due for the entire period of operation of the business;	1° si une personne a exercé les activités commerciales sans avoir procédé à l'enregistrement à la taxe sur la valeur ajoutée alors qu'elle en avait l'obligation, elle est passible d'une amende administrative de cinquante pour cent (50%) du montant dû de la taxe sur la valeur ajoutée pour toute la durée d'exercice de ces activités commerciales;
2° iyo umuntu utariyandikishije ku musoro ku nyongeragaciro atanze inyemezabuguzi igaragaza umusoro ku nyongeragaciro acibwa ihazabu ingana n'ijana ku ijana (100%) by'umusoro ku nyongeragaciro waciwe kandi akishyura uwo musoro ugaragara kuri iyo nyemezabuguzi;	2° if a non-Value Added Tax registered person issues a Value Added Tax invoice, he or she is liable to an administrative fine of one hundred percent (100%) of the Value Added Tax imposed and pays the tax indicated on that invoice;	2° lorsqu'une personne non-enregistrée à la taxe sur la valeur ajoutée délivre une facture de la taxe sur la valeur ajoutée, elle est passible d'une amende administrative de cent pour cent (100%) de la Taxe sur la valeur ajoutée imposée et paie la taxe se trouvant sur la facture;
3° iyo umuntu akoze inyemezabuguzi ikosheje agambiriye kugabanya umusoro ku nyongeragaciro wishyurwa cyangwa agamije kongera umusoro ku nyongeragaciro uvanwamo acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'ijana ku ijana (100%) by'umusoro ku nyongeragaciro wagombaga kwishyurwa.	3° if a person issues an incorrect Value Added Tax invoice with intention to decrease the amount of Value Added Tax payable or to increase the Value Added Tax input credit, he or she is liable to an administrative fine of one hundred percent (100%) of the amount of the Value Added Tax payable.	3° lorsqu'une personne établit une facture de la taxe sur la valeur ajoutée incorrecte dans le but de réduire la taxe sur la valeur ajoutée due ou d'augmenter la taxe sur la valeur ajoutée déductible, elle est passible d'une amende administrative de cent pour cent (100%) du montant de la taxe sur la valeur ajoutée à payer.
Urwego rwa Leta n'usora wemerewe gufatira umusoro ku nyongeragaciro badafatiriye	A public entity and a taxpayer authorized to withhold the Value Added Tax that fail to	Une entité publique et un contribuable autorisé à retenir la taxe sur la valeur ajoutée

umusoro ku nyongeragaciro cyangwa bawufatiriye ntibawishyure mu Buyobozi bw'imisoro bishyura uwo musoro batafatiriye cyangwa batishyuye hiyongereyeho ibihano n'inyungu z'ubukererwe biteganywa n'iri tegeko.	withhold the Value Added Tax or that withheld Value Added Tax and failed to pay the tax withheld to the Tax Administration pay the Tax not withheld or not paid plus fines and interests for late payment as provided for by this Law.	qui n'ont pas retenu la taxe sur la valeur ajoutée ou qui l'ont retenue mais ne l'ont pas payée à l'Administration fiscale, payent la taxe non retenue ou non payée ainsi que les amendes et les intérêts de retard, tels que prévus par la présente loi.
Ingingo ya 88: Kudatanga inyemezabuguzi ikozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga bikozwe n'umuntu wanditse ku musoro ku nyongeragaciro	**Article 88: Failure to use electronic invoicing system by a person registered for the Value Added Tax**	**Article 88: Non-utilisation du système de facturation électronique par une personne enregistrée à la taxe sur la valeur ajoutée**
Umuntu wanditse ku musoro ku nyongeraciro ugurisha ibintu cyangwa serivisi atabitangiye inyemezabuguzi ikozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro icumi (10) z'agaciro k'umusoro ku nyongeragaciro wanyerejwe.	A person registered for the Value Added Tax who sells goods or services without issuing an electronic invoice is liable to an administrative fine of ten (10) times the value of the evaded Value Added Tax.	Une personne enregistrée à la taxe sur la valeur ajoutée qui vend des biens ou des services sans délivrer une facture électronique est passible d'une amende administrative de dix (10) fois la valeur de la taxe sur la valeur ajoutée éludée.
Iyo ikosa rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ryongeye gukorwa mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2), uwakoze ikosa acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'inshuro makumyabiri (20) z'agaciro k'umusoro.	In case the fault referred to in Paragraph One of this Article is repeated within a period of two (2) years, the defaulter is liable to an administrative fine of twenty (20) times the value of the evaded Value Added Tax.	En cas de récidive de la faute visée à l'alinéa premier du présent article, endéans deux (2) ans, le contrevenant est passible d'une amende administrative de vingt (20) fois la valeur de la taxe sur la valeur ajoutée éludée.
Ingingo ya 89: Kutubahiriza inshingano z'ukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi	**Article 89: Non-compliance with obligations of the user of electronic invoicing system**	**Article 89: Non-respect des obligations de l'utilisateur du système de facturation électronique**
Umuntu utubahiriza inshingano zisabwa	A person who fails to comply with	Une personne qui ne respecte pas les obligations de l'utilisateur du système de

abakoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi zivugwa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 FRW).	obligations of the user of the electronic invoicing system provided for under Article 18 of this Law is liable to an administrative fine of two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000).	facturation électronique prévues par l'article 18 de la présente loi est passible d'une amende administrative de deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW).
Iyo ikosa rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ryongeye gukorwa mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2), ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iba amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana ane (400.000 FRW).	In case the fault referred to in Paragraph One of this Article is repeated within a period of two (2) years, the administrative fine is increased to four hundred thousand Rwandan francs (FRW 400,000).	En cas de récidive de la faute visée à l'alinéa premier du présent article endéans deux (2) ans, l'amende administrative est portée à quatre cent mille francs rwandais (400.000 FRW).
Umuntu wiyandikishije ku musoro nyongeragaciro ukora igikorwa gisoreshwa akagabanya igiciro cyangwa umubare w'ibintu cyangwa serivisi byacurujwe akoresheje inyemezabuguzi y'ikoranabuhanga acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro icumi (10) z'agaciro k'umusoro ku nyongeragaciro wanyerejwe.	A person registered to the Value Added Tax who carries out a taxable transaction and who delivers an electronic invoice with under-valued price or quantity of goods or services is liable to an administrative fine of ten (10) times the value of the evaded Value Added Tax.	Une personne enregistrée à la taxe sur la valeur ajoutée qui fait une transaction imposable et délivre une facture électronique avec sous-estimation de la valeur ou de la quantité des biens ou services vendus est passible d'une amende administrative de dix (10) fois la valeur de la taxe sur la valeur ajoutée éludée.
Iyo ikosa rivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo ryongeye gukorwa mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2) ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iba inshuro makumyabiri (20) z'agaciro k'umusoro ku nyongeragaciro wanyerejwe.	In case the fault referred to in Paragraph 3 of this Article is repeated within a period of two (2) years, the administrative fine is increased to twenty (20) times the value of the Value Added Tax evaded.	En cas de récidive de la faute visée à l'alinéa 3 du présent article endéans deux (2) ans, l'amende administrative est portée à vingt (20) fois la valeur de la taxe sur la valeur ajoutée éludée.
<u>Icyiciro cya 3</u>: Ibyaha n'ibihano	**<u>Section 3</u>: Offences and penalties**	**<u>Section 3 </u>: Infractions et peines**

Ingingo ya 90: Icyaha cyo kunyereza umusoro	**Article 90: Offense of tax evasion**	**Article 90 : Infraction de fraude fiscale**
Umuntu wese ugambiriye kutishyura umusoro ukoze kimwe mu bikorwa bikurikira:	A person who, while intending tax evasion, commits one of the following acts:	Toute personne qui, en visant la fraude fiscale, commet l'un des actes suivants :
1° gukoresha inyandiko mpimbano mu ibaruramari rye;	1º use of forged documents in his or her accounts;	1º usage de documents falsifiés dans sa comptabilité;
2° kwigana no gukoresha inyandiko cyangwa ibikoresho byo mu buyobozi bw'imisoro byifashishwa mu gusoresha;	2º counterfeit and use of documents or materials of the Tax Administration used for taxation;	2º la contrefaçon et l'utilisation des documents ou matériels de l'Administration fiscale utilisés dans l'imposition;
3° guhisha ibicuruzwa bisoreshwa cyangwa imitungo ifitanye isano n'ubucuruzi;	3º hiding taxable goods or assets related to business;	3º cacher les marchandises imposables ou les biens en rapport avec les affaires;
4° gukora imenyekanisha rigaragaza ko usora atacuruje;	4º making a declaration indicating that the taxpayer has not made sales;	4º faire une déclaration indiquant que le contribuable n'a pas fait la vente;
5° guhindura izina ry'ubucuruzi bikozwe n'ukurikiranweho umusoro;	5º changing the trade name by a person prosecuted in relation to tax;	5º changement du nom commercial par une personne poursuivie en rapport avec la taxe;
6° kwandika ubucuruzi ku wundi muntu mu buriganya;	6º fraudulent registration of trade under the name of another person;	6º enregistrement frauduleux du commerce sous le nom d'une autre personne;
7° guhisha Ubuyobozi bw'Imisoro ibitabo by'ibaruramari cyangwa kubyangiza;	7º hiding accounting documents from the Tax Administration or damaging them;	7º cacher les documents de comptabilité à l'Administration fiscale ou les endommager;

8° gukoresha ibitabo by'ibaruramari by'ibihimbano;	8º use of forged accounting records;	8º utilisation des livres de comptabilité falsifiés;
aba akoze icyaha cyo kunyereza umusoro.	commits an offence of tax evasion.	commet une infraction de fraude fiscale.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarengeje imyaka itanu (5).	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than five (5) years.	Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.
Ingingo ya 91: Uburiganya mu busabe bwo gusubizwa umusoro	**Article 91: Fraudulent request for refund of tax**	**Article 91: Demande frauduleuse de remboursement d'impôt**
Usora ukoresha uburiganya asaba gusubizwa umusoro aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarengeje imyaka itanu (5) n'ihazabu ingana n'ijana ku ijana (100%) by'umusoro yasabye atawukwiriye.	A taxpayer who fraudulently claims tax refund commits an offence. If convicted, the taxpayer is liable to imprisonment of a term of not less than two (2) years and not more than five (5) years and to a fine equivalent to one hundred percent (100%) of the amount unduly claimed.	Un contribuable qui frauduleusement réclame le remboursement d'impôt commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende équivalant à cent pour cent (100 %) du montant indûment réclamé.
Ingingo ya 92: Ibihano by'ingereka	**Article 92: Accessories sanctions**	**Article 92 : Sanctions accessoires**
Umuntu wese ukoze ikosa cyangwa icyaha giteganyijwe muri iri tegeko, ashobora guhanishwa ibihano by'ingereka bikurikira:	Any person who commits a fault or an offence provided for by this Law may be liable to the following accessories sanctions:	Toute personne qui commet une faute ou une infraction prévue par la présente loi peut être passible des sanctions accessoires suivantes :
1 º gufungirwa gucuruza mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) kigenwa hagendewe ku buremere bw'ikosa ryakozwe ;	1 º closure of business activities for a period not exceeding thirty (30) days depending on the seriousness of the fault;	1 º suspension des activités commerciales pour une période ne dépassant pas trente (30) jours en fonction de la gravité de la faute;

2 º kutemererwa gupiganira amasoko ya Leta;	2 º to be barred from bidding for public tenders;	2 º exclusion du contribuable de la participation aux marchés publics;
3 º kwamburwa regisitiri y'ubucuruzi;	3 º withdrawal of a business register;	3 º retrait du registre de commerce;
4 º gutangazwa mu bitangazamakuru.	4 º to be published in the media.	4 º publication dans les media.
Uretse igihano giteganywa mu gace ka 1° n'aka 4° tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo bitangwa na Komiseri Mukuru, ibindi bihano bivugwa muri icyo gika bitangwa n'urukiko hakurikijwe uburemere bw'icyaha cyakozwe.	Except the sanctions provided for in items 1° and 4° of Paragraph One of this Article imposed by the Commissioner General, other sanctions provided for by that Paragraph are imposed by the court depending on the gravity of the offence committed.	Sauf les sanctions prévues aux points 1° et 4° de l'alinéa premier du présent article qui sont imposées par le Commissaire général, d'autres sanctions prévues par le présent alinéa sont imposées par la juridiction en fonction de la gravité de l'infraction commise.
Ingingo ya 93: Kutabangamira iyishyurwa ry'umusoro ugomba kwishyurwa n'ikurikiranacyaha ku usora	**Article 93: Non-obstruction of the payment of the tax due and criminal proceedings against a taxpayer**	**Article 93: Non-obstruction au paiement de la taxe due et aux poursuites pénales contre un contribuable**
Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bivugwa muri iri tegeko ntibivanaho iyishyurwa ry'umusoro ugomba kwishyurwa cyangwa ikurikiranacyaha ku usora bireba.	Administrative sanctions provided for in this Law do not cancel either the payment of the tax due or the criminal proceedings against the concerned taxpayer.	Les sanctions administratives prévues dans la présente loi n'annulent ni le paiement de l'impôt dû ni les poursuites pénales contre le contribuable concerné.
UMUTWE WA X: INGINGO ZINYURANYE, IY'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER X: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE X : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

<u>Ingingo ya 94</u>: Ugukuriraho inyungu z'ubukererwe n'ibihano usora wigaragaje	**<u>Article 94</u>: Waiver of interests for late payment and penalties due to voluntary disclosure**	**<u>Article 94</u> : Dispense d'intérêts de retard et de sanctions pour cause de divulgation volontaire**
Inyungu z'ubukererwe n'ibihano bijyanye no kutishyura no kutamenyekanisha umusoro bivugwa muri iri tegeko, ntibicibwa usora wigaragaje mu Buyobozi bw'imisoro akishyura umusoro atishyuye mbere y'uko amenyeshwa ko azagenzurwa.	The interests for late payment and penalties related to the non-payment and non-declaration of tax referred to in this Law do not apply to the taxpayer who voluntarily discloses to the Tax Administration and pays due taxes that he or she didn't pay before being notified of imminent audit.	Les intérêts de retard et les sanctions en rapport avec le non-paiement et la non-déclaration de l'impôt visés dans la présente loi ne s'appliquent pas au contribuable qui fait une divulgation volontaire à l'Administration fiscale et paie l'impôt dû avant que ne lui soit notifiée une vérification imminente.
Ukwigaragaza kuba impamvu yo gukurirwaho inyungu z'ubukererwe n'ibihano iyo gukozwe gusa n'usora utanditse mu Buyobozi bw'imisoro cyangwa usora wanditse wigaragaje akishyura umusoro nyuma y'ubusaze bw'ububasha bwo kugenzura buvugwa mu ngingo ya 35 y'iri tegeko.	The voluntary disclosure leads to waiver of interests for late payment and penalties only if it is done by a taxpayer not registered with the Tax Administration or by a registered taxpayer who voluntarily discloses and pays tax after the time limit for audit referred to in Article 35 of this Law.	La divulgation volontaire donne lieu à la dispense d'intérêts de retard et de sanctions si elle est faite par un contribuable non enregistré à l'Administration fiscale ou par un contribuable enregistré qui fait une divulgation volontaire et paie l'impôt après la prescription du pouvoir d'audit visée à l'article 35 de la présente loi.
Icyakora, Minisitiri ashobora gushyiraho igihe cyo kwigaragaza kw'abasora banditswe ariko batarebwa n'ibivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo.	However, the Minister may open a voluntary disclosure period for registered taxpayers not covered under provisions of Paragraphs One and 2 of this Article.	Cependant, le Ministre peut ouvrir un délai de divulgation volontaire pour les contribuables enregistrés qui ne sont pas couverts par les dispositions des alinéas premier et 2 du présent article.
Iteka rya Minisitiri rigena uburyo n'ibisabwa kugira ngo abasora bemererwe uburenganzira bukomoka ku kwigaragaza.	An order of the Minister determines modalities and conditions to benefit from voluntary disclosure incentives.	Un arrêté du ministre détermine les modalités et conditions pour bénéficier des avantages liés à la divulgation volontaire

Ingingo ya 95: Ihagarika ryo kwiyongera kw'inyungu z'ubukererwe n'ibihano	**Article 95: Suspension of accrual of interests for late payment and penalties**	**Article 95 : Suspension des intérêts de retard et des pénalités**
Usora uberewemo umwenda n'Ubuyobozi bw'imisoro, ahagarikirwa ukwiyongera kw'ibihano n'inyungu z'ubukererwe bibarirwa ku ngano y'umwenda Ubuyobozi bw'imisoro bumubereyemo. Ibihano n'inyungu z'ubukererwe bihagarara kubarwa guhera ku munsi umwenda w'ubuyobozi bw'imisoro uvukiye.	A taxpayer with accounts receivable from the Tax Administration is entitled to suspension of penalties and accrual of late payment interests on the total outstanding amount owed by the Tax Administration. The suspension of the accrual of interests for late payment and penalties takes effect from the day the debt due by the Tax Administration comes into existence.	Un contribuable ayant une créance à l'encontre de l'Administration fiscale a droit à la suspension des pénalités et des intérêts de retard calculables sur le montant total dû par l'Administration fiscale. La suspension des intérêts de retard et des pénalités prend effet à partir du jour où la dette due par l'Administration fiscale prend naissance.
Inyungu n'ibihano by'ubukererwe bivugwa mu ngingo ya 80 n'iya 82 z'iri tegeko bicibwa usora bibariwe ku musoro fatizo ntibishobora kurenga ijana ku ijana (100%) by'umusoro fatizo bikomatanyije.	Interests for late payment and penalties referred to in Articles 80 and 82 of this Law to be incurred by the taxpayer on principal tax cannot cumulatively exceed one hundred per cent (100%) of related principal tax.	Les intérêts de retard et les pénalités visés aux articles 80 et 82 de la présente loi à l'encontre du contribuable sur l'impôt principal ne peuvent pas cumulativement excéder cent pour cent (100%) de l'impôt principal y relatif.
Ingingo ya 96: Kugira ibanga ry'akazi	**Article 96: Duty of professional secrecy**	**Article 96 : Obligation de secret professionnel**
Umukozi wese w'Ubuyobozi bw'imisoro abujijwe gutangaza amakuru arebana n'imitangire y'umusoro, imiterere n'imikoreshereze by'umutungo by'usora.	Every employee of the Tax Administration is prohibited from disclosing any information on tax status, nature and use of property of a taxpayer.	Il est interdit à tout employé de l'Administration fiscale de révéler des informations en rapport avec la situation fiscale, la nature et l'utilisation du patrimoine du contribuable.
Icyakora, ibi bikurikira ntibifatwa nko kutubahiriza inshingano yo kutamena ibanga ry'akazi:	However, the following circumstances are not considered as a violation of the duty of professional secrecy:	Toutefois, les cas suivants ne constituent pas une violation l'obligation de secret professionnel :

1° iyo umukozi ubifitiye ububasha ahaye amakuru yamenye mu mirimo yerekeranye n'imisoro:	1° if an authorized officer provides information obtained in the course of tax proceeding to:	1° lorsqu'un agent compétent fournit des informations obtenues au cours de la procédure d'imposition :
a) Ubuyobozi bw'imisoro cyangwa abakozi bashinzwe kwishyuza imisoro kugira ngo bayifashishe mu bibazo by'imisoro;	a) Tax Administration or tax collection officers for use in tax matters;	a) à l'Administration fiscale ou aux agents administratifs de l'impôt pour leur usage en matière fiscale;
b) abashinzwe gukurikirana ibyaha birebana n'imisoro;	b) to persons responsible for prosecution of tax-related offences;	b) aux agents chargés de la poursuite pénale en matière fiscale;
2° iyo Minisitiri akoresheje amakuru akomoka ku isoresha mu gukusanya imibare cyangwa kuyisesengura kandi nta basora bavuzwe;	2º if the Minister uses, in a form that does not reveal the identity of taxpayers, the information collected in tax proceeding for statistical or analytical purposes;	2° lorsque le Ministre, sans révélation de l'identité des contribuables, utilise des informations recueillies lors de la procédure d'imposition pour fins de statistiques ou d'analyse;
3° iyo usora yemereye abandi bagira uruhare mu isoresha uburenganzira bwo kutagira ibanga ry'akazi.	3º if the taxpayer releases other persons involved in a tax proceeding from the duty of professional secrecy.	3° lorsque le contribuable dispense d'autres personnes qui interviennent dans la procédure d'imposition de leur obligation de secret professionnel.
Uburenganzira buvugwa mu gace ka 3° k'igika cya 2 cy'iyi ngingo buba bwanditse kandi bushobora kugarukira ku makuru, ku mpamvu cyangwa ku muntu byihariye.	The authorization provided for in item 3º of Paragraph 2 of this Article is in writing and may be limited to specific information, purpose or person.	La dispense prévue au point 3° de l'alinéa 2 du présent article est faite par écrit et est susceptible d'être limitée à une information, un objet ou une personne déterminés.
Umuntu wahawe inshingano zimusaba kugira ibanga ry'akazi, ntakurikiranwaho kurimena iyo atanze amakuru mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'iri	A person having a duty of confidentiality cannot be prosecuted for breach of confidentiality if he or she discloses information in order to enforce provisions of	Une personne ayant un devoir de confidentialité ne peut être poursuivie pour violation de la confidentialité si elle divulgue des informations en application des

tegeko cyangwa amasezerano mpuzamahanga yerekeye imisoro u Rwanda rwemeje burundu.	this Law or tax treaties ratified by Rwanda.	dispositions de la présente loi, ou des conventions fiscales ratifiées par le Rwanda.
Ingingo ya 97: Ububasha bwo kugera ku makuru	**Article 97: Power of access to information**	**Article 97 : Pouvoir d'accéder à l'information**
Ubuyobozi bw'imisoro bufite ububasha bwo kugera ku makuru afitwe n'umuntu wese kandi ashobora gufasha mu ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko, iry'andi mategeko y'imisoro akoreshwa mu Gihugu n'amasezerano yose yerekeye imisoro yemejwe burundu n'u Rwanda.	The Tax Administration is entrusted with powers to access to information held by any person and that may facilitate the implementation of this Law, other tax laws in force and all tax treaties ratified by Rwanda.	L'Administration fiscale a le pouvoir d'accéder à l'information détenue par toute personne et susceptible de faciliter l'application de la présente loi, des autres lois fiscales en vigueur et de toutes les conventions fiscales ratifiées par le Rwanda.
Iyo ubuyobozi bw'imisoro busabye amakuru hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo, umuntu bireba atanga amakuru yasabwe mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) y'akazi ibarwa uhereye ku munsi yakiriyeho ubusabe.	If the Tax Administration requests for information in accordance with provisions of Paragraph One of this Article, the person concerned provides the requested information within ten (10) working days from the receipt of the request.	Lorsque l'Administration fiscale demande des informations conformément aux dispositions de l'alinéa premier du présent article, la personne concernée fournit les informations demandées dans les dix (10) jours ouvrables à compter de la réception de la demande.
Ibivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo byubahirizwa no ku muntu cyangwa ikigo gifite inshingano yo kugira ibanga.	The provisions of Paragraph 2 of this Article also apply to a person or an institution bound by confidentiality.	Les dispositions de l'alinéa 2 du présent article s'appliquent également à la personne ou l'institution tenue par le secret.
Ingingo ya 98: Kugirwa inama no guhagararirwa	**Article 98: Counsel and representation**	**Article 98: Conseil et représentation**
Usora afite uburenganzira bwo guhagararirwa n'umuntu wabigize umwuga	The taxpayer has the right to be represented by a qualified professional during any	Le contribuable a le droit d'être représenté par un professionnel qualifié lors de toute

mu mishyikirano yose agirana n'Ubuyobozi bw'imisoro. Uwabigize umwuga aba afite icyemezo kiriho umukono w'usora n'itariki yakimuhereyeho. Icyakora Avoka ntasabwa icyo cyemezo.	communication with the Tax administration. The professional holds power of attorney with a signature of the taxpayer and the date on which it was given. However, an advocate is not required to hold such a power of attorney.	communication avec l'Administration fiscale. Le professionnel détient une procuration signée et datée par le contribuable. Toutefois, un avocat n'est pas requis de se munir de cette procuration.
Amabwiriza ya Komiseri Mukuru agena ibyangombwa n'imikorere y'abantu bagize umwuga wo kunganira abasora.	Directives of the Commissioner General determine the conditions and functioning of qualified professionals who represent taxpayers.	Les directives du Commissaire général déterminent les conditions et les modalités de représentation des contribuables par des professionnels qualifiés.
Uretse Avoka, umuntu wabigize umwuga uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ashobora guhagarikwa na Komiseri Mukuru mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2) iyo arenze ku biteganywa n'iri tegeko cyangwa amabwiriza arishamikiyeho.	Except for an advocate, a qualified professional referred to in Paragraph One of this Article may be suspended by the Commissioner General for a period not exceeding two (2) years, if the qualified professional contravenes provisions of this Law or related directives.	Sauf pour un avocat, le Commissaire général peut suspendre pendant un délai n'excédant pas deux (2) ans le professionnel qualifié visé à l'alinéa premier du présent article pour violation des dispositions de la présente loi ou des directives connexes.
Uhagaritswe ashobora kujuririra Minisitiri mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva ashyikirijwe ibaruwa imuhagarika. Minisitiri afata icyemezo kuri ubwo bujurire mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60).	The suspended professional may appeal against this suspension to the Minister in a period not exceeding fifteen (15) days from the day of receipt of suspension letter. The Minister decides on such an appeal in a period not exceeding sixty (60) days.	Le professionnel suspendu peut introduire un recours contre cette suspension auprès du Ministre dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours à compter de la réception de la lettre de suspension. Le Ministre se prononce sur ce recours dans un délai n'excédant pas soixante (60) jours.
<u>Ingingo ya 99</u>: Iyishyurwa ry'umusoro ku nyongeragaciro ufatirwa	**<u>Article 99</u>: Payment of withheld Value Added Tax**	**<u>Article 99</u> : Paiement de la taxe sur la valeur ajoutée retenue à la source**
Mu mitangire y'amasoko ya Leta, umusoro ku nyongeragaciro ufatirwa n'urwego rwa	The Value Added Tax on public tenders is withheld by the procuring public entity.	La taxe sur la valeur ajoutée payable sur les marchés publics est retenue par l'entité

Leta rwatanze isoko.		publique de passation de marché.
Komiseri Mukuru ashobora kugena undi muntu wemerewe gufatira umusoro ku nyongeragaciro.	The Commissioner General may designate another person authorized to withhold the Value Added Tax.	Le Commissaire général peut désigner une autre personne habilitée à retenir la taxe sur la valeur ajoutée.
Urwego rwa Leta rwatanze isoko cyangwa undi muntu wabyemerewe mu buryo buvugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo bafite inshingano yo gukora imenyekanisha ry'umusoro hakurikijwe uburyo n'imiterere bigenwa na Komiseri Mukuru kandi bakishyura uwo musoro mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira ukwezi bakiriyemo inyemezabuguzi irimo umusoro ku nyongeragaciro.	The public procuring entity or such other person authorized by virtue of Paragraph 2 of this Article has the responsibility to submit a tax declaration in a manner and a form prescribed by the Commissioner General and pay the tax withheld within fifteen (15) days following the end of the month in which the invoice with Value Added Tax is received.	L'entité publique de passation de marché ou toute autre personne désignée suivant les dispositions de l'alinéa 2 du présent article, a la responsabilité de soumettre une déclaration fiscale suivant les modalités et la forme prescrites par le Commissaire général et de payer l'impôt retenu dans les quinze (15) jours suivant la fin du mois au cours duquel elle a reçu la facture comprenant la taxe sur la valeur ajoutée.
Usora wafatiriwe umusoro ku nyongeragaciro amenyekanisha mu buryo n'imiterere bivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, umusoro yafatiriwe.	A taxpayer subject to withheld Value Added Tax declares the withheld tax in accordance with the manner and form prescribed in Paragraph 3 of this Article.	Le contribuable ayant fait l'objet de retenue de la taxe sur la valeur ajoutée déclare la taxe retenue selon les modalités et la forme prescrites à l'alinéa 3 du présent article.
<u>Ingingo ya 100</u>: Komite ishinzwe politiki y'isoresha	**<u>Article 100</u>: Tax policy Committee**	**<u>Article 100 </u>: Comité chargé des politiques fiscales**
Hashyizweho Komite ishinzwe politiki y'isoresha ifite inshingano yo kugira inama Minisitiri kuri politiki n'ibibazo byose bijyanye n'isoresha.	There is hereby established a Tax policy Committee in charge of advising the Minister on all policies and issues related to taxation.	Il est institué un Comité chargé des politiques fiscales ayant pour mission de conseiller le Ministre sur les politiques et les questions liées à la fiscalité.
Iteka rya Minisitiri rigena abagize Komite ishinzwe politiki y'isoresha, imiterere n'imikorere yayo.	An Order of the Minister determines the composition, organization and functioning of the Tax Policy Committee.	Un arrêté du Ministre détermine la composition, l'organisation et le fonctionnement du Comité chargé des

		politiques fiscales.
<u>Ingingo ya 101</u>: Uburyo bwo gutanga inyungu zikomoka ku masezerano yo kuvanaho gusoresha kabiri no gukumira inyerezwa ry'umusoro	**<u>Article 101</u>: Procedure for granting benefits under agreements for avoidance of double taxation and prevention of tax evasion**	**<u>Article 101</u> : Procédure d'octroi des avantages prévus par les accords pour éviter la double imposition et prévenir la fraude fiscale**
Inyungu zikomoka ku masezerano yo kuvanaho gusoresha kabiri no gukumira inyerezwa ry'umusoro zitangwa nyuma yo guha agaciro icyemezo cy'aho umuntu usora abarizwa mu buryo buteganywa n'Ubuyobozi bw'imisoro.	The benefits provided by the agreements for avoidance of double taxation and prevention of tax evasion are granted after validation of the residence certificate for tax purposes in the manner determined by the Tax administration.	Les avantages prévus par les accords pour éviter la double imposition et prévenir la fraude fiscale sont octroyés après validation du certificat de résidence pour des fins d'imposition selon les modalités déterminées par l'Administration fiscale.
Komiseri Mukuru ashyiraho amabwiriza agena uburyo, ubwumvikane n'ubufatanye mu kwishyuza umusoro biteganywa n'amasezerano yo kuvanaho gusoresha kabiri no gukumira inyereza ry'umusoro bikorwa.	The Commissioner General establishes directives for procedure, mutual agreement and assistance in collection of taxes provided for in the agreements for avoidance of double taxation and prevention of tax evasion.	Le Commissaire général édicte les directives pour la procédure, l'accord mutuel et l'assistance dans le recouvrement des impôts prévus par les accords pour éviter la double imposition et prévenir la fraude fiscale.
<u>Ingingo ya 102</u>: Igihembo kigenerwa uwatanze amakuru ku inyerezwa ry'umusoro	**<u>Article 102</u>: Award for denunciation of tax evasion**	**<u>Article 102</u> : Récompense pour dénonciation de la fraude fiscale**
Umuntu wese utanze amakuru ku inyerezwa ry'umusoro ahabwa igihembo n'Ubuyobozi bw'imisoro.	Any person who reports a case of tax evasion is awarded by the Tax Administration.	Toute personne qui signale un cas de fraude fiscale est récompensée par l'Administration fiscale.
Iteka rya Minisitiri rigena igihembo gihabwa umuntu watanze amakuru ku inyereza ry'umusoro.	An Order of the Minister determines the award given to a person for reporting a case of tax evasion.	Un arrêté du Ministre détermine la récompense attribuée à une personne pour dénonciation de la fraude fiscale.

Ingingo ya 103: Igihe cy'inzibacyuho	**Article 103: Transitional period**	**Article 103 : Période transitoire**
Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro gihawe igihe cy'amezi atatu (3) abarwa uhereye ku munsi iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo kibe cyamaze guhuza sisitemu y'imisoro n'ibiteganywa n'iri tegeko.	The Rwanda Revenue Authority has three (3) months from the day of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda to bring the tax management system into conformity with the provisions of this Law.	L'Office Rwandais des Recettes dispose d'un délai de trois (3) mois à compter du jour de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour mettre à jour le système de gestion fiscale conformément aux dispositions de la présente loi.
Ingingo ya 104: Ingingo y'ururimi	**Article 104: Language provision**	**Article 104 : Disposition linguistique**
Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.	La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.
Ingingo ya 105: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 105: Repealing provision**	**Article 105 : Disposition abrogatoire**
Itegeko N° 026/2019 ryo ku wa 8/09/2019 rigena uburyo bw'isoresha n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.	Law n° 026/2019 of 8/09/2019 on tax procedures and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed.	La Loi n° 026/2019 du 8/09/2019 portant procédures fiscales ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.
Ingingo ya 106: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 106: Commencement**	**Article 106 : Entrée en vigueur**
Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 31/03/2023 **(sé)** **KAGAME Paul** Perezida wa Repubulika President of the Republic Président de la République
(sé) **Dr NGIRENTE Edouard** Minisitiri w'Intebe Prime Minister Premier Ministre
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: **Seen and sealed with the Seal of the Republic:** **Vu et scellé du Sceau de la République :** **(sé)** **Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel** Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Minister of Justice and Attorney General Ministre de la Justice et Garde des Sceaux